Ku bigo by'ubwishingizi bya Leta abanyamigabane cyangwa abafatanyabikorwa bagomba gufatwa mu rwego rumwe nk'abayobozi ba Leta, igihe bikwiye.

Nyiri ikigo cy'ubwishingizi cya Leta ni Leta kandi iba ifite inshingano zo gukoresha ububasha bwayo ku buryo inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi cya Leta iba igizwe n'abantu bafite ubushobozi kandi b'inyangamugayo kugira

Article 7: Responsibilities of the owner of Public insurers

In case of public insurers, references to shareholders or stakeholders shall be interpreted as reference to government authorities, where relevant.

The owner of a public insurer is the Government and the latter holds the responsibility to exercise its authority to ensure that the board of a public insurer is composed of competent and credible persons and

Article 7: Responsabilités du propriétaire des assureurs publics

Dans le cas des assureurs publics, les références aux actionnaires ou aux partenaires doivent être interprétées comme référence aux autorités gouvernementales, le cas échéant.

Le propriétaire d'un assureur public est le gouvernement et ce dernier a la responsabilité d'exercer son pouvoir de s'assurer que le conseil d'administration d'un assureur public est composé de personnes compétentes et crédibles et de tenir le

ngo babe basaba inama y'ubutegetsi kwisobanura ku nshingano ku byerekeye imiyoborere y'umwishingizi.

Ubu bubasha bukoreshwa binyuze muri minisiteri ibishinzwe.

Ibisabwa ku byerekeye ishyirwaho, itoranya n'ivanwaho ry'abagize inama y'ubutegetsi; igihe bamara ku mirimo; hamwe n'inshingano zabo biba biri mu mategeko agenga buri kigo cya Leta cy'ubwishingizi, hamwe n'amateka ya perezida n'aya minisitiri.

to hold the board accountable and responsible for the governance of the insurer.

This authority is exercised through the relevant government ministry.

The requirements for nomination, selection and dismissal of board members; term of office of board members and roles and responsibilities of the board are prescribed by the governing legislation of each public insurer, along with the relevant presidential and ministerial orders.

conseil d'administration responsable de la gouvernance de l'assureur.

Cette autorité est exercée par le ministère gouvernemental concerné.

Les exigences de nomination, de sélection et de révocation des membres du conseil d'administration, le mandat des membres du conseil d'administration et les rôles et responsabilités du conseil d'administration sont prescrits par la législation applicable de chaque assureur public, ainsi que les arrêtés présidentiels et ministériels approprés.

UMUTWE WA III: UBURYO BUKWIYE BWO GUTANGA INSHINGANO ZO KUGENZURA NO KUYOBORA

Ingingo ya 8: Ubugenzuzi bw'inama y'ubutegetsi

Inama y'ubutegetsi ishinzwe kugenzura ko umwishingizi afite uburyo bw'imiyoborere y'ikigo busobanutse neza butuma habaho gutandukanya imirimo yo kugenzura n'iyo kuyobora.

Inama y'ubutegetsi ishinzwe imirimo y'ubugenzuzi, isobanurwa nk'iyo gutanga ingamba n'icyerekezo rusange by'umwishingizi, ndetse n'ubwuzuzanye kugirango ubuyobozi bushyireho ingamba na politiki biboneye.

CHAPTER III: APPROPRIATE ALLOCATION OF OVERSIGHT AND MANAGEMENT RESPONSIBILITIES

Article 8: Board oversight

The board is responsible for ensuring that the insurer has a well-defined corporate governance framework that provides for the separation of oversight and management functions.

The board is responsible for oversight functions, which are defined as those providing overall strategy and direction for the insurer, as well as checks and balances to ensure the effective implementation of strategies and policies by the management.

CHAPITRE III: ATTRIBUTION APPROPRIEE DES RESPONSABILITES DE CONTROLE ET DE GESTION

Article 8: Contrôle par le Conseil

Le conseil doit veiller à ce que l'assureur dispose d'un cadre bien défini de gouvernance d'entreprise qui prévoit la séparation des fonctions de contrôle et de gestion.

Le conseil est responsable des fonctions de contrôle, qui sont définies comme celles qui donnent la stratégie et l'orientation globales de l'assureur, ainsi que les freins et contrepoids pour assurer la mise en œuvre efficace des stratégies et des politiques par la direction.

Abari mu nzego z'ubuyobozi b'ingenzi ndetse n'ubuyobozi bashinzwe imirimo y'ubuyobozi, harimo imicungire ya buri munsi y'umwishingizi ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba na politiki byemejwe.	Key executives and management are responsible for management functions, which includes the day-to-day management of the insurer and implementation of approved strategies and policies.	Les cadres clés et la direction sont responsables des fonctions de gestion, qui comprennent la gestion quotidienne de l'assureur et la mise en œuvre des stratégies et politiques approuvées.
Inama y'ubutegetsi ishinzwe kugenzura abakozi b'ingenzi harimo n'umuyobozi nshingwabikorwa mukuru, umuyobozi mukuru, ndetse n'abandi b'ingenzi mu mirimo y'ubugenzuzi. Inama y'ubutegetsi ikora umurimo wayo w'ubugenzuzi binyuze muri politiki y'inzego n'iz'imiyoborere hamwe n'intego z'imikorere zashyizweho.	The board is responsible for oversight of key employees including the chief executive officer/managing director, other members of senior management/general directorate, and key persons in control functions. The board exercises its oversight function through organisational and governance policies and established performance objectives.	Le conseil est responsable du contrôle des employés clés, y compris le directeur général, les autres membres de la direction générale et les personnes clés dans les fonctions de contrôle. Le conseil exerce sa fonction de surveillance par le biais de politiques d'organisation et de gouvernance et des objectifs établits de rendement.
Inama y'ubutegetsi isaba ubuyobozi bukuru kwisobanura ku nshingano ku birebana n'umusaruro, bityo bigatuma habaho itandukana ry'inama y'ubutegtsi n'ubuyobozi bukuru, ikanashimangira ububasha bwayo ku buyobozi.	The board holds senior management accountable for results, which ensures the separation of the board from management and reinforces its authority over management.	Le conseil tient la haute direction responsable des résultats, ce qui assure la séparation du conseil d'administration et renforce son autorité sur la gestion.
Inama y'ubutegetsi igomba gushyiraho intego zumvikana kandi zitabogamye ndetse n'ingamba kugira ngo umwishingizi ndetse n'ubuyobozi bukurubashyire mu bukorwa ingamba zashyizweho.	The board shall establish clear and objective performance goals and measures for the insurer and senior management to ensure effective implementation of approved strategies.	Le conseil doit établir des mesures de rendement claires et objectives pour l'assureur et la haute direction afin d'assurer la mise en œuvre efficace des stratégies approuvées.
Inama y'ubutegetsi igomba kandi gusuzuma buri gihe imikorere y'ubuyobozi bukuru hashingiwe ku ntego z'imikorere zashyizweho.	The board shall regularly assess the performance of senior management against the established performance goals.	Le conseildoit évaluer régulièrement le rendement de la haute direction par rapport aux objectifs de rendement établis.
Inshingano z'inama y'ubutegetsi ku byerekeye ubugenzuzi zinareba abatari abakozi b'ikigo bahawe amasezerano yo gukora imirimo yerekeye	Board responsibility for oversight extends to third parties contracted to perform functions related to governance, as well as any outsourced functions.	La responsabilité du conseil d'administration s'étend aux tierces personnes contractées pour exercer des fonctions liées à la gouvernance, ainsi qu'aux fonctions sous-traitées.

ubuyobozi ndetse n'indi mirimo ikorwa n'abantu bo hanze y'ikigo.

Ingingo ya 9: Isaranganywa ry'imirimo n'inshingano

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo habaho igabana risobanutse ry'imirimo n'inshingano by'inama y'ubutegetsi muri rusange, iza buri tunama tw'inama y'ubutegetsi twashyizweho ndetse n'iz'ubuyobozi bukuru.

Isaranganywa ry'imirimo n'inshingano ku bagize inama y'ubutegetsi rigomba kubahiriza ubwigenge no kutabogama bikenewe kuri buri murimo wihariye. Abagize inama y'ubutegetsi bigenga ni bo baba bakenewe cyane mu gukora imirimo y'ubugenzuzi kubera ko batagira uruhare mu mirimo y'umwishingizi iba iri gukorwa.

Ingingo ya 10: Ubuyobozi bw'ikigo cy'ubwishingizi cya Leta

Ibisabwa abagize ubuyobozi bukuru cyangwa ku murimo w'ubuyobozi, harimo amashuri bize, uko bashyirwaho, iyemezwa n'inshingano byabo, bigenwa n'amategeko agenga ikigo cy'ubwishingizi cya Leta.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIYOBORERE Y'INAMA Y'UBUTEGETSI

Article 9: Allocation of roles and responsibilities

The board shall ensure there is a clear allocation of the roles and responsibilities of the board as whole, of any of established board committees and senior management.

Allocation of roles and responsibilities to individual board members must take into consideration the need for independence or objectivity required for the specific role. Independent directors are more suitable for performing oversight functions, as they are not involved in the ongoing management of the insurer.

Article 10: Management of public insurer

Requirements for members of the general directorate or management function, including qualifications, appointment, approval and responsibilities, are determined by the governing legislation of the public insurer.

CHAPTER IV: STRUCTURE AND GOVERNANCE OF THE BOARD

Article 9: Attribution des rôles et des responsabilités

Le conseil doit s'assurer qu'il y ait une répartition claire des rôles et des responsabilités pour le conseil dans son ensemble, des comités du conseil qui ont été établis et de la haute direction.

L'attribution des rôles et des responsabilités aux membres du conseil doit tenir compte du besoin d'indépendance ou d'objectivité requises pour le rôle spécifique. Les administrateurs indépendants sont plus aptes à exercer des fonctions de contrôle, car ils ne participent pas à la gestion continue de l'assureur.

Article 10: Gestion de l'assureur public

Les exigences concernant les membres de la direction générale ou de la fonction de gestion, y compris leurs qualifications, la nomination, approbation et les responsabilités, sont déterminées par la législation en vigueur de l'assureur public.

CHAPITRE IV: STRUCTURE ET GOUVERNANCE DU CONSEIL

Icyiciro cya mbere: Ishyirwaho ry'inama y'ubutegetsi

Ingingo ya 11: Imboni y'imiyoborere y'ikigo

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi igomba kuba imboni y'uburyo bw'imiyoborere y'ikigo.

Abanyamigabane b'umwishingizi bashinzwe gushyiraho inama y'ubutegetsi ishoboye kandi yitanga, ifite inshingano yo kuyobora ikigo cy'ubwishingizi no gukora ku buryo kigera ku ntego yacyo, gushyiraho intego z'igihe kirekire, gushyiraho uburyo bw'igenzura bushishoza kandi bugatanga umusaruro utuma ibyateza ingorane bigenzurwa zikanacungwa, gushyiraho indangagaciro z'ikigo n'ibipimo ngenderwaho, no gukora ku buryo ibyo ikigo kigomba gukorera abanyamigabane n'abandi bafatanyabikorwa byumvikana kandi bikagerwaho.

Ishyirwaho ry'abari mu nama y'ubutegetsi, perezida na visi perezida b'inama y'ubutegsti rigomba kubahiriza ihame ry'ugukomeza kw'ibikorwa mu gihe cy'ibibazo bikomeye kugirango inama y'ubutegetsi ndetse na komite zayo zikore neza.

Uko byagenda kose, isosiyete mbyeyi y'umwishingizi wigenga w'umunyamahanga ntishobora gushyiraho abagize inama y'ubutegetsi barenze icya gatatu (1/3) cy'abari mu nama

Section one: Appointment of the board

Article 11: Focal point of corporate governance system

The board of directors of an insurer must be the focal point of the corporate governance system of the organisation.

The shareholders of an insurer are responsible for the appointment of a competent and dedicated board of directors whose task is to lead the insurer and ensure its success, set its strategic aims, provide a framework of prudent and effective controls which enable risks to be controlled and managed, set the corporate values and standards, and ensure that obligations to shareholders and other stakeholders are understood and met.

The appoitment of board members, chair and vice chair of the board of directors shall ensure the principle of continuity for the smooth functioning of the board and its committees.

In no case, foreign parent insurance company shall not appoint more than a third (1/3) of the board members in its subsidiary company operating on Rwandan territory.

Section première: Nomination du Conseil d'administration

Article 11: Point focal du système de gouvernance d'entreprise

Le Conseil d'administration d'un assureur doit être le point focal du système de gouvernance d'entreprise de l'organisation.

Les actionnaires d'un assureur sont responsables de la nomination d'un conseil d'administration compétent et dévoué ayant la tâche de diriger l'assureur et d'assurer son succès, définir ses objectifs stratégiques, prévoir un cadre de contrôles prudents et efficaces qui permettent à ce que les risques soient contrôlés et gérés, mettre en place les valeurs et normes de l'entreprise et s'assurer que les obligations envers les actionnaires et autres partenaires sont comprises et réalisées.

La nomination des membres du conseil d'administration et du président et vice-président du conseil d'administration doit observer le principe de continuité pour le bon fonctionnement du conseil et de ses comités.

A aucun cas, aucune societé mère d'assurance ne peut nommer plus d'un tier (1/3) des membres du conseil d'administration de sa filiale opérant sur le territoire de la Republique du Rwanda**.**

y'ubutegetsi b'isosiyete yabyawe n'indi ikorera ku butaka bw'u Rwanda.

Ingingo ya 12: Abagize inama y'ubutegetsi na manda yabo

Inama y'ubutegetsi igomba kugira abantu bahagije kandi bafite ubunararibonye bukwiye kugira ngo habeho ubuyobozi bwiza n'ubugenzuzi by'ikigo cy'ubwishingizi. Umubare n'imiterere by'abagize inama y'ubutegetsi, ndetse n'urwego rusange rw'ubumenyi n'ubuhanga, bigomba kuba bijyanye n'ubwoko, urwego n'urusobe rw'imirimo by'ikigo cy'ubwishingizi.

Kugira ngo iyi nshingano yubahirizwe ku buryo bukwiye, ibigo by'ubwishingizi byose bibifitiye uruhushya, harimo n'abishingizi magirirane bigomba kugira nibura abantu barindwi (7) bari mu nama y'ubutegetsi. Ibigo by'ubwishingizi binini bifite serivisi n'ibyateza ingorane nyinshi kandi zinyuranye bigira umubare munini w'abagize inama y'ubutegetsi benshi kandi bafite ubumenyi busabwa mu rwego rwo kugenzura neza ibikorwa by'ikigo cy'ubwishingizi.

Inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi cyigenga igomba kugira inshingano yo guhitamo umwe mu bayigize kugira ngo abe umuyobozi wayo.

Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi agomba kuba uri mu nama y'ubutegetsi wigenga.
Inama y'ubutegetsi iha amakuru Banki Nkuru iyo hagize uwegura cyangwa uvanwa ku mirimo mu

Article 12: Board composition and term of office

The board shall have a sufficient number of members with relevant experience to provide effective leadership and oversight of the insurer. The number and mix of board members, as well as the overall level of knowledge and expertise, shall be appropriate to the nature, scale and complexity of the insurer's business.

To ensure that this responsibility is met adequately, all licensed private insurers, including mutual insurers, shall have a minimum of seven (7) directors. Larger insurers with more complex products and risks shall have a larger number of appropriately qualified board members in order to adequately oversee the insurer's business.

The board of a private insurer shall be responsible for selecting one of its members to be the chairperson.

The chairperson shall be an independent director.
The Board shall report to the Central Bank any resignation or removal of any of its members within seven (7) days.

Article 12: Composition du conseil et leurs mandats

Le conseil doit compter un nombre suffisant de membres possédant une expérience requise pour assurer un leadership et un contrôle efficaces de l'assureur. L'effectif et la composition du conseil d'administration ainsi que le niveau général des connaissances et de l'expertise doivent être appropriés à la nature, à l'ampleur et à la complexité des activités de l'assureur.

Pour s'assurer que cette responsabilité est remplie de façon adéquate, tous les assureurs privés agréés, y compris les assureurs mutuels doivent avoir un minimum de sept (7) administrateurs. Les grands assureurs dont les produits et les risques sont plus complexes doivent avoir un plus grand nombre de membres du conseil dûment qualifiés afin de superviser adéquatement les activités de l'assureur.

Le conseil d'un assureur privédoit être responsable de la sélection de l'un de ses membres au poste de président.

Le président du conseil d'administration doit être un administrateur indépendant.
Le Conseil fait rapport à la Banque Centrale de toute démission ou révocation de l'un de ses

bagize inama y'ubutegetsi mu gihe cy'iminsi irindwi (7).

membres dans un délai de sept (7) jours.

Ku kigo cy'ubwishingizi cya Leta, gushyiraho abagize inama y'ubutegetsi harimo no gushyiraho umuyobozi wayo n'umwungirije biteganywa n'amategeko akigenga.

For public insurer, appointment of board members including the appointment of the chairperson and deputy chairperson, are provided for by its governing legislation.

Pour l'assureur public, la nomination des membres du conseil d'administration, y compris la nomination du président et du vice-président, est prévue par sa législation en vigueur.

Buri muntu ugize inama y'ubutegetsi y'umwishingizi wigenga amara imyaka (3) ishobora kongerwa inshuro ebyiri gusa.

Every board member must be appointed for (3) three years renewable only twice.

Chaque administrateur est nommé pour un mandat de trois (3) ans renouvellable seulement deux fois.

Kongerwa kwa manda kuvugwa mu gika cya karindwi (7) n'icya munani (8) by'iyi ngingo ku bari mu nama y'ubutegetsi kugomba kwemezwa na Banki Nkuru.

The renewal of a Director's term referred to in paragraph 7 and 8 of this Article must be approved by the Central Bank.

Le renouvellement du mandat d'un Administrateur visé aux paragraphes 7 et 8 du présent article doit être approuvé par la Banque Centrale.

Kugenwa ngo yongere gutorerwa indi manda ku uwari usanzwe mu nama y'ubutegetsi ntibibigomba gufatwa nk'aho manda ye ikimara kurangira aba yagenwe; ahubwo bikurikiza inzira zamenyekanishijwe kandi bikanashingira ku mikorere ihamye yari asanganywe.

The nomination for re-election of a board member shall not be assumed but be based on disclosed procedures and continued satisfactory performance.

La candidature à la réélection d'un membre du conseil d'administration ne doit pas être supposée, mais elle doit être fondée sur les procédures divulguées et une performance continue et satisfaisante.

Nyuma yo gukurwa ku mirimo ye, kwegura ku bushake, cyangwa aretse akazi ku zindi mpamvu, ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umuyobozi mukuru ashobora gukorera uwo murimo cyangwa indi mirimo undi mwishingizi.

After his/her removal or resignation from the office or after his/her expiration of his/her term of office, a board member or a senior manager may assume the same or other responsibilities in any other insurer.

Après sa démission d'office ou expriration de son mandat, un membre du conseil ou un cadre dirigeant peut assumer les mêmes responsabilités ou d'autres responsabilités dans un autre assureur.

Icyakora, uwahoze mu nama y'ubutegetsi cyangwa umuyobozi mukuru ntashobora gukora gukorera ubushake ibikorwa bigamije guhungabanya imirimo y'umwishingizi wahoze amukoresha.

However, the fomer board member or senior manger shall not perform any act deliberately aiming at destabilizing activities of the former employing insurer.

Cependant, le membre du conseil d'administration ou le directeur général ne doit pas effectuer tout acte délibérément visant à déstabiliser les activités de l'ancien assureur employeur.

<u>Ingingo ya 13:</u> Isuzuma rikwiye n'íngaruka zifitanye isano na ryo

Banki Nkuru igomba kubanza kumenya ko umuntu yujuje ibisabzwa n'isuzuma rikwiye mbere yo kumwemeza no gutangira imirimo ye nk'uri mu nama y'ubutegetsi cyangwa umuyobozi mukuru.

Banki Nkuru yanga ugusaba uko ariko kose kugamije kwemezwa k'uri mu nama y'ubutegetsi cyangewa umuyobozi mu kuru iyo isanze uwo muntu atujuje ibisabwa n'isuzuma rikwiye.

Abagize inama y'ubutegetsi bagomba kwirinda igongana ry'inyungu zishingiye ku bucuruzi cyangwa ku bikorwa hagati yabo n'ikigo cy'ubwishingizi.

<u>Article 13:</u> Fit and proper test and related effects

The Central Bank must make sure that the relevant person is fit and proper prior to the approval and taking up his/her position as a board member or senior officer.

The Central Bank rejects any application for approval of any prospective board member or senior officer if it finds that the concerned person is not fit and proper.

Board members must avoid commercial or business conflicts of interest with the insurers.

<u>Article 13:</u> Critère d'aptitude et ses consequence connexes

Avant l'approbation de tout membre du conseil d'administration ou d'un cadre dirigeant ou dóccuper son postes, la Banque Centrale doit s'assurer que la personne concernée remplie les critères d'aptitude.

La Banque Centrale rejette toute demande d'approbation de tout membre du conseil d'administration ou du cadre dirigeant eventuel si elle constate que la personne concernée ne remplie pas les critères d'aptitude.

Les membres du conseil doit éviter les conflits d'intérêts commerciaux ou d'entreprise avec l'assureurs.

<u>Ingingo ya 14:</u> Ibikurikizwa mu gusesengura niba abagize inama y'ubuyobozi babikwiriye

Mu gutoranya abakandida bajya mu bagize inama y'ubuyobozi ndetse n'igihe Inama y'Ubuyobozi igomba kwikorera isuzuma, hagomba gukorwa isesengura rihuriweho ku bakwiriye kujya mu nama y'Ubuyobozi.

Mu gusesengurira hamwe niba abakwiriye kujya mu nama y'ubuyobozi, ingingo zikurikira zigomba kwitabwaho:

1° ubumenyi n'uburambe mu bijyanye n'inzego bireba kandi bakaba baturuka munzego zitandukanye hagamijwe guteza imbere

<u>Article 14:</u> Criteria to assess suitability of the Board of Directors

When selecting candidates for the composition of the Board of Directors as well as in case of its self-evaluation, an assessment of collective suitability of the Board must be done.

In assessing the collective suitability of the board, the following must be taken into account:

1° knowledge and experience in relevant areas and have varied backgrounds to promote diversity of views. Relevant areas of

<u>Article 14:</u> Critères pour évaluer l'aptitude du conseil d'administration

Lors de la sélection des candidats pour la composition du conseil d'administration et en cas d'autoévaluation de celui-ci il faut procéder à une évaluation de l'adéquation collective du conseil d'administration.

Lors de l'évaluation de l'aptitude collective du conseil d'administration, il faut tenir compte de ce qui suit:

1° une gamme de connaissances et d'expérience dans les domaines pertinents et une expérience diversifiée pour promouvoir la diversité

urunyuranyurane rw'ibitekerezo. Mu nzego z'ubushobozi zikenewe harimo ariko ntizigarukira gusa kuri izi zikurikira ku mari, amategeko, ibyateza ingorane zo gutanga ubwishingizi, isuzuma ry'ishoramari, guhemba ubuyobozi no gufata neza ababagana;

competence include, but are not limited to, law, actuarial and underwriting risks, investment analysis, management compensation and fair treatment of customers;

des points de vue. Les domaines de compétence pertinents comprennent, sans s'y limiter, les finances, droit, les risques actuariels et de souscription, l'analyse des investissements, la rémunération de la direction et le traitement équitable des clients ;

2° Abagize inama y'ubuyobozi bagomba bose hamwe kuba basobanukiwe neza kandi kimwe impamvu zituma amasoko yo mu gihugu, ayo mu karere, n'igihe bishoboka, impamvu zerekeye ubukungu bw'isi ndetse n'izerekeye amategeko n'amabwiriza by'urwego bakoreramo. Uburambe ku rwego mpuzamahanga, igihe bikenewe, nabwo bugomba kwitabwaho;

2° The board collectively must have a reasonable understanding of local, regional and, if appropriate, global economic and market forces and of the legal and regulatory environment. International experience, where relevant, should also be considered;

2° le conseil d'administration doit collectivement avoir une compréhension raisonnable des forces économiques et commerciales mondiales locales, régionales et, le cas échéant, de l'environnement juridique et réglementaire. L'expérience internationale, le cas échéant, devrait également être envisagée;

3° Imyifatire ya buri wese mu bagize inama y'ubutegetsi igomba korohereza itumanaho, imikoranire no kujya impaka zubaka mu gihe cyo gufata icyemezo.

3° individual board members' attitude should facilitate communication, collaboration and critical debate in the decision-making process.

3° l'attitude individuelle des membres du conseil d'administration devrait faciliter la communication, la collaboration et le débat critique dans le processus décisionnel.

Abagize inama y'ubutegetsi basabwa kuba barize amashuri ajyanye n'ibyo bakora cyangwa ubumenyi n'ubunararibonye bikenewe mu gusuzuma ibyateza ingorane ikigo cy'ubwishingizi gishobora guhura na zo no gusuzuma uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane.

Board members are required to have the professional qualifications or knowledge and experience necessary to assess the risks to which the insurer is exposed and to assess the risk management system.

Les membres du conseil sont tenus d'avoir les qualifications professionnelles ou les connaissances et l'expérience nécessaires pour évaluer les risques auxquels l'assureur est exposé et évaluer le système de gestion des risques.

Abagize inama y'ubutegetsi bagomba kuvanwa mu itsinda rigari bishoboka kugira ngo inama y'ubutegetsi muri rusange igire ubumenyi bukwiye butandukanye ndetse n'ubuhanga kugira ngo habeho igenzura rikwiye ry'ibikorwa by'ikigo cy'ubwishingizi.

Board members shall be recruited from as large a pool as necessary to ensure that the board as a whole possesses an adequate mix of knowledge and expertise to ensure appropriate oversight of the insurer's business.

Les membres du conseil d'administration doivent être recrutés au sein d'un groupe aussi large que nécessaire pour s'assurer que l'ensemble du conseil dispose d'une diversité adéquate de connaissances et d'expertise pour assurer un contrôle approprié des activités de l'assureur.

Inama y'ubutegetsi igomba gushyira mu bikorwa ingamba zigamije gukemura ibitagenda neza, harimo gahunda z'amahugurwa ku bagize inama y'ubutegetsi.

The board shall implement measures to address any inadequacies, including training programmes for board members.

Le conseil doit mettre en œuvre des mesures pour remédier à toute insuffisance, y compris les programmes de formation pour les membres du conseil d'administration.

Inama y'ubutegetsi ishobora kandi gusaba ko habaho isuzuma rikozwe n'abantu bo hanze mu rwego rwo kunoza intego y'uburyo isuzuma rikorwamo.

The board may also request an evaluation by a third party to enhance the objectivity of the assessment process.

Le conseil peut également demander une évaluation par un tiers afin d'améliorer l'objectivité du processus d'évaluation.

Abari mu nama y'ubutegetsi bagomba kugira ubumenyi mu mikorere ku mategeko n'amabwiriza yose bigira ingaruka ku mwishingizi kugira ngo kuyubahiriza bihabwe agaciro no kugira ngo hatabaho kutayubahiriza bikozwe nkana.

Directors shall have a working knowledge of all applicable laws, regulations, guidelines and directives affecting the insurer to ensure that compliance with them receives the highest priority and that any non-compliance is not knowingly committed.

Les administrateurs doivent avoir une connaissance pratique de toutes les lois, règlements, instructions et directives applicables touchant l'assureur pour s'assurer que la conformité avec eux reçoit la plus possible priorité et que toute non-conformité n'est pas sciemment commise.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'abagize inama y'ubutegetsi

Article 15: Removal of directors

Article 15: Révocation des administrateurs

Iyo ibonye ko umwe mu bagize inama y'ubutegtsi, umukozi, cyangwa umwishingizi wemewe atujuje ibisabwa kugira ngo habeho imikorere myiza n'imyitwarire ikwiye, cyangwa ko hari ibindi bisabwa biri muri aya mabwiriza, Banki Nkuru ishobora gusaba ko ugize inama y'ubutegetsi avanwaho agasimbuzwa undi muntu wemejwe na Banki Nkuru.

Where the Central Bank considers that a director or senior officer of a licensed insurer does not satisfy the requirements for fitness and propriety, or other qualifications prescribed by this regulation, it may request the removal of the director and replacement by another person approved by the Central Bank.

Lorsque la Banque Centrale considère qu'un administrateur ou un cadre dirigeant d'un assureur agréé ne satisfait pas aux exigences d'aptitude et de régularité ou aux autres exigences prescrites par le présent règlement, elle peut demander la révocation de l'administrateur et son remplacement par une autre personne approuvée par la Banque Centrale.

Icyiciro cya 2: Ubwigenge no kwisobanura ku nshingano kw'abagize inama y'ubutegetsi

Section 2: Independence and accountability of board members

Section 2: Indépendance et responsabilité des membres du conseil

Ingingo ya 16: Ibisasbwa abagize inama y'ubutegetsi bigenga

Inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi wigenga n'iy'umwishingizi magirirane igomba kuba irimo nibura abagize inama y'ubutegetsi bane (4) bigenga.

Kugira ngo hirindwe igongana ry'inyungu, umuyobozi w'inama y'ubutegetsi w'umwishingizi agomba kuba ugizeinama y'ubutegetsi wigenga, kandi nta munyamigabane ku giti cye ufite imigabane itubutse ugomba kwemererwa gushyirwaho nk'umuyobozi cyangwa nk'uwungirije umuyobozi w'inama y'ubutegetsi.

Article 16: Requirements for independent directors

The board of private and mutual insurers must include at least four (4) independent directors.

To guide against potential conflicts of interest, the chairperson of the board of an insurer shall be an independent director, and no individual shareholder with a qualifying holding shall be eligible to be appointed as the chair or deputy chairperson of the board.

Article 16: Exigences pour les administrateurs indépendants

Le conseil d'administration d'un assureur privé et mituel doit comporter au moins quatre (4) administrateurs indépendants.

Pour éviter les conflits d'intérêts potentiels, le président du conseil d'administration d'un assureur privé doit être un administrateur indépendant et aucun actionnaire individuel détenant une participation qualifiée ne peut être élu président ou vice-président de conseil d'administration.

Ingingo ya 17: Gutandukanya inshingano

Inshingano z'umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi zigomba gutandukanywa ku buryo bugaragara n'iz'umuyobozi mukuru kugira ngo hizerwe neza iringanira rikwiye ry'ubushobozi, kongera igaragazabikorwa n'ubushobozi bushyitse bw'inama bwo gufata icyemezo mu bwisanzure.

Article 17: Separation of responsibilities

The responsibilities of the chairperson of the board must be clearly separated from those of the Managing Director or Chief Executive Officer to ensure an appropriate balance of power, increased accountability and greater capacity of the board for independent decision-making.

Article 17: Séparation des responsabilités

Les responsabilités du président du conseil d'administration doivent être clairement séparées de celles du directeur général afin d'assurer un équilibre approprié des pouvoirs, une responsabilisation accrue et une plus grande capacité du conseil pour prendre des décisions indépendantes.

Nta na rimwe umwanya w'umuyobozi cyangwa umuyobozi wungirije w'Inama y'Ubutegetsi n'uw'umuyobozi mukuru w'ikigo bibangikanywa mu kigo cy'ubwishingizi icyo ari cyo cyose.

The positions of chairperson or the vice chairperson of the board and Chief Executive Officer/Managing Director shall not be combined by any insurer.

Les postes de président du conseil ou Vice president du conseil d'administration et directeur général ne doivent pas être combinés pour un assureur.

Nta bantu babiri bo mu muryango mugari umwe, bashobora kwemererwa gufata umwanya w'umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi w'umwishingizi mu gihe kimwe.

Two members of the same extended family shall not be permitted to hold the position of chairperson and Chief Executive Officer/Managing Director of an insurer at the same time.

Deux membres d'une même famille élargie ne doivent pas être autorisés à occuper simultanément le poste de président et directeur général d'un assureur.

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi wemewe iri mu itsinda ry'imari igomba kugaragaza ko abandi bagize iryo tsinda batayigiraho ububasha mu buryo budakwiye.

Mu nshingano z'inama y'ubutegetsi harimo gukora ku buryo serivisi zisangiwe hagati y'ibigo bishyirwa mu itsinda ry'imari zifatwa nk'imirimo ikorwa n'abantu bo hanze y'ikigo hashingiwe ku bushobozi, kandi ku giciro gikwiye cyishyurwa umwishingizi w'imbere mu gihugu.

Ingingo ya 18: Kutaba mu nama z'ubutegetsi nyinshi

Nta muntu ugize inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi wigenga wemewe ushobora kuba kuri uwo mwanya muri sosiyete y'ubwishingizi irenze imwe cyangwa ngo awubeho mu kigo cy'ubuhuza mu bwishingizi cyigenga cyeretse ibyo bigo ari isosiyete ishamikiye ku yindi cyangwa ari isosiyete ibumbye izindi.

Ingingo ya 19: Ukwisuzuma kw'inama y'ubutegetsi

Isuzuma nyakuri kandi rifite ireme cyangwa kwisuzuma ku byagezweho n'Inama y'Ubutegetsi rigomba gukorwa hakukrikijwe urupapuro rugaragazwa mu **Mugereka.**

Isuzuma cyangwa kwisuzuma bikorwa buri mwaka kandi kuba ryarakozwe bigaragazwa muri raporo y'umwaka.

The board of a licensed insurer that is part of a financial group must be able to demonstrate independence from undue influence by related parties.

The responsibility of the board includes ensuring that shared services between entities belonging to a financial group are treated as outsourced functions on an arms-length basis, and that costs are allocated appropriately to the local insurer.

Article 18: Prohibition on multiple directorships

No director of an insurer or insurance broker shall be permitted to hold a position of director in more than one licensed insurer or insurance broker unless the said institutions are subsidiaries or holding companies.

Article 19: Board self-assessment

A formal and rigorous evaluation or self-assessment of the performance of the board shall be undertaken using the format set out in **Appendix.**

The evaluation or self-assessment shall be conducted annually and the fact that it has been done shall be disclosed in the annual report.

Le conseil d'administration d'un assureur agréé qui fait partie d'un groupe financier doit être en mesure de démontrer son indépendance vis-à-vis l'influence indue exercée par les parties liées.

La responsabilité du conseil consiste à veiller à ce que les services partagés entre les entités appartenant à un groupe financier soient traités comme des fonctions sous-traitées sur une base autonome et que les coûts soient répartis de manière appropriée à l'assureur local.

Article 18: Interdiction des mandats multiples

Aucun administrateur d'un assureur ou d'un courtier d'assurance ne peut être autorisé d'occuper le poste d'administrateur dans plus d'une société d'assurance agréée ou de courtier d'assurance à moins que lesdits établissements soient des filiales ou les holdings.

Article 19: Auto-évaluation du conseil

Une évaluation formelle et rigoureuse ou une autoévaluation de la performance du conseil, doit être effectuée selon le format figurant à **l'Annexe**.

L'évaluation ou l'auto-évaluation doit être effectuée annuellement et le fait qu'elle a été faite doit être publié dans le rapport annuel.

Umuyobozi mukuru na we agomba kwikorera isuzuma hakurikijwe uburyo bugomba gushyirwaho n'inama y'ubutegetsi.

The Managing Director or Chief Executive Officer shall also conduct his/her self-assessment in accordance with the manner prescribed by the Board.

Le directeur général ou le chef de la direction doit également procéder à son auto-évaluation conformément à la manière prescrite par le conseil.

Kopi z'ayo masuzuma yombi ishyikirizwa Banki Nkuru bitarenze itariki ya 30 Kamena ya buri mwaka.

Copies of both assessments shall be submitted to the Central Bank by 30th June of every year.

Les copies des deux évaluations sont transmises à la Banque Centrale au plus tard le 30 juin de chaque année.

N'ubwo uku kwisuzuma kudategetswe ku bigo by'ubwishingizi bya Leta, byaba byiza kugukora mu rwego rw'imikorere myiza.

While this self-assessment is not mandatory for public insurers, it is recommended as good practice.

Bien que cette auto-évaluation ne soit pas obligatoire pour les assureurs publics, elle est recommandée comme bonne pratique.

Ibyabonywe mu kwisuzuma ndetse n'inama zabitanzweho bigomba kuba ishingiro ry'ukwisuzuma gutaha kandi raporo igaragaza intambwe yatewe cyanga ugutsikira kwabayeho mu kubishyira mu bikorwa bigomba gushyirwa muri raporo ishyikirizwa Banki Nkuru.

The findings and recommendations of the current evaluation should be the basis for the next self-assessment and the report on the improvement or failures therein should be included in the report to be submitted to the Central Bank.

Les résultats et les recommandations de l'évaluation actuelle doivent être la base de la prochaine autoévaluation et le rapport sur l'amélioration ou les échecs qui y sont effectués doivent être inclus dans le rapport à soumettre à la Banque Centrale.

Ingingo ya 20: Urwego rw'imiyoborere y'ikigo

Article 20: Corporate governance framework

Article 20: Cadre de gouvernance d'entreprise

Inama y'ubutegetsi ifite inshingano rusange yo kugaragariza Banki Nkuru ko urwego rw'imiyoborere y'ikigo runoze kandi ko rukora uko byateganyijwe.

The board has overall responsibility for demonstrating to the Central Bank that the corporate governance framework is effective and operates as intended.

Le conseil a la responsabilité générale de démontrer à la Banque Centrale que le cadre de gouvernance d'entreprise est efficace et fonctionne comme prévu.

Banki Nkuru ishobora kandi gusuzuma ubushobozi bw'inama y'ubutegetsi muri rusange ndetse no kuri buri wese ku giti cye mu bayigize kandi ikaba yasaba ko haba amahugurwa igihe isanze bikenewe. Banki Nkuru ishobora kwitabira ikanakurikirana inama z'inama y'ubutegetsi nk'indorerezi.

The Central Bank may include an assessment of the governance framework and the insurer's compliance with the framework in its regular supervisory process and may also assess the effectiveness and competence of the board, collectively and individually, and may recommend training if appropriate. The Central Bank may also attend and observe board meetings.

La Banque Centrale peut inclure une évaluation du cadre de gouvernance et de la conformité de l'assureur avec ce cadre dans son processus régulier de contrôle. La Banque Centrale peut également évaluer l'efficacité et la compétence du conseil, collectivement et individuellement, et peut recommander la formation, le cas échéant. La

Banque Centrale peut également assister en tant qu'observateur aux réunions du conseil.

Mu gihe abagize inama y'ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru, hamwe n'imirimo n'inshingano zabo bisobanuye ku buryo burambuye mu mategeko abagenga, umurimo w'ubugenzuzi wa Banki Nkuru ugomba gukoreshwa kugira ngo hizerwe ko imiterere y'ubuyobozi y'ikigo cy'ubwishingizi cya Leta ikora uko byateganyijwe kandi neza.

While the composition of the board and senior management of public insurers, as well as roles and responsibilities are largely prescribed by governing legislation, the supervisory role of the Central Bank shall be utilised to ensure that their governance structure is operating as intended and is effective.

Bien que la composition du conseil et de la haute direction, ainsi que les rôles et les responsabilités, soient en grande partie prescrits par la législation en vigueur, le rôle de supervision de la Banque Centrale doit être utilisé pour s'assurer que la structure de gouvernance d'un assureur public fonctionne comme prévu et qu'elle est efficace.

Ibigo byose by'ubwishingizi bisabwa kugaragaza ko urwego rw'imiyoborere rwabyo rukwiye kandi rukora neza, kandi ko rwubahiriza amategeko n'amabwiriza arugenga.

All insurance entities are required to be able to demonstrate that their governance framework is appropriate and effective, and in compliance with relevant laws and regulations.

Toutes les entités d'assurance doivent être en mesure de démontrer que leur cadre de gouvernance est approprié, efficace et conforme avec les lois et règlements en la matière.

Hatitawe ku ishyirwa mu bikorwa runaka ry'imiyoborere n'imikorere by'ikigo bigira ingaruka ku bice byose by'ibikorwa by'itsinda, inama y'ubutegetsi y'umwishingizi wemewe ishinzwe mbere na mbere ibikorwa no gukora ku buryo umwishingizi agera ku ntego hashingiwe ku kigo ubwacyo gifite ubuzima gatozi kandi igomba kugaragaza ko yubahiriza amategeko n'amabwiriza byo mu Rwanda bikigenga.

Notwithstanding any implementation of group-wide corporate governance and practices, the local board of a licensed insurer is ultimately responsible for the operations and success of the insurer on a stand-alone legal entity basis, and must demonstrate compliance with relevant laws and regulations in Rwanda.

Nonobstant toute mise en œuvre de la gouvernance et des pratiques à l'échelle du groupe, le conseil local d'un assureur agréé est en fin de compte responsable des opérations et du succès de l'assureur sur une entité juridique autonome et doit démontrer sa conformité aux lois et règlements en la matière au Rwanda.

<u>Icyiciro cya 3</u>: ububasha n'inshingano by'abagize inama y'ubutegetsi

<u>Section 3:</u> Powers, duties and responsibilities of board members

<u>Section 3:</u> Pouvoirs, devoirs et attributions des membres du conseil

<u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano yo kwigengesera, gushishoza no gufata ibyemezo mu bwisanzure

<u>Article 21:</u> Duty of Care, due diligence and independent judgement

<u>Article 21:</u> Obligation de bons services, diligence raisonnable et jugement indépendant

Abagize inama y'ubutegetsi basabwa kurangwa n'ukuri, kwigengesera bikwiye no gushishoza, no

Board members are required to act in good faith, exercise due care and diligence, and act in the best interests of the insurer and policyholders.

Les membres du conseil sont tenus d'agir de bonne foi, de faire preuve de soin et de diligence et d'agir dans l'intérêt de l'assureur et des assurés.

guharanira inyungu z'umwishingizi n'iz'abafashe ubwishingizi.

Buri wese ugize inama y'ubutegetsi afite inshingano yo gufata icyemezo mu bwisanzurem kandi ntakoreshe umwanya afite mu nyungu ze bwite mu buryo budakwiye cyangwa ngo abangamire umwishingizi.

Every board member has a duty to exercise independent judgment in his or her decision-making and not to use his or her position to gain undue personal advantage or cause detriment to the insurer.

Chaque membre du conseil a le devoir d'exercer un jugement indépendant dans sa prise de décision et de ne pas utiliser son poste pour gagner un avantage personnel indu ou causer un préjudice à l'assureur.

Abagize inama y'ubutegetsi ntibagomba gusaba cyangwa ngo bemere ruswa haba mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, byaba ari amafaranga cyangwa ibintu kugira ngo bagire uwo babogamiraho mu gukora ibikorwa by'umwishingizi bashinzwe, bikozwe mu bufatanye cyangwa n'umwe ku giti cye.

Board members shall not solicit or otherwise accept inducements either directly or indirectly whether in cash or in kind in order to provide any favors in conducting the business of the insurer to which they are entrusted either jointly or individually.

Les membres du conseil ne doivent pas solliciter ou acceptent les incitatifs, soit directement, ou indirectement, en espèces ou en nature, afin de fournir des faveurs dans la conduite des affaires de l'assureur qui leur sont confiées, conjointement ou individuellement.

<u>Ingingo ya 22:</u> Kwitabira inama z'inama y'ubutegetsi

<u>Article 22:</u> Attendance at Board meetings

<u>Article 22:</u> Participation aux réunions du conseil

Buri wese ugize inama y'ubutegetsi afite inshingano yo kwitabira inama z'inama y'ubutegetsi kandi akagira uruhare rugaragara mu gukora imirimo y'inama y'ubutegetsi.

Every director has a duty to attend board meetings regularly and to effectively participate in carrying out the business of the Board.

Chaque administrateur a le devoir d'assister régulièrement aux réunions du conseil et de participer effectivement à la réalisation des activités du Conseil.

Ubwitabire ku uri mu nama y'ubutegetsi bugomba kugera nibura ku kigero cya 75% mu mwaka wose w'imari.

Attendence of board meetings for every board member must be at least 75% for the whole financial year.

La participation de chaque membre du conseil d'administration aux réunios doit être d'au moins 75% pour l'ensemble de l'exercice financier.

Abishingizi bagomba gushyiraho politiki ivuga mu nyandiko ubwitabire nibura busabwa ku bagize inama y'ubutegetsi, harimo no gufatira imyanzuro n'ibihano bikwiye abagize inama y'ubutegetsi batubahiriza amabwiriza y'ubwitabire nibura busabwa.

Insurers shall establish a policy that documents the minimum attendance requirements of board members, including appropriate actions and penalties for board members who fail to comply with the minimum attendance rules

Les assureurs doivent établir une politique qui documente les exigences minimales de présence des membres du conseil d'administration, y compris les mesures appropriées et les sanctions pour les membres du conseil qui ne respectent pas les règles minimales de présence.

Inama y'ubutegetsi igomba gusuzuma ukuzuza ibisabwa k'uri mu nama y'ubutegetsi utarubahirije nta mpamvu zumvikana amabwiriza y'ubwitabire busabwa kandi ishobora gusaba ko abagize inama y'ubutegetsi batitabira uko bisabwa begura.

The board shall review the suitability of a director who has failed to comply with the minimum attendance rule without valid reason and may require the resignation of board members who do not comply with minimum attendance requirements.

Le conseil doitexaminer l'aptitude de l'administrateur qui ne respecte pas sans motif valable les exigences de participation minimale et peut exiger la démission des membres du conseil d'administration qui ne respectent pas les exigences minimales de présence.

Ubwitabire bw'abagize inama y'ubutegetsi butangazwa muri raporo y'umwaka.

Board member attendance shall be disclosed in the annual report.

La présence des membres du conseil d'administration doit être publiée dans le rapport annuel.

Ingingo ya 23: Imicungire myiza kandi ishishoza

Article 23: Sound and prudent management

Article 23: Gestion saine et prudente

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi ishinzwe ku buryo bidasubirwaho imicungire myiza kandi ishishoza y'ikigo. Abagize inama y'ubutegetsi bafite inshingano yo kwirinda uburiganya kandi bagomba gukoresha ububasha bwabo mu nyungu z'abafashe ubwishingizi n'abanyamigabane, hubahirizwa amategeko n'amabwiriza

The board of an insurer is ultimately responsible for the sound and prudent management of the organisation. Members of the board have a duty to act in good faith and must exercise their powers in the best interests of policyholders and shareholders, in compliance with the law and related regulations.

Le Conseil d'administration d'un assureur est l'organe suprême responsable de la gestion saine et prudente de l'organisation. Les membres du conseil ont le devoir d'agir de bonne foi et d'exercer leurs pouvoirs dans les intérêts supérieures des assurés et des actionnaires, conformément à la loi et aux règlements connexes.

Inama y'ubutegetsi ishinzwe kugenzura imigendekere y'ibikorwa by'umwishingizi kugira ngo ibikorwa bicungwe neza kandi n' imikoranire hagati y'abafashe ubwishingizi, abafitanye ibibazo n'umwishingizi n'abagomba inshingano ikigo ikorwe mu mucyo kandi nta guhendana.

The board is responsible for the oversight of the conduct of the insurer's business to ensure that the business is being properly managed and that dealings with policyholders, claimants and creditors are fair and equitable.

Le conseil d'administration a la responsabilité de contrôler la conduite de l'activité de l'assureur afin de s'assuser que l'activité est gérée de façon appropriée et que les transactions avec les assurés, les demandeurs et les créanciers sont justes et équitables.

Inama y'ubutegetsi ifite inyandiko yemewe n'amategeko igaragaza imirimo n'inshingano byayo.

The board must have a formal charter that sets out its roles and responsibilities

Le Conseil doit disposer d'un cadre organique formel qui définit ses rôles et responsabilités.

Abagize inama y'ubutegetsi bagomba guha intego na politiki byumvikana abakozi bakuru bagomba

Board members must provide clear objectives and policies within which senior executive officers are

Les membres du conseil d'administration doivent définir les objectifs et les politiques clairs à travers

gukoreraho. Politiki n'uburyo bukoreshwa bigomba kuba bijyanye n'urusobe, ingano n'ubwoko bw'imirimo y'ubwishingizi ikorwa.

to operate. The policies and systems must be appropriate to the complexity, size and nature of the insurance business.

lesquels les cadres dirigeant doivent opérer. Les politiques et les systèmes doivent être adaptés à la complexité, la taille et la nature de l'activité d'assurance.

Nibura, politiki n'uburyo ngengamikorere byibanda ku bice by'ingenzi by'ibikorwa by'umwishingizi, by'umwihariko, itangwa ry'ubwishingizi, ishoramari, kwishingira abishingizi n'imicungire y'ibirego.

At minimum, these policies and systems shall cover core areas of operations, which, specifically for insurers, include underwriting and pricing, investments, reinsurance and claims management.

Ces politiques et systèmes doivent au minimum couvrir les domaines essentiels des opérations qui comprennent spécifiquement pour les assureurs, la souscription et la tarification, les investissements, la réassurance et la gestion des sinistres.

Ingingo ya 24: Amakuru ku miterere no ku bushobozi bw'ibikorwa

Article 24: Information on business condition and performance

Article 24: Information sur la situation et le rendement de l'entreprise

Kubera ko bafatanyije abagize inama y'ubutegetsi bafite inshingano yo kugenzura ko imirimo y'ikigo ikorwa neza, bagomba kumenya imiterere y'ibikorwa byacyo ku buryo buhoraho.

Since the directors are jointly and severally responsible for the effective supervision of the affairs of the institution, they shall be informed of its business condition on a regular basis.

Etant donné que les administrateurs sont conjointement et solidairement responsables de la surveillance efficace des affaires de l'institution, ils doivent régulièrement être informés de la situation de l'entreprise.

Mu rwego rwo gusuzuma aya makuru no gutanga imirongo ngenderwaho ku buyobozi, inama y'ubutegetsi iterana ku buryo buhoraho, nibura rimwe mu gihembwe.

For the purpose of deliberating on this information and providing guidance to the management, the Board shall meet regularly, at least once in a quarter.

Aux fins de délibérer sur cette information et donner des conseils à la direction, le conseil doit se réunir régulièrement, au moins une fois par trimestre.

Ikindi ni uko inama y'ubutegetsi na buri muntu uyirimo bafata umwanzuro mu bwisanzure iyo basuzuma imikorere y'ubuyobozi.

In addition, the Board and each director shall exercise independent judgment in evaluating the performance of the management.

En outre, le conseil et chaque administrateur doivent avoir un jugement indépendant dans l'évaluation de performance de la direction.

Ibi bishimangirwa no guteganya amasuzuma yigenga y'ibikorwa bikozwe n'abo hanze y'ikigo nk'abagenzuzi b'imbere mu kigo, abagenzuzi baturuka hanze y'ikigo cyangwa izindi nzobere zishyirwaho, baha raporo inama y'ubutegetsi mu buryo butaziguye.

This shall be enhanced by the provision of independent reviews of the operations by internal auditors, external auditors and other appointed experts reporting directly to the Board.

Ceci doit être renforcé par la mise en place d'un contrôle indépendant des opérations effectuées par les auditeurs internes et externes ainsi que d'autres experts désignés qui donnent directement rapports au conseil.

Abari mu nama y'ubutegetsi bagomba kandi gukora ku buryo bamenya ibigezweho mu rwego rw'imirimo y'ubwishingizi n'aho biganisha kugira ngo ikigo gishobore guhangana ku isoko.

Directors shall also keep themselves informed of the developments in the insurance industry and business trends in order to safeguard the institution's competitiveness.

Les administrateurs doivent également être tenus informés des développements dans le secteur des assurances et de l'évolution de l'activité en vue de sauvegarder la compétitivité de l'institution.

Mu rwego rw'ikurikiranabikorwa n'isuzuma ry'ibikorwa by'umwishingizi, inama y'ubutegetsi igomba gusuzuma nibura rimwe mu mwaka niba politiki n'uburyo bukoreshwa biri gushyirwa mu bikorwa nk'uko byifuzwa n'ababishinzwe, nk'uko byashyizweho n'inama y'ubutegetsi.

As part of its regular monitoring and review of the operations of the insurer, the board shall review at least annually whether those responsible are implementing the policies and procedures, as set by the board, as intended.

Dans le cadre de son suivi et de son examen régulier des activités de l'assureur, le conseil doit examiner au moins une fois par an si les politiques et les procédures, telles qu'établies par le conseil, sont mises en œuvre conformément comme prévu par les responsables.

Hagomba kubaho amasuzuma yigenga y'ibikorwa bikozwe n'abagenzuzi b'imbere mu kigo, abahanga mu mibare y'ubwishingizi, abagenzuzi baturuka hanze y'ikigo cyangwa izindi nzobere zishyirwaho, bagaha raporo inama y'ubutegetsi mu buryo butaziguye.

There shall be the provision of independent reviews of the operations by internal auditors, actuaries, external auditors and other appointed experts reporting directly to the board.

Cette évaluation doit être renforcée par les d'examens indépendants des opérations faits par les auditeurs internes, les actuaires, les auditeurs externes et les autres experts soumettent directement le rapport au conseil.

Ingingo ya 25: Gukora igenamigambi ry'ikigo

Article 25: Perform corporate planning

Article 25: Exécution de la planification de l'institution

Abagize inama y'ubutegetsi bagena icyerekezo cy'ikigo biciye mu igenamigambi, gushyira ku murongo n'igenzura.

Directors shall formulate the future direction of the institution through planning, organizing and controlling.

Des administrateurs formulent les orientations futures de l'institution à travers la planification, l'organisation et le contrôle.

Hagomba gushyirwaho Igenamigambi rihamye kandi ibiteganyijwe n'intego bigomba guhora bisuzumwa bikavugururwa hashingiwe ku bihe biriho.

Sound planning must be put in place and projections/targets must be periodically reviewed and amended as circumstances dictate.

Une planification efficace doit être mise en place et les projections et objectifs doivent être périodiquement revus et modifiés selon les circonstances.

Isimburana ry'ubuyobozi, ugukomeza kw'ibikorwa kugarura ubuyanja nyuma y'ibiza bigomba gushyirwa mu igenamigambi.

Management succession, business continuity and disaster recovery shall be included in the planning process.

La relève de la gestion, la continuité d'activité et le plan de reprise d'activité en cas de désastre doivent être inclus dans le processus de planification.

Ingingo ya 26: Kubumbatira isura nziza

Abari mu nama y'ubutegetsi bafite inshingano yo gukora ku buryo ikigo gihorana isura nziza mu rwego rw'imirimo y'ubwishingizi n' urw'ubukungu muri rusange.

Ikigo kigomba gutanga serivisi n'inyubako bikwiye, mu buryo munoze kandi buhangana hashingiwe ku bikorwa byiza kandi bitagira icyo byangiza mu rwego rw'ubwishingizi.

Article 26: Maintain positive image

The directors shall ensure that the institution maintains a positive image within the industry and the economy as a whole.

The insurer shall provide adequate services and facilities both efficiently and competitively in line with safe and sound insurance practices

Article 26: Maintenir une image positive

Les administrateurs doivent s'assurer que l'institution maintient une image positive au sein du secteur et de l'économie dans son ensemble.

L'assureur doit fournir des services adéquats et des facilités efficaces et concurrentielles conformément aux pratiques d'assurance sûres et saines.

Ingingo ya 27: Inshingano z'umuyobozi w'inama y'ubutegetsi

Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi afite inshingano zo gushyiraho ubuyobozi buhamye.

Inshingano z'umuyobozi w'inama y'ubutegetsi zigomba gusobanuka neza mu mabwiriza cyangwa amategeko y'ikigo bishyiraho inama y'ubutegetsi.

Izo inshingano ziba zikubiyemo ibi bikurikira:

1° gushyiraho gahunda y'inama z'inama y'ubutegetsi;
2° kugenzura ko impaka zihabwa umwanya uhagije muri gahunda zateguwe,;
3° korohereza ubwitabire bw'abagize inama y'ubutegetsi bose, hamwe no guhanahana amakuru hagati y'inama y'ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru;
4° gucunga ibijyanye n'igenzura;
5° kusuzuma abagize inama y'ubutegetsi;
6° kuyobora inama z'inama y'ubutegetsi;

Article 27: Responsibilities of the chairperson of the board

The chairperson of the board is responsible to provide effective leadership.

The responsibilities of the chairperson shall be clearly defined in the organisational rules or laws establishing the board.

These responsibilitie include the following:

1° responsibilities for setting the agenda for board meetings;
2° ensuring that adequate time is given for discussion of agenda items;
3° facilitating the participation of all members of the board as well as communication between the board and senior management;
4° oversight management;
5° Assessment of the board of directors;
6° Chairing the board meetings;

Article 27: Responsabilités du président du conseil

Le président du conseil est responsable d'assurer un leadership efficace.

Les responsabilités du président doivent être clairement définies dans les règlements de l'organisation ou les lois qui établissent le conseil.

Ces responsabilités comprennent les ceux qui suivent :
1° fixer l'ordre du jour des réunions du conseil d'administration;
2° veiller à ce qu'un temps adéquat soit consacré à l'examen des points à l'ordre du jour
3° faciliter la participation de tous les membres du conseil ainsi que la communication entre le conseil et la haute direction;
4° gestion de contrôle;
5° évaluation du conseil d'administration;
6° présider les réunions du conseil d'administration;

7° kumenya ko hari uburyo bwo guhana amakuru ku bari mu nama y'ubutegetsi n'abanyamigabane.

Ingingo ya 28: Itangabubasha

Hagomba kubaho uburyo buzwi, inama y'ubutegetsi ikoresha mu gutanga bumwe mu bubasha bwayo kugira ngo ibashe kuzuza inshingano zayo mu buryo bukwiye no kugira ngo ikoreshe ububasha bwayo bwo gufata ibyemezo.

Iyo habayeho itangabubasha, inama y'ubutegetsi ikomeza kubazwa ibijyanye n'ibikorwa n'imirimo yatangiwe ububasha.

Iyo inama y'ubutegetsi ikoze itangabubasha ku nshingano cyangwa ibikorwa, igomba kureba niba iryo tangabubasha rikwiye kandi ko rifite intego n'igihe rizamara bisobanutse neza.

Inama y'ubutegetsi ifite ububasha bwo kugenzura no kubaza raporo kugira ngo imenye neza ko imirimo yatangiye ububasha ikorwa.
Inama y'ubutegetsi iba ifite ububasha bwo kwambura ububasha iyo budakoreshejwe neza.

Ingingo ya 29: Inama y'ubutegetsi mu bigo by'ubwishingizi bya Leta

Ububasha n'inshingano rusange by'abagize inama y'ubutegetsi mu bigo by'ubwishingizi bya Leta biba bisobanuye mu mategeko abigenga kandi ni

7° ensuring smooth communication between directors and shareholders.

Article 28: Delegation of powers

There shall be in place a formal procedure for the board to delegate certain functions in order to enable the board to properly discharge its duties and responsibilities and to effectively execute its decision-making powers.

Where duties are delegated, the board is still ultimately responsible for the activities or tasks delegated.

When the board delegates any duties or functions, it shall ensure that the delegation is appropriate and is made under a clear mandate with well-defined terms.

The board has the authority to monitor and request reports to ensure the delegated tasks are carried out.

The board retains the right to withdraw the delegation if it is not conducted properly.

Article 29: Board for public insurers

Powers, duties and responsibilities for board members of public insurers are prescribed by their governing legislation and take precedence in the event of any conflict.

7° assurer une communication adéquate entre les administrateurs et les actionnaires.

Article 28: Délégation de pouvoirs

Le conseil doit avoir une procédure formelle de déléguer certaines fonctions pour lui permettre de s'acquitter convenablement de ses fonctions et responsabilités et d'exécuter efficacement ses processus de prise de décision.

Lorsque les tâches sont déléguées, le conseil est toujours responsable des activités ou des tâches déléguées.

Lorsque le conseil délègue des tâches ou des fonctions, il veille à ce que la délégation soit appropriée et effectuée avec un mandat clair et des conditions bien définies.

Le conseil a le pouvoir de faire le suivi et de demander les rapports pour s'assurer que les tâches déléguées sont effectuées.
Le conseil conserve le droit de retirer la délégation si elle n'est pas utilisée correctement.

Article 29: Conseil d'administration pour les assureurs publics

Les pouvoirs, les devoirs et les responsabilités généraux des membres du conseil d'administration des assureurs publics sont prescrits par leurs

byo bihabwa agaciro kurusha ibindi igihe habayeho kunyuranya.

Icyiciro cya 4: Komite z'inama y'ubutegetsi

Ingingo ya 30: Ishyirwaho rya komite zigize inama y'ubutegetsi

Inama y'ubutegetsi igomba gushyiraho komite z'inama y'ubutegetsi, zifite inshingano, igihe zimara, inshingano n'imirimo bizwi igihe ibona ko ari ngombwa kugirango iteze imbere imiyoborere myiza yúmwishingizi.

Umwishingizi wigenga cyangwa umwishingizi magirirane agomba gushyiraho komite eshatu zitegetswe z'inama y'ubutegetsi zkurikira:

1° komite ishinzwe gutanga ubwishingizi no kwishyuza;

2° komite ngenzuzi;

3° komiteishinzwe gucunga ibyateza ingorane.

Amatsinda yose yavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ashyirwaho n'umwishingizi wigenga cyangwa umwishingizi magirirane, agomba kuyoborwa n'uri mu nama y'ubutgetsi wigenga.

Uri mu nama y'ubutegetsi ntashobora kuba umuyobozi w'itsinda ry'inama y'ubutegesi rirenze rimwe.

Section 4: Board Committees

Article 30: Establishment of board Committees

The board shall establish board committees with formally determined terms of reference, life spans, roles and functions as it deems necessary to promote effective governance of the insurer.

The private or mutual insurer, must establish three mandatory Board committees which are the following:

1° Underwriting and claims strategy committee;

2° audit committee;

3° risk management committee.

All board committees referred to in Paragraph 2 of this Article for private or mutual insurer must be chaired by an independent Director.

A director shall not chair more than one board committee.

législations en vigueur et ont préséance en cas de conflit.

Section 4: Comités du conseil

Article 30: Création des comités du conseil

Le conseil d'administration doit établir des comités dont le mandat, les durées de vie, les rôles et les fonctions sont formellement déterminés selon ce qu'il juge nécessaires, pour promouvoir une gouvernance efficace de lássureur.

L'assureur privé ou assureur mutuelle doit établir trois comités obligatoires du Conseil qui sont les suivants:

1° Comité de stratégie de souscription et de réclamation;

2° Comité d'audit;

3° Comité de gestion des risques.

Tous les comités visés au paragraphe deuxième de ce présent Article pour l'assureur privé ou mutuel doivent être présidés par un administrateur indépendant.

Un administrateur ne peut présider plus d'un comité du conseil d'administration.

Umwishingizi wa leta ashyiraho komite zikurkira igihe bitanyuranya n'amategeko abigenga:

1° komite ngenzuzi;

2° komite nshungamutungo;

3° komite ishinzwe ishoramari.

Ariko, haseguriwe ibivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ingingo, umwishingizi yaba uwigenga cyangwa uwa Leta, ashobora gushiraho andi matsinda aberanye n'ubwoko cyangwa urusobe rw'ingorane by'umwishingizi.

Ingingo ya 31: Intego z'amatsinda y'inama y'ubutegetsi

Iyo komite z'inama y'ubutegetsi zishyizweho, ziba zigomba kugira intego zanditse kandi zisobanutse neza, ububasha bwo gukora imirimo yazo, ndetse n'urwego rukwiye rw'ubwigenge no kutabogama, hashingiwe ku nshingano z'a komite.

Amatsinda y'inama y'ubutegetsi agomba guhabwa uburyo busobanutse kandi bwumvikanyweho bwo gutanga raporo.
Ihame rusange ni uko hagomba kubaho gukorera mu mucyo kandi komite z'inama y'ubutegetsi zigaha amakuru yose inama y'ubutegetsi.
Komite z'inama y'ubutegetsi zifasha inama y'ubutegetsi n'abari mu nama y'ubutegetsi kuzuza inshingano zabo, ariko inama y'ubutegetsi ni yo ibibazwa.

Public insurer shall establish the following board committees in case it does not conflict with their governing laws:

1° audit committee;

2° risk management committee;

3° investment committee.

However, without prejudice to the provisions of Paragraph Two of this Article, the insurer, whether public or private, may establish any other Board committee appropriate to the nature and the risk profile of the insurer.

Article 31: Mandate of board committees

Where board committees are put in place, they shall have clearly defined and written mandates, authority to carry out their functions, an appropriate degree of independence and objectivity depending on the role of the committee.

Board committees shall be established with clearly agreed upon reporting procedures.

As a general principle, there shall be transparent and full disclosure from the board committees to the board.
Board committees assist the board and its directors in discharging their duties and responsibilities; however, the board remains accountable.

L'assureur public doit établir les comités de conseil suivants s'il ne contrevient pas à ses lois en vigueur:

1° comité d'audit;

2° comité de gestion des risques;

3° comité d'investissement.

Toutefois, sans préjudice aux dispositions du Paragraphe deuxième du présent Article, l'assureur, qu'il soit public ou privé, peut établir tout autre comité approprié à la nature et au profil de risque de l'assureur.

Article 31: Mandat des Comités du conseil

Lorsque des comités du conseil sont mis en place, ils doivent disposer de mandats clairement définis et écrits, de l'autorité nécessaire pour exercer leurs fonctions et d'un degré approprié d'indépendance et d'objectivité en fonction du rôle du comité.

Les comités du conseil doivent être établis avec des procédures de transmission de rapports clairement définies.
Comme principe général, Les comités du conseil doivent faire preuve de transparence et de communication complète auprès du conseil.
Les Comités du conseil assistent le conseil et ses administrateurs à s'acquitter de leurs tâches et responsabilités; cependant, le conseil d'administration demeure responsable.

Amatsinda y'inama y'ubutegetsi yemerewe gusaba inama zerekeye akazi mu bwisanzure nk'uko bikwiye n'igihe ari ngombwa no gutumira abakozi bakuru gutanga inama zijyanye n'akazi aho bikenewe.

Board committees shall be free to solicit independent professional advice when necessary and to invite senior management to provide technical advice when needed.

Les Comités du conseil doivent être libres de demander des conseils professionnels indépendants et si nécessaire demander à la direction de fournir des conseils techniques en cas de besoin.

Ingingo ya 32: Komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi

Article 32: Board Audit Committee

Article 32: Comité d'Audit du Conseil

Inama y'Ubutegetsi y'ikigo igomba komite ngenzuzi yo kwiga buri gihe nibura buri gihembwe uko imari y'ikigo ihagaze n'imikorere y'ubugenzuzi bw'imbere, ibyagezweho n'ibyagaragajwe n'abagenzuzi b'imbere n'abo hanze no gutanga inama ku cyakorwa gikwiriye gikosora.

The board of insurer shall establish an audit committee to regularly review at least on a quarterly basis its financial condition and its internal control system, the performance and findings of the internal and external auditors, recommend undertaking appropriate remedial actions.

Le conseil de l'institution doit mettre en place un comité d'audit qui revoit régulièrement et au moins une fois par trimestre sa condition financière et son système de contrôle interne, la performance et les conclusions des auditeurs internes et externes et de recommander la mise en œuvre de mesures correctives appropriées.

Itsinda ry'ubugenzuzi rigomba kuba rigizwe n'abari mu nama y'ubutegetsi batari munsi ya batatu (3) nibura babiri muri bo ari abagize inama y'Ubutegetsi bigenga b'ikigo.

The audit Committee of the board of a private insurer consists of not less than three (3) members, at least two of whom shall be independent directors of the institution.

Le comité d'audit du conseil d'un assureur privé est composé d'au moins trois (3) membres, dont au moins deux doivent être des administrateurs indépendants de l'institution.

Perezida w'itsinda agomba kuba asobanukiwe neza n'iby'imari n'ibaruramari, kandi aakaba bafite impamyabushobozi ya kaminuza ijyanye n'ako kazi n'uburambe buhagije kugirango akore ako kazi uko bikwiye.

The Chairperson of the Audit Committee must be conversant with financial and accounting matters, and have the appropriate academic degree and sufficient experience to discharge his/her duties effectively.

Le président de comité d'audit doit avoir des connaissances financières et comptables et avoir un diplôme universitaire et une expérience appropriées et suffisante pour s'acquitter efficacement de ses fonctions.

Itsinda rishinzwe ubugenzuzi rigomba gusuzuma buri gihembwe uko imari y'ikigo ihagaze, uburyo ikigo cyigenzura ubushobozi n'ibyagaragajwe n'abagenzuzi b'imbere n'abo hanze, no gusaba ko hafatwa ingamba zo kubikosora igihe ari ngombwa.

The audit committee shall review on quarterly basis the insurer's financial condition, its internal control system, the performance and findings of the internal and external auditors, and to recommend appropriate remedial actions if necessary.

Le comité d'audit doit examiner trimestriellement la situation financière de l'assureur, son système de contrôle interne, la performance et les constatations des auditeurs internes et externes et recommander des mesures correctives appropriées si nécessaire.

Itsinda rishinzwe ubugenzuzi rigomba kwitoramo uriyobora ugomba kuba ari umuntu wigenga ugize inama y'ubutegetsi.

Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi ntagomba na rimwe kuba umuntu uri mu komite ngenzuzi cyanwa kuyobora imwe mu makomite zigize inama y'ubutegetsi ariko ashobora gutumirwa n'umuyobozi w'itsinda rishinzwe iryo ari ryo ryose kugira ngo yitabire inama igihe ari ngombwa.

Umuyobozi mukuru ntaba uri muri komite ngenzuzi ariko ashobora kwitabira inama zaryo atumijwe kugira ngo agishwe inama gusa.

Abagize komite ngenzuzi batangazwa muri raporo y'umwaka.

Ingingo ya 33: Inshingano z'itsinda ry'inama y'ubutegetsi rishinzwe ubugenzuzi

Inshingano z'ibanze z'itsinda ry'inama y'ubutegetsi rishinzwe ubugenzuzi ni izi zikurikira, uretse ko atari zo zonyine:

1° kugenzura raporo z'imari, gutanga raporo z'mari n'uburyo bwo kubitangaho amakuru;

2° gkurikirana politiki n'imikorere y'ibaruramari;

3° kugenzura imigendekere y'ubugenzuzi bw'imbere, harimo no gusuzuma raporo z'ubugenzuzi bw'imbere n'imikorere yayo, ibyo ubugenzuzi bwitaho n'agaciro kabwo hamwe

The audit committee members shall elect a Chairman among them who must be an independent director.

The board chairperson shall not be a member of the Audit Committee at all or chair any board committee, but could be invited to attend meetings when necessary by the chairperson of any committee.

The Chief Executive Officer shall not be a member of the Audit Committee but may attend upon invitation for consultation only.

Membership of the Audit Committee shall be disclosed in the annual report.

Article 33: Responsibilities of board audit committee

The primary responsibilities of the Board Audit Committee shall include, but not limited to the following:

1° overseeing financial statements, financial reporting and disclosure processes;

2° monitoring accounting policies and practices;

3° overseeing the internal audit process, including reviewing internal audit reports and their overall effectiveness, the scope and depth of audit

Les membres du Comité d'audit doivent élire un président parmi eux qui doit être un administrateur indépendant.

Le Président du Conseil ne doit pas être membre du Comité d'audit ou diriger aucun comité mais au besoin pourrait être invité par le président de chaque comité à assister aux réunions.

Le Directeur Général ne peut être un membre du comité d'audit, mais peut, sur invitation, uniquement assister à la réunion pour consultation.

La composition du Comité d'audit doit être communiquée dans le rapport annuel.

Article 33: Responsabilités du comité d'audit du conseil

Les principales responsabilités du Ccmité d'audit du Conseil comprennent, mais ne sont pas limitées aux suivantes:

1° contrôler les états financiers, les rapports financiers et les processus de divulgation;

2° faire le suivi des politiques et pratiques comptable;

3° superviser le processus d'audit interne, y compris l'examen des rapports d'audit interne et de leur efficacité globale, la portée et la profondeur de

n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzo-nama by'ubugenzuzi;	coverage and implementation of audit recommendations;	l'étendue de l'audit et l'exécution des recommandations d'audit;
4° kugenzura uko ubugenzuzi bukozwe n'abaturutse hanze bukorwa, harimo no gusuzuma gahunda y'ubugenzuzi y'umugenzuzi uturutse hanze, hamwe n'iby'ingenzi byayivuyemo;	4° overseeing the external audit process, including reviewing the external auditor's audit plan, and material findings;	4° superviser le processus d'audit externe, y compris l'examen du plan d'audit de l'auditeur externe et des conclusions importantes;
5° guhuza hagati y'umurimo w'ubugenzuzi bw'imbere hamwe n'abagenzuzi bo hanze;	5° ensuring coordination between the internal audit function and the external auditors;	5° assurer la coordination entre la fonction d'audit interne et celle des auditeurs externes;
6° gushaka abagenzuzi bo hanze bashyirwaho n'abanyamigabane;	6° nominating external auditors for appointment by shareholders;	6° désigner les auditeurs externes sujets à nomination par les actionnaires;
7° kugenzura ubushobozi n'ubwisanzure bw'abagenzuzi bo hanze, hitawe ku bisabwa n'umwuga ndetse n'amabwiriza;	7° overseeing the performance and independence of the external auditors, taking into consideration relevant professional and regulatory requirements;	7° superviser la performance et l'indépendance des auditeurs externes, en tenant compte des exigences pertinentes professionnelles et réglementaires;
8° kugenzura ishyirwaho, ivanwaho, ubushobozi n'ubwisanzure bw'umurimo w'ubugenzuzi bw'imbere;	8° overseeing the hiring, removal, performance and independence of the internal audit function;	8° superviser le recrutement, la révocation, la performance et l'indépendance de la fonction d'audit interne;
9° kugenzura ibikorwa hagati y'abagize itsinda n'ibikorwa byose hagati yaryo n'abantu ba hafi bakorana na ryo;	9° reviewing intra-group transactions and all transactions with connected persons;	9° examiner les transactions intra-groupes et toutes les transactions avec des personnes liées;
10° Kugenzura imiyoborere, iyubahirizwa ry'amategeko, imyitwarire ikwiye n'uko bategura raporo cyangwa kureba ko hari ibitarubahirijwe, imicungire y'ibyateza ingorane n'uburyo bwo gukora igenzura iyo hatariho komite y'inama y'ubutegetsi yihariye ishinzwe imirimo nko kureba ko amategeko yubahirizwa, imicungire y'ibyateza	10° overseeing governance, regulatory compliance, ethics, processes for the reporting or potential violations, risk management and internal control processes if there is no separate board committee for functions such as compliance, risk management, governance or internal controls.	10° contrôle de la gouvernance, de la conformité réglementaire, de l'éthique et des processus de transmission des rapports ou de violations potentielles, des processus de gestion des risques et de contrôle interne s'il n'y a pas de comité distinct du conseil pour des fonctions telles que la conformité, la gestion des risques, la gouvernance ou les contrôles internes.

ingorane, imiyoborere cyangwa uburyo bw'igenzura.		
Hagomba kubaho inama zihoraho hagati y'itsinda rishinzwe ubugenzuzi hamwe n'umugenzuzi wigenga mu gihe igenzura, harimo n'inama zititabirwa n'abakozi bakuru.	There shall be regular meetings between the audit committee and the external auditor during the audit cycle, including meetings without the presence of senior management.	Il doit y avoir des réunions régulières entre le comité d'audit et l'auditeur externe pendant le cycle d'audit, y compris les réunions sans la présence de la haute direction.
Abagenzuzi b'imbere n'abo hanze b'umwishingizi bagomba kugira ubwisanzure kuri komite ngenzuzi.	The external and internal auditors of an insurer shall have free access to the audit committee.	Les auditeurs externes et internes d'un assureur doivent avoir libre accès au comité d'audit.
Abagenzuzi bagomba kwemererwa gukurikirana no kumvwa mu nama iyo ariyo yose y'itsinda ry'ubugenzuzi.	The auditors shall be allowed to attend and be heard at any meeting of the audit committee.	Les auditeurs doivent être autorisés à assister et être entendus à toute réunion du comité d'audit.
Bisabwe n'abagenzuzi, umuyobozi w'Itsinda ry'Ubungenzuzi agomba gutumiza inama yo gusuzuma ikibazo icyo aricyo cyose abagenzuzi bumva kigomba kugezwa ku bari mu nama y'ubutegetsi cyangwa abanyamigabane.	Upon the request of the auditors, the chairperson of the audit committee must convene a meeting to consider any matter that auditors believe shall be brought to the attention of directors or shareholders.	Sur demande des auditeurs, le président du comité d'audit doit convoquer une réunion pour examiner toute question que les auditeurs estiment devoir porter à l'attention des administrateurs ou des actionnaires.
Itsinda rishinzwe ubugenzuzi rigomba gukora ku buryo ibintu by'ingenzi ndetse n'intege nke byagaragaye mu buryo bw'imitangire ya raporo z'imari bikosorwa vuba bishoboka.	The audit committee shall ensure that significant findings and weaknesses in the financial reporting system are corrected as soon as possible.	Le comité d'audit doit veiller à ce que les resultats et les faiblesses importantes dans le système d'information financière soient corrigées dès que possible.
Akanama gashinzwe ubugenzuzi kandi kagomba gusuzuma raporo z'ubugenzuzi za Banki Nkuru kakanagenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzo-nama byose mu gihe gikwiye.	The audit committee shall also review the Central Bank's supervision reports and ensure implementation of all recommendations within a reasonable timeframe.	Le comité d'audit doit également examiner les rapports de supervision de la Banque Centrale et veiller à mettre en œuvre toutes les recommandations dans un délai raisonnable.
Itsinda rishinzwe ubugenzuzi ry'ikigo cy'ubwisungane mu bwishingizi cyangwa y'ubwishingizi magirirane rigomba gukora ku	The audit committee of a mutual insurer ensures that any proposal for distribution of surplus to policyholders or members are appropriate given the	Le comité d'audit d'un assureur mutuel doit veiller à ce que toute proposition de répartition de l'excédent aux assurés ou aux membres soit

buryo ibyifuzo byo gutanga amafaranga y'inyongera ku bafashe ubwishingizi cyangwa abanyamuryango biba bikwiye bitewe n'imiterere y'imari y'umwishingizi hamwe n'ingamba z'ibikorwa afite muri icyo gihe ndetse n'imiterere y'imari bwite.

financial condition of the insurer and its current business strategies and capital position.

appropriée compte tenu de la situation financière de l'assureur, de ses stratégies actuelles d'affaires et de la situation de son capital.

Ingingo ya 34: Komite ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo

Article 34: Risk Management Committee

Article 34: Comité de gestion des risques

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi wemewe igomba gushyiraho komite ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo, ifite inshingano zo kugenzura ibyo umwishingizi yashoyemo imari.

The board of a licensed insurer shall establish a risk management committee, with oversight responsibility for the investments of the insurer.

Le conseil d'administration d'un assureur agréé doit etablir un comité de gestion des risques qui a la responsabilité de surveiller les investissements de l'assureur.

Iyo imiterere, ingano cyangwa urusobe rw'imirimo y'umwishingizi bikoze ku buryo hatajyaho ishinzwe gucunga ibyateza ingorane ikigo yihariye, inshingano zishobora gushingwa komite ngenzuzi cyangwa inama y'ubutegetsi yose.

If the nature, size or complexity of the insurer's business is such that a separate risk management committee is not warranted, audit committee or the full board may carry out the responsibilities.

Si la nature, la dimension ou la complexité de l'entreprise de l'assureur est telle qu'un comité distinct de gestion des risques n'est pas justifié, les responsabilités peuvent être assumées par le comité d'audit ou par le conseil d'administration.

Komiteishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo igomba kuyoborwa n'uri mu nama y'ubutegetsi wigenga ariko ishobora kujyamo n'abari mu nama y'ubutegetsi batigenga nk'abagize komite, harimo umuyobozi mukuru w'ikigo.

The risk management committee shall be chaired by an independent director but may include non-independent directors as members, including the Chief Executive Officer or Managing Director.

Le comité de gestion des risques doit être présidé par un administrateur indépendant, mais peut comprendre des administrateurs non indépendants en tant que membres, y compris le Directeur Général.

Itsinda rishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo rishinzwe gusuzuma ubunyangamugayo n'imikorere myiza y'uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane rikanakora ku buryo ibyateza ingorane zose z'ingenzi zigaragazwa, zipimwa, zigenzurwa zikanatangwaho raporo.

The risk management committee is responsible for reviewing and assessing the integrity and effectiveness of the risk management system and ensuring that all material risks are identified, measured, monitored and reported.

Le comité de gestion des risques est chargé d'examiner et d'évaluer l'intégrité et l'efficacité des systèmes de gestion des risques et de s'assurer que tous les risques importants sont identifiés, mesurés, suivis et signalés.

Rinagomba gukora ku buryo umwishingizi ashyiraho ibintu byose by'ingenzi bijyanye n'uburyo bwiza bw'imicungire y'ibyateza ingorane rigomba kuba rikubiyemo:	It shall also ensure that the insurer has in place all the key elements of a sound risk management system which must include:	Il doit s'assurer également que l'assureur agréé a mis en place tous les éléments clé d'un système sain de gestion des risques which comprise the following:
1° Ubugenzuzi bukorwa n'inama y'ubutegetsi ndetse n'abakozi bakuru;	1° board and senior management oversight;	1° la supervision du conseil d'administration et de la direction;
2° politiki z'imicungire y'ibyateza ingorane;	2° risk management policies, procedures and limits;	2° les politiques de gestion des risques, les procédures et les limites de gestion des risques;
3° uburyo bw'imikorere n'ibitarengwaho, gukurikirana ibyateza ingorane n'uburyo bwo gutanga amakuru;	3° risk monitoring and information systems;	3° Le suivi des risques et systèmes d'information;
4° hamwe n'uburyo bw'igenzura ndetse n'ubungenzuzi.	4° internal control system and audit.	4° le système de contrôle interne et d'audit.
Itsinda rishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo rigomba gusobanura imiterere, umumaro, inshingano n'ububasha bw'umurimo n'uburyo bukoreshwa mu micungire y'ibyateza ingorane umwishingizi no kugaragaza ibirebwa n'umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo.	The risk management committee shall set out the nature, role, responsibility and authority of the insurer's risk management function and systems and outline the scope of risk management work.	Le comité de gestion des risques doit mettre en place la nature, le rôle, la responsabilité et l'autorité de la fonction et des systèmes de gestion des risques de l'assureur et préciser la portée du travail de gestion des risques.
Itsinda rishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo rigomba gukurikirana iterambere rikorwa hanze rigakora igenzura ryigenga kandi ritabogamye kandi rigasuzuma amakuru yatanzwe n'abakora umurimo wo gucunga ibyateza ingorane umwishingizi, hitabwa ku bibazo byagaragajwe n'itsinda rishinzwe ubugenzuzi hamwe n'andi matsinda y'inama y'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi.	The risk management committee monitors external developments and provide independent and objective oversight and review of the information presented by the insurer's risk management function, taking account of risk concerns raised by the audit committee and other board or management committees.	Le comité de gestion des risques doit faire le suivi des développements externes et assurer une surveillance et un examen indépendants et objectifs des informations présentées par la fonction de gestion des risques de l'assureur, en tenant compte des préoccupations de risque soulevées par le comité d'audit et les autres comités du conseil ou de la direction.

Itsinda rishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo rishobora kwakira inama zerekeye imikorere zitanzwe n'abantu bigenga igihe risanze ari ngombwa kugira ngo rishyire mu bikorwa inshingano zaryo.

The risk management committee may obtain such independent professional advice as it considers necessary to carry out its duties.

Le comité de gestion des risques peut obtenir les avis professionnels indépendants qu'il estime nécessaires à l'exercice de ses fonctions.

Itsinda rishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo ubusanzwe rigomba guterana buri gihembwe.

The risk management committee shall normally meet on a quarterly basis.

Le comité de gestion des risques doit normalement se réunir trimestriellement.

Ingingo ya 35: Komite ishinzwe ishoramari

Article 35: Investment Committee

Article 35: Comité d'investissement

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi wemewe ishobora gushyiraho komite ishinzwe ishoramari, rifite inshingano zo kugenzura ibyo umwishingizi yashoyemo imari.
Iyo imiterere, ingano cyangwa urusobe rw'imirimo y'umwishingizi bikoze ku buryo hatajyaho komite ishinzwe ishoramari yihariye, inshingano zishobora gushingwa komite ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo cyangwa komitengenzuzi cyangwa inama y'ubutegetsi yose.

The board of a licensed insurer may to establish an investment committee, with oversight responsibility for the investments of the insurer.
If the nature, size or complexity of the insurer's business is such that a separate investment committee is not warranted, the responsibilities may be carried out by the risk management committee or audit committee, or the full board.

Le conseil d'administration d'un assureur agréé peut constituer un comité d'investissement, qui assume la responsabilité de contrôler les investissements de l'assureur.
Si la nature, la dimension ou la complexité de l'entreprise de l'assureur est telle qu'un comité d'investissement indépendant n'est pas justifié, les responsabilités peuvent être assumées par le comité de gestion des risques ou le comité d'audit ou tout le conseil d'administration.

Uri mu nama y'ubutegetsi wigenga ayobora komite ishinzwe ishoramari ariko ishobora kujyamo bari mu nama y'ubutegetsi batigenga nk'abagize itsinda, harimo umuyobozi mukuru w'ikigo.

An independent director chairs investment committee but may include non-independent directors as members, including the Chief Executive Officer/Managing Director.

Un administrateur indépendant préside le comité d'investissement, mais peut inclure des administrateurs non indépendants en tant que membres, y compris le directeur général.

Itsinda rishinzwe ishoramari ubusanzwe rigomba guterana buri gihembwe.

The investment committee normally meets on a quarterly basis.

Le comité d'investissement doit normalement se réunir une fois par trimestre.

Inshingano z'ibanze z'itsinda rishinzwe ishoramari ubusanzwe ni izi zikurikira:

The primary responsibilities of the investment committee include the following:

Les principales responsabilités du comité d'investissement doivent normalement inclure les suivantes:

1° gusuzuma no gukurikirana politiki y'ishoramari yose ry'umwishingizi;	1° review and oversee the overall investment policy of the insurer;	1° examiner et surveiller la politique globale d'investissement de l'assureur;
2° gusuzuma no kwemeza umushinga uwo ari wo wose w'ishoramari itari mu bubasha bwahawe abakozi bakuru, hakurikijwe politiki y'ishoramari y'umwishingizi;	2° assess and approve any proposed investments beyond the discretionary limits of senior management, as prescribed in the insurer's investment policy;	2° evaluer et approuver les investissements proposés au-delà des limites discrétionnaires de la haute direction, conformément à la politique d'investissement de l'assureur;
3° gusuzuma amafaranga yose yagenewe ishoramari ry'umwishingizi hamwe n'ibikorwa byakozwe mu gihe gito gishize mu rwego rwo kubahiriza politiki y'ishoramari y'umwishingizi ndetse n'amabwiriza yose;	3° review the investment portfolio of the insurer and recent transactions to ensure compliance with the insurer's investment policy and all regulations;	3° examiner le portefeuille d'investissement de l'assureur et les transactions récentes afin d'assurer le respect de la politique d'investissement de l'assureur et de tous les règlements;
4° kureba ko hariho uburyo buhwitse mu mikorere n'ibikenewe mu kugaragaza no gucunga ishoramari ritinjiza, kugabanya bishoboka igihombo mu ishoramari no gushyika ku kigero cyo hejuru gishoboka mu kwishyuza;	4° ensure there are effective procedures and resources to identify and manage non-earning investments, minimize investment loss and maximize recoveries;	4° s'assurer qu'il y a des procédures efficaces et des moyens pour identifier et gérer les investissements non rentables, minimiser les pertes d'investissement et maximiser les recouvrements;
5° kuyobora, gukurikirana, gusuzuma no kwita ku bibazo byose bishobora kugira ingaruka ikomeye ku ku byiza byagezweho cyangwa biri imbere byerekeye micungire y'ingorane zishingiye ku ishoramari ry'umwishingizi;	5° direct, monitor, review and consider all issues that may materially impact on the existing and future quality of the insurer's investment risk management;	5° diriger, surveiller, examiner et étudier toutes les questions qui peuvent avoir un impact matériel sur la qualité actuelle et future de la gestion des risques d'investissement de l'assureur;
6° guha abakozi bakuru ububasha ku ishoramari no gusuzuma aho ubwo bubasha bugarukira;	6° delegate and review investment authority limits to senior management;	6° déléguer et réviser les limites de pouvoirs d'investissement à la haute direction;
7° gufasha inama y'ubutegetsi kurangiza inshingano zayo zo gusuzuma niba amafaranga yagenewe iashoramari ahagagije no kureba ko amafaranga y'ingoboka akwiriye ku birebana n'igabanuka iryo ariryo ryose ry'agaciro;	7° assist the board with discharging its responsibility to review the quality of the investment portfolio and ensuring adequate provisions for any impairment in values;	7° aider le conseil à s'acquitter de sa responsabilité consistant à examiner la qualité du portefeuille d'investissements et veiller à ce qu'il y ait des dispositions appropriées contre toute atteinte aux valeurs;

8° gukora isuzuma ry'ishoramari ryigenga ridafite aho rihuriye n'uwo ari we wese cyangwa komite bafite inshingano zo gufata ibyemzo byerekeye ishoramari;

8° conduct investment reviews independent of any person or management committee responsible for making investment decisions;

8° mener des revues indépendantes d'investissement de toute personne ou du comité chargé de prendre les décisions d'investissement;

9° kureba ko politiki y'ishoramari n'ibitarengwa mu ishoramari bisuzumwa nibura buri mwaka cyangwa kenshi iyo bibaye ngombwa.

9° ensure that the investment policy and risk limits are reviewed at least on an annual basis and more often if the environment so dictates.

9° veiller à ce que les politiques d'investissement et les limites de risque soient revues au moins annuellement et plus souvent si l'environnement l'exige;

Ingingo ya 36: Inshingano z'itsinda ry'inama y'ubutegetsi rishinzwe gutanga ubwishingizi no kwishyuza

Article 36: Responsibilities of underwriting and claims strategy board committee

Article 36: Attributions de comité de stratégie de souscription et de réclamation

Inshingano z'itsinda rishinzwe uburyo bw'imitangire y'ubwishingizi no kwishyura ni izi zikurikira:

The responsibilities of underwriting and claims strategy are the following:

Les responsabilités du comité de stratégie de souscription et de réclamation sont les suivantes:

1° gusuzuma, kwemeza, no kugenzura imbizi z'ibyiyemejwe gushorwamo imari n'ibyiyemejwe gushorwamo imari;

1° review, approve, and monitor overall risk tolerance and risk appetite;

1° approuver, reviser et surveiller les tolérances globales au risque et appétence aux risques;

2° gushyiraho politiki yo gutahura no gukumira uburiganya;

2° estblishment of policy on fraud detection and prevention;

2° établissement de la politique de détection et de prévention de la fraude;

3° gushyiraho politiki ishyiraho ibipimo ngenderwaho mu gutanga ubwishingizi;

3° establishing company's models and metrics to valuate the underwritten risk;

3° Établissement des modèles et des mesures de l'entreprise pour évaluer le risque souscrit;

4° gushyiraho no gusuzuma politiki ngenderwaho mu kwishyura;

4° establishing and reviewing claims policies and procedures;

4° Établissement et révision des politiques et procédures de reclamation;

5° gusuzuma mu buryo ngarukagihe pilitike n'imirongo ngenderwaho sosiyete ikoresha gutanga ubwishingizi n'ubwishingizi bw'abishingizi;

5° to review periodically the policies and guidelines governing the Company's insurance underwriting and reinsurance treaties;

5° examiner périodiquement les politiques et les lignes directrices régissant la souscription d'assurance et la conclusion du contrat de réassurance;

6° gusuzuma mu buryo ngarukagihe uburyo bwa sisiyete bukoreshwa mu gutanga ubwishingizi n'ubwishingizi bw'abishingizi;

7° gukurikirana iyubahirizwa rya politiki n'imirongo ngenderwaho yashyizweho mu gutanga ubwishingizi;

8° gusuzuma gahunda zerekeye kwishyura ikiguzi cy'abishingizi b'abishingizi;

9° gusuzuma no kwemeza igura n'igurishwa ry'ibikorwa by'ubucuruzi, ibikorwa by'ubucuruzi bihuriweho n'ibikorwa byerekeye ishoramar;

10° kugenzura no gusuzuma ku buryo buhoraho pilitiki yerekeye amafaranga y'ingoboka y'umwishungizi;

11° kugenzura ku buryo buhoraho politiki n'uburyo bwo kugena ibiciro;

12° kugenzura no kwemeza politiki yerekeye ubwishingizi bw'abishingizi.

Ingingo ya 37: Komite ishinzwe ibihembo

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi ishobora gushyiraho komite ishinzwe ibihembo nk'agakomite kihariye k'inama y'ubutegetsi gashinzwe gushyiraho no gusuzuma politiki n'imikorere by'ibihembo bitangwa n'umwishingizi.

6° to review on periodic basis, the Company's insurance underwriting and reinsurance processes and procedures;

7° monitor compliance with approved underwriting policies and guidelines;

8° review ceded reinsurance programs and practices;

9° review and approve acquisitions and disposals of lines of business, joint ventures and strategic equity investments;

10° review and assess on a regular basis the policy on technical provisions of an insurer;

11° review on a regular basis pricing's policy and strategy;

12° review and approve re-insurance strategy of re-insurer.

Artile 37: Remuneration committee

An insurer engaged in long-term insurance business shall establish an asset and liability committee unless the responsibilities of an ALCO are explicitly delegated to a sub-committee of the risk management committee with a clear mandate and line of reporting that includes reporting to the board or an appropriate board committee.

Le comité de gestion des risques de la direction sert à coordonner et à centraliser la fonction de gestion des risques au sein de l'assureur et à s'assurer que les pratiques de gestion des risques sont intégrées dans l'entreprise.

Ce comité doit faire rapport régulièrement au comité de gestion des risques du conseil, s'il y en a un ou au comité d'audit.

Article 52: Comité de l'actif et du passif (ALCO)

Les assureurs peuvent créer un comité de gestion responsable de la gestion de l'actif et du passif de l'assureur.

Lorsque la nature, l'ampleur et la complexité de l'entreprise de l'assureur indiquent qu'un ALCO distinct n'est pas justifié, les responsabilités d'un ALCO peuvent être déléguées au comité de gestion des risques.

Un assureur engagé dans une activité d'assurance à long terme doit établir un comité de l'actif et du passif à moins que les responsabilités d'un ALCO ne soient expressément déléguées à un sous-comité du comité de gestion des risques doté d'un mandat clair et d'une chaîne de transmission de rapports qui comprend les rapports au conseil d'administration ou au comité du conseil approprié.

Imicungire y'umutungo n'ibyishyurwa isaba gucunga ibikorwa by'umwishingizi ku buryo ibyemezo bifatwa birebana n'umutungo n'ibyishyuzwa bishingira ku ngorane zirebana na byo ndetse n'ingaruka ku mpinduka z'agaciro za kimwe muri byo.	Asset liability management (ALM) involves managing the insurer's business so that decisions taken regarding assets and liabilities reflect the interdependence of their respective risks and any impact of variations in the value of one on the other.	La gestion actif-passif implique la gestion de l'activité de l'assureur de sorte que les décisions prises concernant les actifs et les passifs reflètent l'interdépendance de leurs risques respectifs et l'impact des variations de la valeur de l'un sur l'autre.
Komite ireba umutungo n'ibyishyurwa ishyiraho ingamba ziboneye zishoboka z'umwishingizi mu buryo buhuza imitungo n'ibyishyurwa hitawe ku byitezwe cyangwa ku ngaruka zaba zijyana n'inyungu n'ihindagurika ry'agaciro k'ivunja ry'amafaranga y'amahanga, ibibazo bijyana n'amafaranga ahari, ibyishyurwa byabarishijwe imibare y'ubuhanga mu bwishingizi n'uko imari fatizo ikwiriye.	The ALCO shall formulate appropriate strategies for the insurer in terms of the mix of assets and liabilities given its expectations of the future and the potential consequences of interest rate and foreign-exchange-rate movements, liquidity constraints, actuarial liabilities and capital adequacy.	Le Comité de l'actif et du passif doit formuler les stratégies appropriées pour l'assureur en termes de composition de l'actif et du passif compte tenu de ses attentes pour les conséquences futures et potentielles du taux d'intérêt et des mouvements de taux de change, des contraintes de liquidité, du passif actuariel et de l'adéquation du capital.
Iyi komite igomba gukora ku buryo ingamba zose zubahiriza ibyo umwishingizi yifuza gushoramo amafaranga n'aho ibishorwamo amafaranga bitarenga nk'uko bishyirwaho bikanemezwa n'inama y'ubutegetsi.	The committee shall ensure that all strategies conform to the insurer's risk appetite and risk limits as established and approved by the board.	Le comité doit s'assurer que toutes les stratégies sont conformes au goût du risque de l'assureur et aux limites du risque telles que déterminées et approuvées par le conseil.
Komite ishinzwe imitungo n'ibyishyurwa ishyikiriza raporo ngarukagihe inama y'ubutegetsi komite y'inama y'ubutegetsi yabigenewe ku byerekeye imikorere y'ingamba zayo ku birebana n'imicungire y'umutungo n'ibyishyurwa ndetse n'ingaruka cyangwa impinduka zabyo zifatika.	The ALCO shall report periodically to the board or to a designated board committee on the performance of its strategies for asset liability management and any material impacts or changes.	L'ALCO doit faire rapport périodiquement au conseil d'administration ou à un comité du conseil désigné sur l'exécution de ses stratégies de gestion actif-passif et sur tout impact ou changement important.
Komite ishinzwe umutungo n'ibyishyurwa igomba guterana nyuma y'igihe runaka n'abakora umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane z'umwishingizi kugira ngo hizerwe ingamba zose	The ALCO shall meet periodically with the risk management function of the insurer to ensure that all risks related to asset liability management	L'ALCO doit se réunir périodiquement avec la fonction de gestion des risques de l'assureur pour s'assurer que tous les risques liés aux stratégies de

z'imicungire y'ibyateza ingorane zerekeye umutungo n'ibyishyurwa zagaragajwe, zasuzumwe kandi zigakurikiranwa uko bikwiye.

strategies are identified, assessed and monitored appropriately.

gestion de l'actif et du passif sont identifiés, évalués et suivis de façon appropriée.

UMUTWE WA VI: IMICUNGIRE Y'IBYATEZA IINGORANE N'UBURYO BW'IGENZURA RY'IMBERE

CHAPTER VI: RISK MANAGEMENT AND INTERNAL CONTROL SYSTEMS

CHAPITRE VI: GESTION DES RISQUES ET SYSTEMES DE CONTROLE INTERNE

Icyiciro cya mbere: Ibisabwa muri rusange ku micungire y'ibyateza ingorane ikigo no ku buryo bw'igenzura

Section one: General requirements for risk management and internal controls

Section première: Exigences générales relatives à la gestion des risques et aux contrôles internes

Ingingo ya 53: Itegeko ryo gushyiraho politiki z'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo hamwe n'imikorere n'imirimo y'uburyo bw'igenzura ry'imbere

Article 53: Requirement to establish risk management policies and internal control systems and functions

Article 53: Exigence d'établir des politiques de gestion des risques et des systèmes et fonctions de contrôle interne

Umwishingizi ubyemerewe cyangwa ubifitiye uruhushya agomba kugira uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo n'uburyo bw'igenzura bikora neza, harimo imicungire y'ibyateza ingorane z'ikigo, ubugenzuzi bw'imbere kubahiriza amategeko n'imirimo y'ubuhanga mu mu mibare y'ubwishingizi. Ibyo bigomba gushyirwa mu rwego rusange rw'imiyoborere y'ikigo cy'umwishingizi kandi bigomba kuba bijyanye n'imiterere, icyiciro, hamwe n'urusobe rw'ibikorwa by'umwishingizi.

A licensed or authorised insurer shall have effective risk management systems and internal controls, including risk management, internal audit, compliance and actuarial functions. These must be included in the insurer's overall corporate governance framework and shall be appropriate to the nature, scale and complexity of the insurance business.

Un assureur agréé ou autorisé doit avoir des systèmes de gestion des risques et des contrôles internes efficaces, y compris la gestion des risques, l'audit interne, la conformité et les fonctions actuarielles. Ceux-ci doivent être inclus dans le cadre général de la gouvernance de l'assureur et être adaptés à la nature, à l'ampleur et à la complexité de l'activité d'assurance.

Uburyo bw'imicungire n'imirimo byihariye byashyizweho n'umwishingizi runaka bugomba kuba bujyanye n'imiterere, urwego, ibishobora gushorwamo amafaranga bijyanye n'ibikorwa bye by'ubwishingizi, bugasuzumwa kandi bugahuzwa n'igihe bitewe n'impinduka z'ibihe.

The specific control systems and functions established for a given insurer shall reflect the nature, scale and risk profile of its insurance business and be reviewed and adapted as circumstances change.

Les systèmes et fonctions de contrôle spécifiques établis pour un assureur donné doivent refléter la nature, l'ampleur et le profil de risque de son activité d'assurance et être revus et adaptés à mesure que les circonstances changent.

Ingingo ya 54: Uburyo bw'igenzura hamwe n'umurimo w'igenzura

Uburyo bw'igenzura bugomba gutegurwa bukanashyirwa mu bikorwa kugira ngo habeho igenzura rikwiye ry'ibikorwa n'uburyo by'ingenzi, harimo ibaruramari n'imitangire ya raporo z'imari, imicungire y'ibyateza ingorane ikigo no kubahiriza amategeko, kugira ngo hizerwe ko ibikorwa biri gukorwa hashingiwe ku ngamba na politiki byashyizweho n'inama y'ubutegetsi.

Abantu n'abakozi b'ingenzi bashinzwe imirimo y'igenzura bagomba kugira ubunyangamugayo, ubushobozi, ubuhanga n'amashuri bisabwa.

Umwishingizi ashinzwe kugenzura ko abantu bakora imirimo y'igenzura bujuje ibusabwa n'isuzuma rikwiye.

Ishyirwaho, isuzumabushobozi hamwe n'iyirukanwa ry'ukuriye buri rwego rw'umurimo w'igenzura bigomba kubanza kwemezwa n'inama y'ubutegetsi cyangwa komite ibishinzwe y'inama y'ubutegetsi.

Imirimo y'igenzura y'umwishingizi, harimo imicungire y'ibyateza ingorane ikigo n'imirimo y'igenzura ry'imbere bigomba kugira ububasha n'ubwisanzure bukenewe kugira ngo ashobore kurangiza inshingano ze neza.

Ububasha n'inshingano bya buri murimo w'igenzura bigomba gusobanurwa mu nyandiko

Article 54: Internal control systems and control function

Internal control systems must be designed and implemented to provide reasonable control over key business and processes, including accounting and financial reporting, risk management and compliance, in order to provide assurance that the business is being operated in accordance with the strategies and policies set by the board.

Key persons and staff in control functions must possess integrity, competence and relevant expertise and qualifications.

The insurer is responsible for ensuring that persons in control functions meet appropriate fit and proper requirements.

Appointment, performance assessment and dismissal of the head of each control function shall be subject to the approval of the board or relevant board committee.

The control functions of an insurer, including the risk management and internal audit functions must have the authority and independence necessary to effectively discharge its duties.

The authority and responsibilities of each control function shall be set out in writing as part of the

Article 54: Systèmes de contrôle interne et fonction de contrôle

Les systèmes de contrôle interne doivent être conçus et mis en œuvre pour assurer un contrôle raisonnable des activités et des processus clés, y compris la comptabilité et les rapports financiers, la gestion des risques et la conformité, pour s'assurer que l'entreprise est exploitée conformément aux stratégies et politiques établies par le conseil.

Les personnes clés et le personnel chargé des fonctions de contrôle doivent avoir l'intégrité, la compétence et l'expertise ainsi que les qualifications pertinentes.

L'assureur doit veiller à ce que les personnes exerçant les fonctions de contrôle répondent aux exigences appropriées.

La nomination, l'évaluation de la performance et le renvoi du chef de chaque fonction de contrôle doivent être soumis à l'approbation du conseil ou du comité compétent du conseil.

Les fonctions de contrôle d'un assureur, y compris les fonctions de gestion des risques et d'audit interne, doivent avoir l'autorité et l'indépendance nécessaires pour s'acquitter efficacement de leurs fonctions.

L'autorité et les responsabilités de chaque fonction de contrôle doivent être établies par écrit dans le

nka kimwe mu bigize urwego rw'imiyoborere y'umwishingizi kandi bikemerwa n'inama y'ubutegetsi.

insurer's governance framework and approved by the board.

cadre de gouvernance de l'assureur et approuvées par le conseil.

Uburyo bw'igenzura bugomba gutuma habaho itandukana rikwiye ry'imirimo kugira ngo hatezwe imbere uburyo bwo kugenzurana kandi butabangamirana kandi hirindwe igongana ry'inyungu.

The internal controls system must provide for appropriate segregation of duties to promote checks and balances and avoid conflicts of interest.

Le système de contrôle interne doit prévoir une séparation appropriée des tâches pour favoriser les freins et contrepoids et éviter les conflits d'intérêts.

Amahame ari muri iyi ngingo anareba abishingizi ba Leta igihe cyose atanyuranyije n'amategeko abagenga.

For public insurers, the principles included in this article are also relevant as long as there is no conflict with their governing laws.

Pour les assureurs publics, les principes énoncés dans cet article sont aussi appropriés tant qu'il n'y a pas de conflit avec les lois les régissant.

Inama y'ubutegetsi ifite inshingano y'ibanze yo kugenzura ko hariho uburyo bwiza bw'imikorere n'igenzura kandi ko hari abakozi bakwiye kandi babifitiye ubushobozi kugira ngo babishyire mu bikorwa. Abayobozi bakuru, cyangwa ubuyobozi bukuru by'ikigo cya Leta cy'ubwishingizi bifite inshingano zo gushyira mu bikorwa mu buryo bukwiye ubu buryo bw'imikorere.

The board of directors shall ensure that effective systems and controls are in place, and that adequate and competent resources are available to implement them. Senior management, or the general directorate of a public insurer, has responsibility to implement these systems properly.

Le conseil d'administration a la responsabilité de s'assurer que les systèmes et les contrôles efficaces sont en place et que des ressources suffisantes et compétentes sont disponibles pour les mettre en œuvre. La haute direction ou la direction générale d'un assureur public a la responsabilité de mettre en œuvre ces systèmes correctement.

Ku bishingizi bari mu itsinda ry'ubwishingizi cyangwa mu ihuriro ry'ibigo by'imari, imicungire y'ibyateza ingorane n'uburyo bw'igenzura bireba buri gikorwa cy'ubucuruzi bw'itsinda bushobora gushyirwa mu bikorwa bukiyongera ku bukoreshwa ku rwego rw'ikigo.

For insurers that are part of an insurance group or financial conglomerate, group-wide risk management and controls systems may be implemented in addition to those at the legal entity level.

Pour les assureurs qui font partie d'un groupe d'assurance ou d'un conglomérat financier, des systèmes de gestion et de contrôle des risques à l'échelle du groupe peuvent être mis en œuvre en plus de ceux qui sont au niveau de l'entité juridique.

Banki Nkuru ishobora gusaba umwishingizi kugaragaza ko ibyateza ingorane zicunzwe mu buryo bukwiye haba ku rwego rw'ikigo no ku rwego rw'itsinda ryagutse.

The Central Bank may request the insurer to demonstrate that the risks are managed appropriately at both the legal entity level and the group-wide level.

La Banque Centrale peut demander à l'assureur de démontrer que les risques sont gérés de manière appropriée tant au niveau de l'entité juridique qu'au niveau du groupe.

Ingingo ya 55: Inshingano yo kugira uburyo bw'igenzura

Inama y'ubutegetsi igomba kwimakaza umuco w'igenzura rikomeye ry'imbere mu miterere y'ikigo ikanashyiraho kandi igashimangira uburyo buhamye bw'igenzura ry'imbere kugira ngo harebwe ko:

1° imirimo y'umwishingizi ikorwa mu bushishozi hakurikije politiki n'ingamba byashyizweho n'inama y'ubutegetsi;

2° imirimo ikoranwa gusa n'ababifitiye ububasha;

3° imitungo icunzwe neza;

4° ibaruramari n'izindi nyandiko bitanga amakuru yuzuye, ahuje n'ukuri, ashobora kugenzurwa kandi ku gihe;

5° ubuyobozi bushoboye kugaragaza, gusuzuma, gucunga no kugenzura ibyateza ingorane zishobora kugwirira umurimo no kugira imari ihagije yo gukemura izo ngorane;

6° imirimo yose ikorwa n'abantu bo hanze, ikurikiranwa uko bikwiye kandi igaragaza neza ibyo yagezeho.

Article 55: Requirement of internal control system

The board shall develop a strong internal control culture within its organization and establish and maintain an effective internal control system to ensure that:

1° the business of the insurer is conducted in a prudent manner in accordance with policies and strategies established by the board;

2° transactions are only performed with appropriate authority;

3° assets are safeguarded;

4° accounting and other records provide complete, accurate, verifiable and timely information;

5° management is able to identify, assess, manage and control the risks of the business and hold sufficient capital for these risks;

6° all outsourced functions have proper oversight and clear accountability.

Article 55: Exigence d'établir un système de contrôle interne

Le conseil doit développer une forte culture de contrôle interne au sein de l'organisation et etétablir et maintenir un système efficace de contrôle interne pour s'assurer que:

1° les affaires de l'assureur sont menées de manière prudente, conformément aux politiques et stratégies établies par le conseil;

2° les transactions sont uniquement conclues avec l'autorité appropriée;

3° les actifs sont protégés;

4° les registres de comptabilité et autres relevés fournissent des informations complètes, exactes, vérifiables et en temps opportun;

5° la direction est capable d'identifier, évaluer, gérer et contrôler les risques de l'entreprise et dispose de capitaux suffisants pour couvrir ces risques;

6° tous les travaux sous-traités ont un contrôle adéquat et une responsabilité claire.

Ingingo ya 56: Ububasha bwo gutanga amabwiriza n'imirongo ngenderwaho

Banki Nkuru ishobora gushyiraho andi mabwiriza mu rwego rwo gufasha abishingizi gushyiraho no

Article 56: Powers to issue directives and guidelines

The Central Bank may issue additional guidelines to assist insurers in establishing and implementing

Article 56: Pouvoir d'émettre des instructions et des directives

La Banque Centrale peutédicter des directives supplémentaires pour aider les assureurs à établir et

gushyira mu bikorwa uburyo bukwiye bwo gucunga ibyateza ingorane no kwigenzura.

Banki Nkuru ishobora gusaba umwishingizi kugaragaza ko imirimo ye hamwe n'imiterere y'igenzura, harimo n'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo bikwiye kandi bijyanye n'imiterere, urwego ndetse n'urusobe rw'imirimo y'umwishingizi.

Banki Nkuru ishobora kandi gushyiraho amabwiriza yihariye agaragaza ingamba zerekeye gukosora amakosa ku mwishingizi utubahiriza aya mabwiriza.

Icyiciro cya 2: Imicungire y'ibyateza ingorane ikigo

Ingingo ya 57: Inshingano yo gushyiraho politiki y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo

Abishingizi basabwa kugira:

1° politiki ku micungire y'ibyateza ingorane ikigo isobanutse neza kandi yanditse, irimo ingamba, intego, amahame y'ingenzi n'inshingano mu gucunga ibyiciro by'ingenzi by'ingorane. iyi politiki igomba kwemezwa n'inama y'ubutegetsi;

2° ibyifuzwa gushorwamo amafaranga bisobanutse neza byemejwe n'inama y'ubutegetsi kandi bigomba gushyirwa mu bikorwa n'abakora umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo.

appropriate risk management and internal control functions and systems.

The Central Bank may require an insurer to demonstrate that its control functions and systems, including risk management, are adequate and appropriate to the nature, scale and complexity of the insurer's business.

The Central Bank may issue specific directives prescribing appropriate remedial actions to an insurer who does not comply with this regulation.

Section 2: Risk management

Article 57: Requirement of risk management policy

Insurers are required to have:

1° a clearly defined and written risk management policy which includes strategies, objectives, key principles and responsibilities for managing relevant categories of risks. This policy must be approved by the board;

2° a clearly defined risk appetite that is approved by the board and and which must be implemented by the risk management function.

à mettre en œuvre des fonctions et des systèmes appropriés de gestion des risques et de contrôle interne.
La Banque Centrale peut exiger à un assureur de démontrer que ses fonctions et ses systèmes de contrôle, y compris la gestion des risques, sont adéquats et appropriés à la nature, à l'ampleur et à la complexité de l'activité de l'assureur.

La Banque Centrale peut édicter des directives spécifiques prescrivant des mesures correctives appropriées à un assureur qui n'est pas en conformité avec le présent règlement.

Section 2: Gestion des risques

Article 57: Exigence de la politique de gestion des risques

Les assureurs doivent comporter :

1° une politique de gestion des risques clairement définie et écrite qui comprend des stratégies, des objectifs, des principes clés et des responsabilités pour gérer des catégories spécifiques de risques. Cette politique doit être approuvée par le conseil;

2° un goût de risque clairement défini qui est approuvé par le conseil et qui doit être mis en œuvre par la fonction de gestion des risques.

Inshingano yo kugenzura ireme, ubutajegajega n'ubwizerwe by'uburyo bukoreshwa n'umwishingizi mu micungire y'ingorane zishobora guhabwa komiteishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikigo ku rwego rw'ubuyobozi rishyikiriza raporo inama y'ubutegetsi cyangwa komite y'inama y'ubutegetsi bireba.

The responsibility to ensure quality, integrity and reliability of the insurer's risk management systems may be delegated to a management-level risk management committee that reports to the board or appropriate board committee.

La responsabilité d'assurer la qualité, l'intégrité et la fiabilité des systèmes de gestion des risques de l'assureur peut être déléguée à un comité de gestion des risques au niveau de la direction qui fait rapport au conseil ou au comité du conseil approprié.

<u>Ingingo ya 58:</u> Urwego rushinzwe umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo

<u>Article 58:</u> Risk management function

<u>Article 58:</u> Fonction de gestion des risques

Umwishingizi agomba gushyiraho umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ishyirwa mu miterere y'imirimo y'umwishingizi kandi uwo murimo ukaba ugaragaza neza uburyo bwo gutanga raporo.

The insurer shall establish a risk management function that is integrated into the insurer's organisational structure and includes clear lines of reporting.

L'assureur est tenu d'établir une fonction de gestion des risques qui est intégrée dans le cadre organique de l'assureur et comprend des lignes claires de transmission de rapport.

Umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ugomba gutandukana n'ibikorwa by'ubucuruzi kandi ushobora kuyoborwa n'umukozi mukuru ushinzwe ibyateza umwishingizi ingorane.

The risk management function shall be independent from business operations and may be headed by a chief risk officer.

La fonction de gestion des risques doit être indépendante des activités commerciales et peut être dirigée par un chef du service des risques.

Inama y'ubutegetsi ishinzwe kugenzura ko hariho uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bwashyizweho n'abakora umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane bushyirwa mu bikorwa kandi bukanagenzurwa.

The board is responsible for ensuring that an effective risk management system is established by the risk management function and that it is implemented and monitored.

Le conseil doit s'assurer qu'un système efficace de gestion des risques est établi par la fonction de gestion des risques et qu'il est mis en œuvre et suivi.

Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bugizwe n'ingamba, politiki, imikorere n'uburyo bwo gutanga raporo bukoreshwa mu kugaragaza, gusuzuma, gukurikirana no kugenzura ibyateza ingorane z'ingenzi zateganywa ku rwego rwa serivisi imwe no ku rwego rusange. Bwita ku

A risk management system consists of strategies, policies, processes, and reporting procedures that are used to identify, assess, monitor, and control foreseeable material risks at both an individual and aggregate level. It takes into account the probability, impact and time horizon of such risks.

Un système de gestion des risques comprend des stratégies, des politiques, des processus et des procédures de rapport qui sont utilisés pour identifier, évaluer, faire le suivi et contrôler les risques matériels prévisibles, tant au niveau individuel qu'au niveau global.

byashobora kuba, ku ngaruka z'izo ngorane n'igihe zamara.

Abakora umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane bagomba gushyikiriza raporo inama y'ubutegetsi ku buryo buhoraho ku byerekeye ibyateza ingorane zavuka, ibyo umwishingizi ashoramo amafaranga n'ibikorwa byose bifitanye isano n'ibyateza ingorane.

The risk management function shall report to the board on a regular basis matters relating to risk exposures, the insurer's risk profile, and any risk-related events.

La fonction de gestion des risques doit faire rapport régulièrement au conseil sur les questions relatives à l'exposition au risque, au profil de risque de l'assureur et à tout événement lié au risque.

Umuyobozi w'umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane afite ububasha n'inshingano zo guha amakuru Inama y'ubutegetsi vuba ajyanyen'bintu byose byagira ingaruka ku buryo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo.

The head of the risk management function has the authority and obligation to inform the board promptly of any material circumstances that affect the risk management system.

Le responsable de la fonction de gestion des risques a l'autorité et l'obligation d'informer rapidement le conseil de toute circonstance importante ayant une incidence sur le système de gestion des risques.

Iyo umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo urebana n'uduce twinshi tw'imirimo hashingiwe ku byiciro bitandukanye by'ibyateza ingorane, utwo duce tw'imirimo tugomba kubahiriza ibisabwa n'umurimo rusange w'igenzura uhuriza hamwe amakuru na za raporo mu rwego rwo kugaragaza imiterere rusange y'uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo.

If the risk management function consists of several sub-functions in respect of different risk categories, these sub-functions shall report to a common control function that aggregates the information and reports to present an overall view of the risk management system.

Si la fonction de gestion des risques comporte plusieurs sous-fonctions pour différentes catégories de risques, ces sous-fonctions doivent faire rapport à une fonction de contrôle commune qui regroupe les informations et les rapports afin de présenter une vue d'ensemble du système de gestion des risques.

Umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ugoma kugira ishusho rusange y'imiterere y'ibyateza ingorane z'umwishingizi. Ugomba kandi kujyamo isuzuma ry'ubushobozi bw'umwishingizi bwo guhangana n'ibyateza ingorane bitewe n'imiterere y'ingaruka zagaragajwe, kuba zabaho n'ingaruka zazo. Ugomba guha agaciro ibyateza ingorane zituruka mu kigo imbere no hanze yacyo, ndetse n'ibyateza ingorane zituruka ku miterere y'imishahara n'uduhimbazamusyi dutangwa.

The risk management function shall maintain an aggregate view of the insurer's risk profile. It shall include an evaluation of the insurer's capacity to absorb risk given the nature, probability and impact of identified risks. It shall consider risks arising from the internal and external environments as well as risks arising from remuneration and incentive structures.

La fonction de gestion des risques doit conserver un aperçu général du profil de risque de l'assureur. Il doit inclure une évaluation de la capacité de l'assureur à absorber le risque compte tenu de la nature, de la probabilité et de l'impact des risques identifiés. Il doit tenir compte des risques découlant de l'environnement interne et externe ainsi que des risques découlant de la rémunération et des structures incitatives.

Ingingo ya 59: Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane	**Article 59: Risk management system**	**Article 59: Système de gestion des risques**
Umwishingizi agomba gushyira mu bikorwa uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bujyanye n'imiterere, urwego n'urusobe by'ibikorwa by'umwishingizi.	The insurer shall implement an effective risk management system that is appropriate to the nature, scale and complexity of the insurer's business.	L'assureur doit mettre en place un système efficace de gestion des risques adapté à la nature, à l'ampleur et à la complexité de l'activité de l'assureur.
Haseguriwe ibimaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bugomba kubamo ibi bikurikira:	Subject to these considerations, the risk management system shall include the following:	Sous réserve de ces considérations, le système de gestion des risques doit comprendre les éléments suivants:
1° politiki zanditse zirimo igisobanuro n'ibyiciro by'ibyateza ingorane z'ingenzi zugarije umwishingizi, igipimo cyemewe izo ngorane zitarenga kuri buri bwoko bw'ibyateza ingorane hamwe n'igisobanuro cy'inshingano zihariye z'abakozi bakora imirimo ifitanye isano n'izo ngorane;	1° written policies which include a definition and categorisation of the relevant material risks to which the insurer is exposed, the acceptable risk limits for each type of risk and definition of specific obligations of employees dealing with these risks;	1° des politiques écrites qui incluent une définition et une catégorisation des risques matériels pertinents auxquels l'assureur est exposé, des limites de risque acceptables pour chaque type de risque et une définition des obligations spécifiques des employés traitant de ces risques;
2° uburyo bukoreshwa n'ibikoresho bikwiye mu kugaragaza, gusuzuma, gukurikirana, gucunga no gutanga raporo ku ngorane;	2° suitable processes and tools for identifying, assessing, monitoring, managing and reporting on risks;	2° des processus et outils appropriés pour identifier, évaluer, faire le suivi, gérer et faire les rapports sur les risques;
3° amasuzuma ahoraho y'uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane no gushyira mu bikorwa ingamba zigamije gukosora cyangwa z'inyongera igihe bikenewe.	3° regular reviews of the risk management system and implementation of corrective or additional measures if necessary.	3° des examens réguliers du système de gestion des risques et la mise en œuvre de mesures correctives ou supplémentaires si nécessaire.
Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane bwita ku ngorane zose z'ingenzi zishoboka n'izateganywa zugarije umwishingizi.	The risk management system takes into account all reasonably foreseeable and material risks which the insurer is exposed to.	Le système de gestion des risques tient compte de tous les risques raisonnablement prévisibles et importants auxquels l'assureur est exposé.
Ibikorwa na serivisi bishya bishobora kongera ibyateza ingorane zisanzwe cyangwa bigatuma	New activities and products that may increase an existing risk or create a new risk exposure shall be	Les nouvelles activités et les nouveaux produits qui peuvent accroître un risque existant ou créer une

havuka izindi ngorane bigomba gusuzumwa bikanemezwa n'inama y'ubutegetsi ndetse n'abayobozi bakuru.

Impinduka z'ingenzi ku buryo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo zigomba gushyirwa mu nyandiko kandizikemezwe n'inama y'ubutegetsi.

Inyandiko yabugenewe nayo igomba guhabwa ubugenzuzi bw'imberere n'ubukorwa n'abo hanze ndetse na Banki Nkuru kugira ngo ibafashe gusuzuma uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo.

Uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo bugomba gushyirwa mu mirimo ikorwa kugira ngo imikorere y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo ishyirwe mu bikorwa by'umwishingizi hashingiwe ku buryo ikigo kigenda cyaguka.

Amahugurwa yabugenewe n'itangwa ry'amakuru ku bakozi bigomba gukorwa buri gihe mu rwego rwo gufasha abakozi kumva uburyo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo hamwe n'inshingano zabo.

<u>Ingingo ya 60:</u> Imicungire y'ibyateza ingorane ikigo (ERM)

Abishingizi bashobora guhitamo no gushyira umurimo n'uburyo bw'imikorere bw'imicungire y'ibyateza ingorane mu buryo bw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo kugirango bahite bahuriza hamwe ibikorwa byabwo by'imicungire y'ibyateza ingorane n'ingamba z'ubucuruzi ndetse

subject to review and approval by the board and senior management.

Material changes to the risk management system shall be documented and subject to board approval.

Appropriate documentation must also be available to internal and external audit and to the Central Bank to assist in their evaluation of the risk management system.

The risk management system shall be integrated into the business such that appropriate risk management practices are part of the insurer's operations on an enterprise-wide basis.

Appropriate training and communication for employees are conducted on a regular basis to help employees understand the risk management system and their responsibilities.

<u>Article 60:</u> Enterprise risk management (ERM)

Insurers may elect to embed their risk management function and systems into an enterprise risk management system in order to align their risk management activities directly with business strategies and capital allocation decision-making processes.

nouvelle exposition au risque doivent faire l'objet d'un examen et d'une approbation par le conseil et la haute direction.

Les changements importants au système de gestion des risques doivent être documentés et soumis à l'approbation du conseil.

Une documentation appropriée doit également être mise à la disposition de l'audit interne et externe et de la Banque Centrale afin d'aider à l'évaluation du système de gestion des risques.

Le système de gestion des risques doit être intégré dans les affaires de l'entreprise de sorte que les pratiques de gestion des risques appropriées fassent partie des opérations de l'assureur à l'échelle de l'entreprise.

Une formation et une communication appropriées sont régulièrement dispensées aux employés pour les aider à comprendre le système de gestion des risques et leurs responsabilités.

<u>Article 60:</u> Gestion des risques de l'entreprise (ERM)

Les assureurs peuvent choisir d'intégrer leurs fonctions et systèmes de gestion des risques dans un système de gestion des risques de l'entreprise afin d'aligner directement leurs activités de gestion des risques sur les stratégies d'entreprise et les processus décisionnels d'allocation de capital.

n'uburyo bwo gufata ibyemezo ku mafaranga abigenerwa.		
Abishingizi bagize itsinda ry'ubwishingizi cyangwa ihuriro ry'imari bashyiraho umurimo w'itsinda ryagutse ry'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo bagomba gukomeza kubahiriza amabwiriza ku micungire y'ibyateza ingorane n'uburyo bw'igenzura ku rwego rw'ikigo gifite ubuzima gatozi.	Insurers which are part of an insurance group or financial conglomerate who establish a group-wide ERM function shall still comply with all regulations for risk management and internal controls on a legal entity basis.	Les assureurs qui font partie d'un groupe d'assurance ou d'un conglomérat financier qui établissent une fonction de gestion des risques de l'entreprise(ERM) à l'échelle du groupe doivent toujours se conformer à tous les règlements relatifs à la gestion des risques et aux contrôles internes sur base d'une entité juridique.
Urwego rw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo rwashyizweho n'umwishingizi cyangwa ikigo cyabyaye uwo mwishingizi bugomba gushyirwa mu bikorwa by'igenzura by'inama y'ubutegetsi y'ikigo cyemewe n'amategeko ndetse n'ubw'ikigo cyabyaye ikindi, iyo bishoboka. Bugomba gushyirwa mu bikorwa no gucungwa n'umurimo rusange w'imicungire y'ibyateza ingorane ku rwego rw'ikigo rw'ikigo gifite ubuzima gatozi.	An ERM framework established by an insurer or parent company of an insurer must be included in the oversight activities of the board of the legal entity as well as the parent company, if applicable and it shall be implemented and managed by a central risk management function at the legal entity level.	Un cadre d'ERM établi par un assureur ou une société mère d'un assureur doit être inclus dans les activités de contrôle du conseil d'administration de la personne morale ainsi que de la société mère, le cas échéant et doit être mis en œuvre et géré par une fonction centrale de gestion des risques au niveau de l'entité juridique.
Inama y'ubutegetsi y'ikigo cyemewe n'amategeko igomba kwemeza mu bwisanzure politiki y'imicungire y'ibyateza ingorane z'umwishingizi (ERM).	The board of the legal entity must approve independently the ERM policy for the insurer.	Le conseil de la personne morale doit approuver indépendamment la politique d'ERM pour l'assureur.
Politiki y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo igomba kuba ihuye n'ingamba na politiki byateguwe n'inama y'ubutegetsi bigashyirwa mu bikorwa n'abakozi bakuru.	The ERM policy shall be consistent with other strategies and policies developed by the board and implemented by senior management.	La politique d'ERM doit être cohérente avec les autres stratégies et politiques élaborées par le conseil et mises en œuvre par la haute direction.
Politiki y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo igomba kuba ihuje n'inyandiko y'ibyifuzwa gushorwamo amafaranga ndetse n'ubushobozi bwo gushora bw'umwishingizi ku rwego rw'ikigo	The ERM policy shall correspond with the risk appetite statement and risk capacity of the insurer at the legal entity level as approved by the board.	La politique de gestion des risques doit correspondre à la déclaration de goût du risque et à la capacité de risque de l'assureur au niveau de l'entité juridique approuvée par le conseil.

cyemewe n’amategeko nk’uko byemejwe n’inama y’ubutegetsi.

Politiki y’imicungire y’ibyateza ingorane iba yitezwemo ibi bikurikira ko muri:

1° imikorere n’inshingano bigomba gutuma hagaragara ibyateza ingorane zihari, impamvu z’ibyateza ingorane, aho ugushidikanya guturuka n’ukutigenga, ndetse n'isano bifitanye;

2° inyandiko isobanutse neza y’ibyateza ingorane zemewe kwakirwa ikubiyemo aho ingorane zemewe kwakirwa zitarenga ndetse n’ubushobozi ku rwego rw’ikigo cyemewe n’amategeko, no kubihuza n'intego z'igihe kirekire n'amafaranga yagenewe ibyateza ingorane;

3° ubwoko n’urwego rwo gusuzuma ubushobozi bw’ikigo bwo guhangana n’ihungabana ry’ubukungu no gusuzuma ikibazo bigomba gukemurwa ku buryo ngarukagihe;

4° uburyo n’inshingano mu gutegura ibisubizo ku ngorane;

5° inshingano n'ubugenzuzi mu rwego rwo gucunga ibyateza ingorane z'ibanze, iz'imishinga n'imikorere;

6° imikorere n’inshingano mu rwego rwo gutegura ibyitegererezo by’ibyateza ingorane ikigo byakoreshwa nk’uburyo bw’imicungire y’ibyateza ingorane ikigo.

An ERM policy shall be expected to include the following:

1° processes and responsibilities to identify underlying risks, causes of risk, sources and types of uncertainty, and the dependencies and relationships between them;

2° a clearly articulated risk appetite statement that includes integrated risk limits and capacities at the legal entity level and links these to strategic objectives and allocation of risk capital;

3° the type and level of stress testing and scenario analysis to be performed on a periodic basis;

4° process and responsibility for developing responses to risks;

5° responsibility and oversight for managing strategic, project and operational risks;

6° process and responsibility for developing any internal risk models to be used as part of the erm system.

Une politique d’ERM doit inclure les éléments suivants:

1° des processus et des responsabilités pour identifier les risques sous-jacents, les causes du risque, les sources et les types d'incertitude, ainsi que les dépendances et les relations entre ceux-ci;

2° une déclaration de goût du risque clairement articulée qui inclut de manière intégrée les limites et les capacités de risque au niveau de l'entité légale et qui les lie aux objectifs stratégiques et à l'allocation du capital-risque;

3° le type et le niveau des tests de stress et d'analyse des scénarios à effectuer périodiquement;

4° le processus et la responsabilité de l'élaboration des réponses aux risques;

5° la responsabilité et le contrôle de la gestion des risques de projets, des risques stratégiques et des risques opérationnels;

6° le processus et la responsabilité d'élaborer des modèles de risques internes à utiliser dans le cadre du système de gestion des risques d’entreprise (ERM).

<u>Ingingo ya 61:</u> Ikoreshwa ry'ibipimo ngenderwaho by'ikigo	**<u>Article 61:</u> Use of internal models**	**<u>Article 61:</u> Utilisation de modèles internes**
Abishingizi bashobora guhitamo gushyiraho no gukoresha icyitegererezo cy'ikigo kugira ngo bategure uburyo bwumvikana bushingiye ku mibare bwo gusuzuma ibyateza ingorane zabo nka bumwe mu buryo bw'imikorere y'imicungire y'ibyateza ingorane zabyo.	Insurers may choose to develop and use an internal model to develop a comprehensive quantitative analysis of their risks as part of their risk management system.	Les assureurs peuvent choisir de développer et d'utiliser un modèle interne pour élaborer une analyse quantitative complète de ses risques dans le cadre de son système de gestion des risques.
Igipimo ngenderwaho cy'ikigo gishobora gukoreshwa mu rwego rw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo mu gukora ubushakashatsi ku isano iri hagati y'ibyateza ingorane n' imari ikwiye ndetse n'ingamba z'ibikorwa by'ubucuruzi.	Such an internal model may be used as part of an enterprise-wide risk management system to investigate the relationships of risks to capital adequacy and business strategies.	Un tel modèle interne peut être utilisé dans le cadre d'un système de gestion des risques à l'échelle de l'entreprise pour étudier les relations entre les risques liés à l'adéquation de capitalet ceux liés aux stratégies d'entreprise.
Ku bishingizi bakoresha icyitegererezo cy'ikigo, ku buryo butuzuye cyangwa bwuzuye, umurimo w'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo ugombaga kurebana n'ibi bikurikira:	For insurers using an internal model, on either a partial or full basis, the risk management function shall be involved in:	Pour les assureurs utilisant un modèle interne, sur une base partielle ou complète, la fonction de gestion des risques doit être impliquée dans:
1° gutegura no gushyira mu bikorwa icyitegererezo cy'ikigo;	1° designing and implementing the internal model;	1° la conception et la mise en œuvre du modèle interne;
2° kugerageza no kwemeza icyitegererezo cy'ikigo;	2° testing and validating the internal model;	2° le test et la validation du modèle interne;
3° gukora inyandiko ku cyitegererezo no ku mpinduka zaba ku cyitegererezo;	3° documenting the model and any changes to the model;	3° la documentation du modèle et tout changement apporté au modèle;
4° gusuzuma umusaruro w'icyitegererezo cy'ikigo no gukora raporo;	4° analysing the results of the internal model and producing reports;	4° l'analyse des résultats du modèle interne et l'élaboration des rapports;
5° gutangariza inama y'ubutegetsi n'abakozi bakuru umusaruro n'ubushobozi byavuye mu	5° communicating results and performance from the internal model to the board and senior	5° la communication des résultats et du rendement du modèle interne au conseil et à la

cyitegerererezo cy'ikigo, by'umwihariko ku bibazo byose birebana n'urwego rw'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo cyangwa ingaruka z'ibyateza ingorane ku mwishingizi;

6° guha Banki Nkuru inyandiko isaba.

Gukoresha icyitegerererezo icyo ari cyo cyose ku byerekeye ubushobozi bwo kwishyura bigomba kubahiriza amabwiriza ku mari shingiro ikwiye kandi bikemezwa na Banki Nkuru.

Banki Nkuru ishobora gutanga ubundi bufasha cyangwa igashyiraho amabwiriza yihariye ku mikorere y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo n'ibipimo ngenderwaho by'ikigo igihe bikwiye kandi ari ngombwa.

Ingingo ya 62 Umurimo w'ubugenzuzi bw'imbere

Inama y'ubutegetsi igomba gushyiraho urwego rw'ubugenzuzi bw'imbere rukora neza kandi rufite imiterere n'ubwisanzure bikwiranye n'imirimo y'umwishingizi kandi rukaba rugomba:

1° kugera ku mirongo yose y'umurimo n'inzego zose zijyana nawo by'umwishingizi nta nzitizi;

2° kugira ubwisanzure bukwiriye bukubiyemo umurongo wo gushyikiriza raporo ku

management, in particular any concerns with the risk management framework or potential impact of risks on the insurer;

6° providing appropriate documentation as requested by the Central Bank.

Use of any internal model for solvency purposes must comply with regulation on capital adequacy and must be subject to approval of the Central Bank.

The Central Bank may issue additional guidance or specific directives on ERM systems and internal models if appropriate and necessary.

Article 62: Internal audit function

The board must set-up an effective internal audit function of a nature and scope appropriate to the business which has:

1° unfettered access to all of the insurer's business lines and support departments;

2° appropriate independence, including reporting lines to the board or the board audit committee;

haute direction, en particulier les préoccupations concernant le cadre de gestion des risques ou l'impact potentiel des risques sur l'assureur;

6° fournir la documentation appropriée demandée par la Banque Centrale.

L'utilisation de tout modèle interne à des fins de solvabilité doit être conforme au réglement sur l'adéquation duapital propres et doit être soumise à l'approbation de la Banque Centrale.

La Banque Centrale peut émettre des orientations supplémentaires ou des directives spécifiques sur les systèmes d'ERM et les modèles internes le cas, échéant et si nécessaire.

Article 62: Fonction d'audit interne

Le conseil doit établir une fonction d'audit interne efficace de nature et de portée appropriée à l'entreprise qui a:

1° accès sans restriction à l'ensemble des secteurs d'activité et des services de soutien de l'assureur;

2° l'indépendance appropriée, y compris les lignes de transmission de rapport au conseil ou au comité d'audit du conseil;

inama y'ubutegetsi komitey'inama y''ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi;

3° guhabwa ububasha bwa ngombwa kugira ngo abakozi bakuru bagire icyo bavuga cyangwa bakora ku byifuzo-nama bahawe;

3° the necessary authority to ensure that senior management reacts to and acts upon its recommendations;

3° l'autorité nécessaire pour s'assurer que la haute direction réagit à ses recommandations et y donne suite;

4° kugira umutungo uhagije n'abakozi bahuguwe uko bikwiye kandi bafite uburambe busabwa bwo kumva no kugena agaciro k'umurimo bakorera igenzura.

4° sufficient resources and staff who are suitably trained and have relevant experience to understand and evaluate the business they are auditing.

4° suffisamment de ressources et de personnel convenablement formés et possédant une expérience pertinente pour comprendre et évaluer l'entreprise qu'ils auditent.

Umurimo w'ubugenzuzi bw'imbere ugomba kugira amahame y'igenzura, igitabo cy'uko igenzura rikorwa na gahunda y'igenzura hamwe n'urutonde rw'ibibazo by'igenzura ry'imbere ryashyizweho kugira ngo ufashe inama y'ubutegetsi gushyiraho no gushimangira uburyo igenzura ry'imbere ryakorwa n'umwishingizi nta mbogamizi.

The internal audit function shall have in place an audit charter, audit manual, audit program and internal control questionnaires in order to help the board to establish and maintain the best possible internal control environment within the insurer.

La fonction d'audit interne doit comporter une charte d'audit, un manuel d'audit, un programme d'audit et des questionnaires de contrôle interne afin d'aider le conseil à établir et à maintenir le meilleur environnement possible de contrôle interne au sein de l'assureur.

Umurimo w'ubugenzuzi bw'imbere ugumba gukora ku buryo inama y'ubutegetsi igira:

The internal audit function provides assurance to the board relative to:

La fonction d'audit interne doit rassurer le conseil concernant:

1° uburyo umwishungizi akoresha mu kurinda imitungo ye n'iy'abafashe ubwishingizi, no mu gukumira uburiganya n'inyerezwa ry'imitungo;

1° the means by which the insurer protects its assets and those of its policyholders, and prevents fraud and misappropriation of assets;

1° les moyens par lesquels l'assureur protège ses actifs et ceux de ses assurés et prévient la fraude et le détournement d'actifs;

2° kuba ibaruramari, imitangire ya raporo z'imari n'uburyo bw'imicungire y'amakuru byizewe, bikoresha ukuri kandi byuzuye;

2° the reliability, accuracy and completeness of the accounting, financial reporting, and management information systems;

2° la fiabilité, l'exactitude et l'exhaustivité des systèmes d'information comptable, financière et de gestion;

3° imitegurire n’imikorere myiza y'uburyo bw'igenzura;

3° the design and effectiveness of the internal controls system;

3° la conception et l'efficacité du système de contrôle interne;

4° izindi ngingo zisabwa n’ inama y'ubutegetsi cyangwa abayobozi bakuru.

4° any other matters requested by the board or senior management.

4° toute autre tâche demandée par le conseil ou la haute direction.

Umuyobozi w’umurimo w’ubugenzizi bw’imbere aha raporo inama y’ubutegetsi cyangwa komite y’inama y’ubutegetsi ishinzwe ubugenzuzi bw’imbere ku igenamigambi ry’umurimo w’ubugenzuzi rya buri mwaka, cyangwa ku bindi bintu bigira uruhare ku mikorere myiza cyanga ku bwisanzure bw’umurimo w’ubugenzuzi bw’imbere, no ku gipimo ubuyobizi bwubahiriza ibyifuzo-nama byemejwe nk’umusaruro uva muri raporo y’ubugenzuzi bw’imbere.

The head of the internal audit function reports to the board or the board audit committee the audit function’s annual audit plan, any factors which have an impact on the effectiveness or independence of the internal audit function, and the extent of management’s compliance with agreed upon recommendations as a result of an internal audit report.

Le responsable de la fonction d’audit interne fait rapport au conseil d'administration ou au comité d'audit du conseil d'administration du plan d’audit annuel de la fonction d’audit, de tous les facteurs ayant une incidence sur l'efficacité ou l'indépendance de la fonction d’audit interne et du respect par la direction des recommandations convenues comme résultats d’un rapport d'audit interne.

Umuyobozi w’umurimo w’ubugenzuzi bw’imbere ashobora gukorana ku buryo butaziguye n'umuyobozi w'itsinda rishinzwe ubugenzuzi cyangwa umuyobozi w'inama y'ubutegetsi atari ngombwa ko ubuyobozi buhaba.

The head of the internal audit function may communicate directly with the chairperson of the audit committee or chairperson of the board without management present.

Le responsable de la fonction d’audit interne peut communiquer directement avec le président du comité d’audit ou le président du conseil sans la présence de la direction.

Umurimo w’ubugenzuzi ugomba gukora ibikorwa bikenewe kugira ngo urangize inshingano zawo no kugira ngo amashami y'ingenzi umwishingizi ashoramo amafaranga agenzurwe mu buryo no mu gihe bikwiye.

The audit function shall carry out all activities that are necessary to fulfill its responsibilities and ensure that all material areas of risk of the insurer are subject to appropriate audit within a reasonable timeframe.

La fonction d’audit doit exécuter toutes les activités nécessaires pour s'acquitter de ses responsabilités et veiller à ce que tous les domaines importants de risque de l'assureur soient soumis à un audit approprié dans un délai raisonnable.

Imirimo y’ubugenzuzi ni iyi ikurikira:

The audit functions activities shall include the following:

Les activités des fonctions d'audit comprennent ce qui suit:

1° gushyiraho no gushyira mu bikorwa ubugenzuzi bushingiye ku ngorane zavuka;

1° establishing and implementing a risk-based audit plan;

1° l’établissement et la mise en œuvre d’un plan d’audit axé sur les risques;

2° kugenzura ko politiki n'uburyo bw'imikorere by'umwishingizi bikwiye;

3° gusuzuma ibipimo byo kubahiriza politiki, uburyo bw'imikorere n'amagenzura byashyizweho;

4° gusuzuma uburyo bwo kubungabunga umwishingizi n'imitungo y'abafashe ubwishingizi;

5° kugenzura ko hatandukanywa imitungo y'umwishingizi n'iy'abafashe ubwishingizi;

6° gukurikirana no gusuzuma imiyoborere n'uburyo bw'imicungire;

7° guhuza ibikorwaby'abagenzuzi baturuka hanze y'ikigo;

8° gukora amagenzura ahoraho y'umurimo w'ubugenzuzi bw'imbere no gushyira mu bikorwa amavugururwa igihe bikenewe.

Raporo y'ubugenzuzi yashyizweho umukono irimo n'uko ubuyobozi bubibona igomba gutangwa nyuma y'ikorwa ry'umurimo mw'ubuugenzuzi kandi kopi yayo igahabwa komite ngenzuzi ndetse na Banki Nkuru igihe iyisabye.

Ingingo ya 63: Urwego rushinzwe umurimo w'iyubahiriza

Inama y'ubutegetsi y'umwishingizi wemewe igomba gushyiraho urwego rw'iyubahiriza rwigenga kandi rukora neza kugira ngo rufashe

2° evaluating the adequacy of the insurer's policies and processes;

3° reviewing levels of compliance with established policies, procedures and controls;

4° evaluating the means of safeguarding insurer and policyholder assets, and if appropriate;

5° verifying segregation in respect of insurer and policyholder assets;

6° monitoring and evaluating governance and control processes;

7° coordinating activities with the external auditors;

8° conducting regular assessments of the internal audit function and implementing improvements as needed.

A signed audit report that incorporates management's comments shall be issued after each audit assignment and a copy submitted to the audit committee and to the Central Bank, on request.

Article 63: Compliance function

The board of a licensed insurer shall establish an independent and effective Compliance Function to assist the insurer in meeting its legal and regulatory

2° l'évaluation de l'adéquation des politiques et des processus de l'assureur;

3° l'examen des niveaux de conformité aux politiques, procédures et contrôles établis;

4° l'évaluation des moyens de protection des actifs de l'assureur et des assurés et, le cas échéant;

5° la vérification de la ségrégation en rapport avec les actifs de l'assureur et des assurés;

6° le suivi et évaluation des processus de gouvernance et de contrôle;

7° la coordination des activités avec les auditeurs externes;

8° les évaluations régulières de la fonction d'audit interne et la mise en œuvre les améliorations nécessaires.

Un rapport d'audit signé qui incorpore les commentaires de la direction doit être publié après chaque audit et une copie doit être soumise au comité d'audit et à la Banque Centrale sur demande.

Article 63: Fonction de conformité

Le conseil d'administration d'un assureur agréé doit établir une fonction de conformité indépendante et efficace pour aider l'assureur à s'acquitter de ses

umwishingizi mu kubahiriza inshingano ze zirebana n'amategeko n'amabwiriza no kwimakaza umuco wo kubahiriza amategeko n'uw'ubunyangamugayo.

Iyo bikenewe, nko mu bigo bito, urwego rw'iyubahiriza rushobora gufatanywa n'izindi nzego zabugenewe z'uburyo bw'igenzura mu gihe bishoboka ko rwagumana ubwisanzure bwarwo rukanakora neza umurimo warwo.

Ku bishingizi b' abanyamuryango b'amatsinda y'ubwishingizi cyangwa amahuriro y'ibigo by'imari, urwego rw'iyubahirizwa rushobora gushyirwa mu rwego rw'iyubahirizwa ku rwego rwagutse rw'itsinda kandi rukamenyesha inama y'ubutegetsi inshingano zo kubahiriza amategeko n'amabwiriza ku rwego rw'itsinda ryagutse no ku rwego rw'ikigo cyemewe n'amategeko.

<u>Ingingo ya 64:</u> Inshingano z'urwego rushinzwe umurimo w'iyubahiriza

Urwego rushinzwe iyubahiriza rugomba kugaragaza, gusuzuma no gukurikirana uko umwishingizi yubahiriza ibyerekeye ibyateza ingorane hashingiwe ku bihano biteganywa n'amategeko n'amabwiriza ku byateza ingorane, igihombo cyerekeye imari, cyangwa ku kuba umwishingizi yatakaza isura nziza nk'ingaruka yo kutubahiriza amategeko, amabwiriza, amategeko ngengamyitwarire n'ibipimo ngenderwaho by'imikorere myiza bigomba kubahirizwa.

obligations and promote a culture of compliance and integrity.

Where necessary, such as in small companies, the compliance function may be combined with other relevant internal control functions as long as it is able to maintain its independence and perform its role effectively.

For insurers that are members of insurance groups or financial conglomerates, the compliance function may be integrated with the compliance function at the group-wide level and shall keep the board informed with compliance obligations at both the group-wide and legal entity level.

<u>Article 64:</u> Responsibilities of the compliance function

The compliance function identifies, assesses, and monitors the insurer's compliance risk with respect to the risk of legal or regulatory sanctions, financial loss, or loss of reputation that an insurer may suffer as a result of its failure to comply with all applicable laws, regulations, and guidelines, codes of conduct and standards of good practice.

obligations légales et réglementaires et à promouvoir une culture de conformité et d'intégrité.

Le cas échéant, comme dans les petites entreprises, la fonction de conformité peut être combinée avec d'autres fonctions de contrôle interne appropriées, dans la mesure où elle est en mesure de maintenir son indépendance et d'exercer efficacement son rôle.

Pour les assureurs qui sont membres de groupes d'assurance ou de conglomérats financiers, la fonction de conformité peut être intégrée à la fonction de conformité au niveau du groupe et doit tenir le conseil informé des obligations de conformité au niveau du groupe et de l'entité juridique.

<u>Article 64:</u> Responsabilités de la fonction de conformité

La fonction de conformité doit identifier, évaluer et surveiller le risque de conformité de l'assureur en ce qui concerne le risque de sanctions légales ou réglementaires, de perte financière ou de perte de réputation qu'un assureur peut subir en raison du non-respect des lois, règlements et directives, codes de conduite et normes de bonne pratique.

Urwego rushinzwe iyubahiriza rushyiraho kandi rugashyira mu bikorwa uburyo bukwiye hagamijwe:

1° guteza imbere umuco w'imikorere n'imyitwarire ikwiye mu kigo, harimo kuyobora ishyirwa mu bikorwa n'iyubahirizwa ry'amategeko ngengamyitwarire n'amategeko y'imigenzereze iboneye yashyizweho n'umwishingizi;

2° kugenzura ko umwishingizi afite politiki n'amagenzura bikwiye hashingiwe ku nshingano zerekeye amategeko, amabwiriza n'imyitwarire ikwiye;

3° guhugura abakozi ku byerekeye inshingano zabo z'ingenzi zerekeye amategeko n'amabwiriza;

4° korohereza abakozi gutanga amakuru y'ibanga yerekeye ibibazo, kuba hashobora kubaho cyangwa hariho ukutubahiriza amategeko (gutanga amakuru ku byaha, ku bikorwa n'imyitwarire binyuranyije n'amategeko), kurinda abo bakozi ko bakorerwa ibikorwa byo kwihimura;

5° gukemura ibibazo byerekeye iyubahiriza no kutubahiriza amategeko, harimo n'ibihano ku myitwarire igihe ari ngombwa.

Nibura rimwe mu mwaka, inama y'ubutegetsi cyangwa komite y'inama y'ubutegetsi bisuzuma politiki y'umwishingizi ku iyubahirizwa ry'amategeko, n'uko iri gushyirwa mu bikorwa mu

The compliance function shall establish and implement appropriate mechanisms to:

1° Promote an ethical corporate culture, including managing the implementation of and compliance with the insurer's code of conduct and code of ethics;

2° ensure that the insurer has appropriate policies and controls in respect of legal, regulatory and ethical obligations;

3° hold regular training on key legal and regulatory obligations for employees;

4° facilitate confidential reporting by employees of concerns, potential or actual violations (whistle-blowing), ensuring the protection of such employees from retaliation;

5° address compliance shortcoming and violations, including any disciplinary actions required.

At least once a year, the board or committee of the board shall review the insurer's compliance policy and its ongoing implementation to assess the extent to which it is managing its compliance risk.

La fonction de conformité doit établir et mettre en œuvre des mécanismes appropriés pour :

1° promouvoir une culture d'éthique dans l'entreprise, y compris la gestion de la mise en œuvre et du respect du code de conduite et de la déontologie de l'assureur;

2° veiller à ce que l'assureur dispose de politiques et de contrôles appropriés en ce qui concerne les obligations juridiques, réglementaires et éthiques;

3° organiser une formation régulière sur les principales obligations légales et réglementaires pour les employés;

4° faciliter la communication confidentielle par les employés des préoccupations, des violations potentielles ou réelles (dénonciation), en veillant à protéger ces employés des représailles;

5° remédier aux manquements à la conformité et aux violations, y compris toute mesure disciplinaire requise.

Au moins une fois par an, le conseil ou le comité du conseil examine la politique de conformité de l'assureur et sa mis en œuvre continue afin

rwego rwo gusuzuma igipimo cy'uko iri kubahiriza ibisabwa ku micungire y'ibyateza ingorane.

Ingingo ya 65: Umukozi ushinzwe iyubahiriza

Inama y'ubutegetsi igomba gushyiraho umukozi ushinzwe iyubahiriza nk'umuyobozi w'urwego rushinzwe iyubahiriza ikanashyiraho ushinzwe guhuza, gukurikirana no gufasha mu iyubahiriza ry'amategeko n'amabwiriza biriho, no gutanga amakuru uko bikwiye ku bayobozi bakuru no ku nama y'ubutegetsi.

Inama y'ubutegetsi ifite inshingano yo gukora ku buryo Banki Nkuru ibimenyeshwa igihe umukozi ushinzwe iyubahiriza avuye ku mwanya we n'impamvu avuyeho.

Umukozi ushinzwe iyubahiriza afite ububasha n'inshingano byo guhita amenyesha inama y'ubutegetsi igihe habayeho ikintu kigaragara cyo kutubahiriza amategeko.

Umukozi ushinzwe iyubahiriza agomba guha amakuru inama y'ubutegetsi kuri ibi bikurikira:

1° isuzuma ryo kubahiriza ibishorwamo amafaranga by'ingenzi n'ibiri gukorwa mu rwego rwo kubyubahiriza;

2° isuzuma ry'uko amashami y'ibikorwa anyuranye yubahiriza ibipimo ngenderwaho by'iyubahiriza;

Article 65: Compliance officer

The board shall appoint a Compliance Officer as the head of the compliance function who shall be responsible for coordinating, monitoring and facilitating compliance with existing laws and regulations, and reporting appropriately to senior management and the board.

The board shall ensure that the Central Bank is informed if the Compliance Officer leave his/her position and the reasons thereof.

The compliance officer shall have the authority and obligation to promptly inform the board of any material instance of non-compliance.

The compliance officer shall report to the board on the following:

1° assessment of the key compliance risks and steps being taken to address them;

2° assessment of how various business units or departments are performing against compliance standards;

Article 65: Agent de conformité

Le conseil doit nommer un agent de conformité en tant que responsable de la fonction de conformité chargé de coordonner, surveiller et faciliter le respect des lois et règlements en vigueur et faire rapport de façon appropriée à la haute direction et au conseil.

Le conseil doit s'assurer que la Banque Centrale est informée lorsque l'agent de conformité quitte son poste et qu'elle connaît les motifs de son départ.

Le responsable de la conformité doit avoir l'autorité et l'obligation d'informer rapidement le conseil de tout cas important de non-conformité.

L'agent de conformité doit faire rapport au conseil sur ce qui suit :

1° l'évaluation des principaux risques liés à la conformité et des mesures prises pour y remédier;

2° l'évaluation de la performance des différentes unités ou départements d'entreprise par rapport aux normes de conformité;

3° ibibazo byose by'iyubahiriza ubuyobozi bugiramo uruhare cyangwa abantu bafite inshingano z'ingenzi mu kigo cy'ubwishingizi;

3° any compliance issues involving management or persons with key responsibilities within the insurer;

3° les questions de conformité impliquant la direction ou les personnes ayant des responsabilités clés au sein de l'assureur;

4° igihe habayeho ukutubahiriza amategeko n'amabwiriza ku buryo bugaragara ndetse n'amapererezа ajyanye na byo;

4° material instances of non-compliance and any associated investigations;

4° les cas importants de non-conformité et les enquêtes connexes;

5° ihazabu cyangwa ibihano byerekeye imyitwarire byafashwe na Banki Nkuru cyangwa urundi rwego ngenzuramikorere ku birebana n'umwishingizi cyangwa umukozi.

5° any fines or disciplinary actions taken by the Central Bank or any other regulatory authority in respect of the insurer or any employee.

5° les amendes ou les mesures disciplinaires prises par la Banque Centrale ou toute autre autorité réglementaire à l'égard de l'assureur ou de tout employé.

Ingingo ya 66: Urwego rw'umurimo rushinzwe imibare y'ubwishingizi

Article 66: Actuarial function

Article 66 Fonction actuarielle

Inama y'ubutegetsi igomba gukora ku buryo umwishingizi ashyiraho urwego rw'umurimo rushinzwe imibare y'ubwishingizi rukora neza rushobora kugira inama umwishingizi birebana n'amafaranga y'ingoboka, igiciro cy'ubwishingizi hamwe n'ibikorwa byo kugena ibiciro no kubahiriza ibisabwa n'amategeko abigenga.

The board must ensure that the insurer establishes an effective actuarial function capable of providing advice to the insurer regarding technical provisions, premium and pricing activities and compliance with related regulatory requirements.

Le conseil doit s'assurer que l'assureur établit une fonction actuarielle efficace capable de fournir des conseils à l'assureur au sujet des provisions techniques, des activités de primes et de prix et du respect des exigences réglementaires connexes.

Urwego rushinzwe kubara ikiguzi cy'ubwishingizi rufite uburenganzira bwo gukorana n'inama y'ubutegetsi ndetse n'amatsinda y'inama y'ubutegetsi bireba, hamwe n'abayobozi bakuru. Rutanga raporo ngarukagihe ku nama y'ubutegetsi ku birebana no kumenya niba amafaranga y'ingoboka ahagije ndetse n'izindi nshingano agomba, ubushobozi bw'umwishingizi bwo kwishyura imyenda n'ibindi bibazo byagira ingaruka ikomeye ku mwishingizi hashingiwe ku

The actuarial function is entitled to have access to the board and relevant board committees as well as senior management. It reports periodically to the board on the adequacy of technical provisions and other liabilities, the solvency position of the insurer, and any issue that may have a material impact on the insurer from an actuarial perspective.

La fonction actuarielle a le droit d'avoir accès au conseil et aux comités appropriés du conseil ainsi qu'à la haute direction. Il fait rapport périodiquement au conseil sur l'adéquation des provisions techniques et des autres passifs, sur la situation de solvabilité de l'assureur et sur toute question pouvant avoir un impact important sur l'assureur du point de vue actuariel.

byateganywa byerekeranye no kumuhanga mu mibare y'ubwishingizi.

Urwego rw'umurimo rushinzwe imibare y'ubwishingizi rushobora kugisha inama abo hanze cyangwa rugashaka ubufasha igihe bisabwe n'inama y'ubutegetsi cyangwa Banki Nkuru.

The actuarial function may seek external professional advice or assistance if necessary or if required by the board or the Central Bank.

La fonction actuarielle peut demander des conseils ou de l'aide d'un professionnel extérieur si nécessaire ou si le conseil ou la Banque Centrale l'exigent.

Urwego rushinzwe imibare y'ubwishingizi rugomba gusuzuma no gutanga inama kuri ibi bikurikira:

The actuarial function shall evaluate and provide advice on the following:

La fonction actuarielle doitévaluer et fournir des conseils sur ce qui suitr:

1° ibyateza ingorane byerekeye imibare y'ubwishingizi ndetsi n'imari;

1° actuarial and financial risks;

1° les risques actuariels et financiers;

2° politiki z'ishoramari no kubara agaciro k'imitungo;

2° investment policies and valuation of assets;

2° les politiques d'investissement et l'évaluation des actifs;

3° ubushobozi bwo kwishyura imyenda no kuba imari shingiro ikwiye, harimo n'indi mibare isabwa ku biteganywa n'amategeko ku mari shingiro;

3° solvency and capital adequacy, including any calculations required for minimum regulatory capital requirements;

3° la solvabilité et l'adéquation du capital, y compris les calculs requis pour les exigences minimales du capital réglementaires;

4° politiki y'imicungire y'ibyateza ingorane ikigo n'amagenzura ku byerekeye ibibazo bishingiye ku buhanga mu mibare y'ubwishingizi;

4° risk management policies and controls relevant to actuarial matters;

4° les politiques et les contrôles de gestion des risques relatifs aux questions actuarielles;

5° Politiki igenga itangwa ry'inyungu ku migabane n'izindi nyungu zishingiye ku masezerano zigenwa hashingiwe ku kutabogama n'ubunyangamugayo bw'abafashe ubwishingizi;

5° policy of dividends distribution and other discretionary participation benefits, taking into account fairness and equity among policyholders;

5° la distribution de dividendes et d'autres avantages liés à la participation discrétionnaire, compte tenu de l'équité et de l'égalité entre les assurés;

6° politiki yo kugurisha ubwishingizi no kugena ibiciro;

6° underwriting and pricing policies;

6° les politiques de souscription et de tarification;

7° ubwumvikane ku kwishingira abishingizi;

7° reinsurance arrangements;

7° les arrangements de réassurance;

8° imitegurire ya za serivisi n'imiterere yazo;	8° product development and design;	8° le développement et la conception de produits;
9° kuba amakuru ahari afite ireme kandi ahagije ku byerekeye kubara amafaranga y'ingoboka;	9° sufficient and quality of data available for the calculation of technical provisions;	9° les données suffisantes et de qualité disponibles pour le calcul des provisions techniques;
10° ingero z'ibyashorwamo amafaranga ku birebana n'ikoreshwa ry'ibipimo ngenderwaho bikoreshwa n'ikigo.	10° risk modeling for the use of any internal models.	10° la modélisation des risques pour l'utilisation de tout modèle interne.
Banki Nkuru ishobora gusaba urwego rushinzwe imibare y'uy'ubwishingizi gutanga kwemeza ko ikiguzi cy'ubwishingizi gihagije, inyandiko isobanura uburyo bukoreshwa mu kubara ibiguzi by'ubwishingizi cyangwa kugira icyo ruvuga ku gitekerezo cyo kubara ikiguzi cy'ubwishingizi.	The Central Bank may request the actuarial function to certify premium adequacy, documentation of the methodology used to calculate premiums or a statement of actuarial opinion.	La Banque Centrale peut demander la fonction actuarielle de certifier l'adéquation des primes, la documentation de la méthodologie utilisée pour calculer les primes ou une déclaration d'opinion actuarielle.
Kwemeza igiciro cy'ubwishingizi cyangwa kugira igitangazwa cyerekeye umuhanga mu mibare y'ubwishingizi bisabwa na Banki Nkuru bikorwa n'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi ugomba kuba ari umunyamuryango uhoraho w'ikigo kizwi mu mibare y'ubwishingizi kandi akaba agaragaza ubuhanga n'uburambe bijyanye n'imiterere, urwego n'urusobe rw'ibikorwa bitangirwa icyemezo cyangwa igitekerezo ku ku muhanga mu mibare y'ubwishingizi.	Actuarial certifications or statements of actuarial opinion required by the Central Bank shall be provided by a qualified actuary who is a full member of a recognised actuarial society, and who demonstrates knowledge and experience appropriate to the nature, scale and complexity of the business for which the certification or actuarial opinion is being provided.	Les certificats actuariels ou déclarations d'opinion actuarielle exigés par la Banque Centrale doivent être fournis par un actuaire qualifié membre à part entière d'une société actuarielle reconnue et qui démontre des connaissances et une expérience appropriée à la nature, à l'ampleur et à la complexité de l'entreprise pour laquelle la certification ou l'opinion actuarielle est octroyée.
Banki Nkuru ishobora gushyiraho amabwiriza ku gutanga inama ku bitekerezo ngenderwaho byihariye cyangwa ku buryo bwakoreshwa mu kubara imitungo ku byishyurwa byerekeye ubwishingizi kuri serivisi runaka cyangwa icyiciro cy'ibikorwa, haba mu gihe gito cyangwa kirekire.	The Central Bank may issue guidelines or directives to prescribe specific assumptions or methods to be used in the actuarial valuation of insurance liabilities for any product or class of business, whether short-term or long-term.	La Banque Centrale peut émettre des instructions ou des directives pour prescrire des hypothèses ou des méthodes spécifiques à utiliser dans l'évaluation actuarielle des passifs d'assurance pour tout produit ou classe d'entreprise, à court ou à long terme.

Banki Nkuru ishobora gushyiraho imirongo ngenderwaho cyangwa ibipimo ngenderwaho ku bintu byihariye n'imiterere y'amakuru ku kubara ikiguzi cy'ubwishingizi na raporo zigomba gutangwa.

The Central Bank may issue additional guidance and/or standards for the specific content and format of actuarial information and reports to be provided.

La Banque Centrale peut émettre des directives et/ou des normes supplémentaires concernant le contenu et le format précis des renseignements actuariels et des rapports à fournir.

Ingingo ya 67: Ishyirwaho ry'impuguke mu mibare y'ubwishingizi ku bishingizi b'igihe kirekire

Umwishingizi ukora ibikorwa by'ubwishingizi bw'igihe kirekire agomba kugira umukozi ushinzwe imibare y'ubwishingizi igihe cyose.

Ishyirwaho, isuzuma n'iyirukanwa ry' umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho ni nshingano z'inama y'ubutegetsi.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi ashobora gukora nk'umukozi ushinzwe imibare y'ubwishingizi y'umwishingizi w'igihe kirekire mu gihe yujuje ibi bikurikira:

1° kuba yujuje ibisabwa byose nk'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi kandi akaba umunyamuryango wuzuza inshingano ze mu kigo gikora imibare y'ubwishingizi kizwi kandi na cyo kikaba umunyamuryango uhoraho w'ishyirahamwe mpuzamahanga mu mibare y'ubwishingizi;

2° kugira nibura uburambe mu kazi bw'imyaka itatu (3) bujyanye n'imiterere, urwego n'urusobe rw'imirimo y'umwishingizi.

Article 67: Appointed actuary for long-term insurers

An insurer engaged in long-term insurance business shall have an apointed actuary at all times.

The appointment, assessment and dismissal of the appointed actuary is the responsibility of the board.

An actuary may serve as the appointed actuary for a long-term insurer provided he or she meets the following requirements:

1° full qualification as an actuary and membership in good standing in a recognised actuarial society that is a full member of the International Actuarial Association;

2° a minimum of three (3) years of working experience appropriate to the nature, scale and complexity of the insurer's business.

Article 67: Actuaire désigné pour les assureurs à long terme

Un assureur engagé dans une activité d'assurance à long termedoit avoir un actuaire désigné en tout temps.

La nomination, l'évaluation et la révocation de l'actuaire désigné relèvent de la responsabilité du conseil.

Un actuaire peut servir d'actuaire désigné pour un assureur à long terme, à condition qu'il remplisse les conditions suivantes:

1° la pleine qualification d'actuaire et de membre de bonne réputation dans une société actuarielle reconnue membre à part entière de l'Association Actuarielle Internationale;

2° un minimum de trois (3) ans d'expérience professionnelle appropriée à la nature, à l'ampleur et à la complexité de l'activité de l'assureur.

Ishyirwaho ry'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho rigomba kwemezwa na Banki Nkuru. Banki Nkuru ishobora kutemera ishyirwaho ry'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi uretse ighe ibona ko uwo muntu yujuje ibisabwa byavuzwe mu gika kibanziriza iki kandi ko ashoboye gukora nk'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho n'umwishingizi w'igihe kirekire.

The appointment of an Appointed Actuary shall be approved by the Central Bank. The Central Bank may not approve the appointment of an actuary unless it is satisfied that the individual concerned fulfills the requirements above and is competent to act as the Appointed Actuary of the long-term insurer.

La nomination d'un actuaire désigné doit être approuvée par la Banque Centrale. La Banque Centrale ne peut approuver la nomination d'un actuaire que s'elle est convaincu que la personne concernée remplit les conditions énoncées ci-dessus et est compétent pour agir à titre d'actuaire désigné de l'assureur à long terme.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi ashobora kuba umukozi w'umwishingizi cyangwa umuntu wabigize umwuga uturuka hanze y'ikigo uhabwa amasezerano y'akazi n'umwishingizi kugira ngo akore umurimo umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho akora.

The Appointed Actuary may be an employee of the insurer or may be an external professional contracted by the insurer to perform the role of Appointed Actuary.

L'actuaire désigné peut être un employé de l'assureur ou être un professionnel externe engagé par l'assureur pour exercer le rôle d'actuaire désigné.

Umuhanga mu mibare y'ubwishishingizi agomba kugira ubwisanzure buhagije ku buryo ubuyobozi butivanga mu kazi ke cyangwa inshingano ze kugira ngo akore akazi ke atabogamye.

In either case, the Appointed Actuary must have sufficient independence from management interference to perform his or her role objectively.

Dans tous les cas, l'actuaire désigné doit être suffisamment indépendant de l'ingérence de la direction pour exercer son rôle de façon objective.

Iyo umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho ari umukozi w'umwishingizi nta wundi mwanya agomba kugira nk'umukozi mukuru w'umwishingizi.

In case an Appointed Actuary is an employee of the insurer, he/she shall not hold another position as a senior officer of the insurer.

Si un actuaire désigné est un employé de l'assureur, il/elle ne peut occuper un autre poste à titre de cadre dirigeant de l'assureur.

Iyo umuhanga mu mibare y'ubwishingizi utari umukozi uvugwa mu gika ibanziriza iki, inama y'ubutegetsi igomba kwemeza niba nta gongana ry'inyungu umuhanga mu mibare y'ubwishingizi uturuka hanze yahura na ryo kandi igafata ingamba zikwiye zo kugenzura iryo gongana.

For an appointed actuary who is not an employee mentioned in the preceding paragraph, the board must determine whether or not the external actuary has any potential conflicts of interest and take appropriate actions to control such conflicts.

Pour un actuaire désigné qui n'est pas un employé dans le paragraph précédent, le conseil doit déterminer si l'actuaire externe a des conflits d'intérêts potentiels et prendre des mesures appropriées pour contrôler ces conflits.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho ashobora gukora nk'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho ku kindi kigo cy'ubwishingizi kiri mu itsinda rimwe ry'imari mu gihe iryo shyirwaho rikozwe n'inama y'ubutegetsi y'umwishingizi ku rwego rw'ikigo cyemewe n'amategeko kandi rikemezwa na Banki Nkuru kandi ikiguzi cya serivisi ihuriweho kigasaranganywa ku buryo bukwiye kuri buri kigo.

The Appointed Actuary may serve as the Appointed Actuary for a related insurance entity within the same financial group if the appointment is made by the board of the insurer at the legal entity level and approved by the Central Bank and that the cost of any of such shared service is allocated appropriately to each entity.

L'actuaire désigné peut servir d'actuaire désigné pour une entité d'assurance liée au sein du même groupe financier, pourvu que la nomination soit faite par le conseil de l'assureur au niveau de l'entité juridique et approuvée par la Banque Centrale et que le coût d'un tel service partagé est alloué de façon appropriée à chaque entité.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho agomba gukorana ku buryo butaziguye n'inama y'ubutegetsi kandi ashobora guhita a ashyikiriza raporo inama y'ubutegetsi bitabaye ngombwa ko ubuyobozi bukuru bubimenya.

The Appointed Actuary shall have direct access to the board or appropriate board committee and may report directly to the board without management present.

L'actuaire désigné peut avoir un accès direct au conseil ou au comité de la direction appropriée et peut faire rapport directement au conseil sans la présence de la direction.

Inshingano z'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi w'umwishingizi w'igihe kirekire ni izi zikurikira:

The duties of an Appointed Actuary for a long-term insurer shall include:

Les fonctions d'un actuaire désigné pour un assureur à long termedoivent inclure:

1° gutegura ipererereza ngarukagihe ku ibara ry'agaciro k'ubwishingizi cyangwa raporo zisabwa n'amategeko cyangwa amabwiriza;

1° Preparation of periodic actuarial investigations or reports required by law or regulation;

1° la préparation d'enquêtes actuarielles périodiques ou de rapports exigés par la loi ou la réglementation;

2° kwemeza ubundi bushakashatsi ku ibara ry'agaciro k'ubwishingizi cyangwa raporo zisabwa na Banki Nkuru;

2° certification of any additional actuarial investigations or reports requested by the Central Bank;

2° la certification des enquêtes actuariels ou des rapports supplémentaires demandés par la Banque Centrale;

3° gutegura no gutanga raporo ngarukamwaka ishyikirizwa inama y'ubutegetsi ku miterere y'imari y'umwishingizi, harimo ibindi byibanzweho cyangwa ubundi bushakashatsi bwakozwe n'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho hagati mu mwaka;

3° preparation and delivery of an annual report to the board on the financial condition of the insurer, including any stress testing or additional investigations conducted by the Appointed Actuary during the course of the year;

3° la préparation et la transmission au conseil du rapport annuel sur la situation financière de l'assureur, y compris tout test de stress ou toute autre enquête menée par l'actuaire désigné au cours de l'année;

4° ubushakashatsi no gutegura raporo igihe habayeho kwishyira hamwe kw'ibigo kugaragara, ihererekanya ry'ibikorwa cyangwa gusesa imirimo bikozwe n'umwishingizi;

4° investigation and preparation of a report in the event of any significant merger, transfer of business or wind-up undertaken by the insurer;

4° l'enquête et la préparation d'un rapport en cas de fusion significative, de cession d'entreprise ou de liquidation effectuée par l'assureur;

5° undi murimo werekeye ubuhanga mu mibare y'ubwishingizi igihe bisabwe n'inama y'ubutegetsi.

5° any other actuarial work as requested by the board.

5° tout autre travail actuariel demandé par le conseil.

Iyo umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho yeguye cyangwa asimbuwe, umwishingizi agomba kumenyesha Banki Nkuru mu gihe cy'iminsi irindwi (7) kandi agatanga impamvu kuri uko kwegura cyangwa isimburwa.

If an Appointed Actuary resigns or is replaced, the insurer must notify the Central Bank within seven (7) days and provide any reasons for the resignation or replacement.

Si un actuaire désigné démissionne ou est remplacé, l'assureur doit en informer la Banque Centrale dans un délai de sept (7) jours et fournir les motifs de la démission ou du remplacement.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho usimbuye undi muhanga mu mibare y'ubwishingizi akora ibishoboka byose kugirango amenye neza imirimo yasize ikozwe n'uwo asimbuye kandi agomba kabona impapuro z'akazi akeneye zakoreshejwe n'uwo asimbuye kugira ngo azikoreshe mu rwego rw'akazi.

An Appointed Actuary who replaces another actuary shall take all necessary steps to familiarise him or herself with the actuarial work conducted by the previous Appointed Actuary for the insurer, and shall have reasonable access to the working papers of the previous Appointed Actuary for that purpose.

Un actuaire désigné qui remplace un autre actuaire doit prendre toutes les mesures nécessaires pour se familiariser avec le travail actuariel effectué par l'ancien actuaire désigné pour l'assureur et avoir un accès raisonnable aux documents de travail de l'ancien actuaire désigné à cette fin.

Ingingo ya 68: Raporo y'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi ku bishingizi b'igihe kirekire

Article 68: Actuarial report for long-term insurers

Article 68: Rapport actuariel des assureurs à long terme

Umwishingizi wemerewe gukora ibikorwa by'ubwishingizi by'igihe kirekire agomba gukora ku buryo umuhanga we mu mibare y'ubwishingizi akora ubushakashatsi ku miterere y'imari y'umwishingizi mu gihe kitari munsi y'umwaka.

An insurer authorized to engage in long-term insurance business must ensure that its appointed actuary conducts an investigation into the insurer's financial condition on a basis not less than annually.

L'assureur autorisé à exercer une activité d'assurance à long terme doit veiller à ce que son actuaire désigné mène une enquête sur la situation financière de l'assureur au moins une fois par an.

Nibura ubushakashatsi bw'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi bugomba gukorwa ku mpera z'umwaka w'ingengo y'imari y'umwishingizi.

At minimum, an actuarial investigation must be conducted at the end of the insurer's financial year.

Au minimum, une enquête actuarielle doit être effectuée à la fin de l'exercice financier de l'assureur.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho agomba gukora raporo y'ubushakashatsi akayishikiriza inama y'ubutegetsi y'umwishingizi na Banki Nkuru mu gihe cy'amezi atatu (3) umwaka w'ingengo y'imari y'umwishingizi imaze kurangira.

The Appointed Actuary shall produce a report of the investigation and submit it to the board of the insurer and to the Central Bank within three (3) months of the insurer's financial year end.

L'actuaire désigné doit produire un rapport d'enquête et le soumettre au conseil de l'assureur et à la Banque Centrale dans un délai de trois (3) mois suivant la fin de l'exercice financier de l'assureur.

Raporo y'imiterere y'imari itangwa n'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi washyizweho igomba kuba irimo ibi bikurikira:

The financial condition report to be submitted by the Appointed Actuary shall include the following:

Le rapport sur la situation financière que l'actuaire désigné doit soumettre doit inclure ce qui suit:

1° imiterere y'ibikorwa, ibyiciro by'ibikorwa na za serivisi ndetse n'ubushobozi hashingiwe ku bwiyongere no ku ngano y'isoko afite;

1° A description of the nature of the business, classes of business and products and performance by growth and market share;

1° la description de la nature de l'entreprise, des catégories d'entreprise et de produits et de la performance par croissance et par part de marché;

2° isuzuma ry'ivanguramutungo ry'amafaranga y'ubwishingizi n'imitungo bifitanye isano;

2° Assessment of the separation of insurance funds and related assets;

2° l'évaluation de la séparation des caisses d'assurance et des actifs connexes;

3° isuzuma rya gahunda yo kwishingira abishingizi, harimo amakuru arambuye n'ibyifuzwa;

3° assessment of the reinsurance program, including details and suitability;

3° l'évaluation du programme de réassurance, y compris les détails et la convenance;

4° ibyavuzwe ku ireme ry'amakuru n'ibyakorwa hashingiwe ku kubara amafaranga y'ingoboka harimo ibyakozwe mu gusuzuma agaciro kayo, kuba yuzuye kandi ari ukuri;

4° comments on data quality and its suitability with respect to calculating technical provisions, including any steps taken to verify its relevance, completeness, and accuracy;

4° les observations sur la qualité des données et leur convenance en ce qui concerne le calcul des provisions techniques, y compris les mesures prises pour vérifier leur pertinence, leur exhaustivité et leur exactitude;

5° imiterere y'ibyateza ingorane zagaragaye mu gutanga ubwishingizi harimo politiki y'ubwishingizi n'ibisabwa kugira ngo hakorwe amasezerano;

5° description of risks underwritten, including policy guarantees and any contractual options;

5° la description des risques souscrits, y compris les garanties de police et toutes options contractuelles;

6° eusuzuma niba ibipimo by'ibiciro by'ubwishingizi bihagije hashingiwe ku ngamba zo gutanga ubwishingizi;

6° essessment of adequacy of premium rates related to underwriting strategy;

6° l'évaluation de l'adéquation des taux de prime liés à la stratégie de souscription;

7° gusuzuma ibyabaye mu gihe cyashize ku gushora mu bwishingizi (harimo kunanirwa mu gihe gito no kwemera gutsindwa), inyungu n'ibiguzi by'ishoramari, itubyamutungo rijyanye no kubona ubwishingizi (harimo n'imifuragiro) hamwe n'itubyamutungo rijyanye n'imirimo ikorwa n'ubuyobozi;

7° experience analysis of all insurance risks (including lapses and surrenders), investment earnings and costs, acquisition expenses (including commissions), and administrative expenses;

7° l'analyse de l'expérience de tous les risques d'assurance (y compris les déchéances et les rachats), les revenus et les coûts d'investissement, les frais d'acquisition (y compris les commissions) et les frais administratifs;

8° gusuzuma politiki y'ishoramari y'umwishingizi, ibyifuzo n'ishyirwa mu bikorwa;

8° evaluation of the insurer's investment policy and its suitability and implementation;

8° l'évaluation de la politique d'investissement de l'assureur, de sa pertinence et de sa mise en œuvre;

9° inshamake y'ireme no guhuza imitungo, impinduka ugereranyije n'umwaka wabanje, n'ibyakorwa ku myenda;

9° a summary of the quality and mix of assets, changes from previous year, and suitability to liabilities;

9° un résumé de la qualité et de l'ensemble des actifs, des changements opérés au cours de l'année précédente et de la pertinence du passif;

10° isuzuma ry'ibintu byose bigomba gukorerwa babafashe ubwishingizi (ibiteganywa mu rwego rwa tekiniki), harimo amakuru arambuye y'uburyo bukoreshwa n'ibitekerezo ngenderwaho byifashishwa mu gusuzuma hamwe n'ibisobanuro n'ingano ikwiye y'impinduka y'ibitekerezo ngenderwaho ugereranyije n'umwaka ushize;

10° valuation of all policyholder liabilities (technical provisions), including details of the methods and assumptions used for the valuation and an appropriate justification and quantification of assumption changes from the previous year;

10° une évaluation de tous les passifs des assurés (provisions techniques), y compris les détails des méthodes et hypothèses utilisées pour l'évaluation ainsi que la justification et la quantification appropriées des changements d'hypothèse de l'année précédente;

11° gusuzuma inyungu cyangwa amafaranga y'inyongera kuri buri cyiciro cy'amafaranga y'ubwishingizi, harimo igitekerezo ku itangwa ry'inyungu zisaranganywa abafashe ubwishingizi n'ibindi bishingirwaho bigenwa n'abayobozi ku mafaranga ayo ari yo yose y'ubwishingizi bituma

11° an assessment of the profit or surplus for each separate insurance fund, including an opinion on the distribution of policyholder dividends and other discretionary participating features from any participating insurance funds that provides for

11° une évaluation du bénéfice ou de l'excédent de chaque caisse d'assurance distincte, y compris un avis sur la distribution des dividendes des assurés et d'autres éléments de participation discrétionnaire provenant de toute caisse

habaho gufata abantu kimwe n'uburinganire hagati y'amatsinda y'abafashe ubwishingizi;

12° gusuzuma ubushobozi bwo kwishyura imyenda no kuba imari shingiro ikwiye, harimo ibyakenerwa mu gihe kiri imbere bigaragazwa n'icyerekezo cy'isoko cyagaragaye cyangwa gahunda z'ibikorwa by'imishinga hamwe no kugaragaza izindi mpinduka zaba zishobora kugira ingaruka ku mari shingiro ikwiye.

Banki Nkuru igihe icyo ari cyo cyose ibimenyeshejwe mu nyandiko kandi ikiguzi cyishingiwe n'umwishingizi, ishobora gutegeka umwishingizi gusaba ko umukozi we ushinzwe kubara ikiguzi cy'ubwishingizi gukora ubundi bushakashatsi ku miterere y'imari ye Banki Nkuru yasobanura mu nyandiko imuha.

Ingingo ya 69: Raporo y'uy'umuhanga mu mibare y'ubwishingizi ku bigo bya Leta by'ubwishingizi

Ibigo bya Leta by'ubwishingizi bishobora gikoresha umuhanga mu mibare y'ubwiahingizi wabyigiye kugira ngo akore ubushakashatsi ku miterere y'imari y'umwishingizi nibura rimwe buri myaka itatu (3).

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi muri uru rwego agomba kuzuza ibisabwa bivugwa mu ngingo ya 65 y'aya mabwiriza kandi agashyirwaho n'inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi cya Leta.

equity and fairness among cohorts of policyholders;

12° assessment of solvency and capital adequacy, including the future needs shown by observed trends and/or business plans and identification of potential adverse scenarios that might impact capital adequacy.

The Central Bank may at any time, by notice in writing and at the cost of the insurer, direct an insurer to request that its Appointed Actuary investigate further such aspects of its financial condition as the Central Bank may specify in the notice.

Article 69: Actuarial report for public insurers

Public insurer may engage a qualified actuary to conduct an investigation into the insurer's financial condition at least once every three (3) years.

The actuary engaged for this purpose must meet the qualifications of an Appointed Actuary specified in article 65 of this regulation and be appointed by the board of the public insurer.

d'assurance participant qui vise l'égalité et l'équité au sein des cohortes des assurés;

12° l'évaluation de la solvabilité et de l'adéquation du capital, y compris les besoins futurs indiqués par les tendances et / ou les plans d'affaires observés et l'identification des scénarios potentiellement défavorables susceptibles d'avoir un impact sur l'adéquation du capital.

La Banque Centrale peut, à tout moment, par avis écrit et aux frais de l'assureur, instruire l'assureur de demander à son actuaire désigné d'enquêter davantage sur les aspects de sa situation financière que la Banque Centrale peut préciser dans l'avis.

Article 69: Rapport actuariel pour les assureurs publics

Les assureurs publics peuvent engager un actuaire qualifié pour mener une enquête sur la situation financière de l'assureur au moins une fois après chaque trois (3) ans.

L'actuaire engagé à cette fin doit répondre aux qualités requises pour l'actuaire désigné a l'article 65 de ce reglement et être nommé par le conseil de l'assureur public.

Umuhanga mu mibare y'ubwishingizi agomba gukora raporo y'ubushakashatsi akayishyikiriza inama y'ubutegetsi y'umwishingizi na Banki Nkuru mu gihe cy'amezi atatu (3) umwaka w'ingengo y'imari w'umwishingizi umaze kurangira.

The actuary shall produce a report of the investigation and submit it to the board of the insurer and to the Central Bank within three (3) months of the insurer's financial year end.

L'actuaire doit produire un rapport de l'enquête et le soumettre au conseil de l'assureur et à la Banque Centrale dans un délai de trois (3) mois suivant la fin de l'exercice financier de l'assureur.

Raporo y'imiterere y'imari igomba kuba irimo nibura ibi bikurikira:

The financial condition report shall include the following, at minimum:

Le rapport sur la situation financièredoit inclure, au minimum:

1° imiterere y'ubwoko bw'ibikorwa, serivisi ndetse n'ubushobozi hashingiwe ku bwiyongere no ku ngano y'isoko afite;

1° a description of the nature of the business, products and performance by growth and market share;

1° une description de la nature de l'entreprise, des produits et de la performance par croissance et par part de marché;

2° isuzuma ku gutandukanya amafaranga y'ubwishingizi ajyanye na gahunda cyangwa amatsinda atandukanye y'ubwishingizi, hamwe n'imitungo ijyanye na byo;

2° assessment of the separation of insurance funds related to different insurance programs or groups, and the related assets;

2° une évaluation de la séparation des caisses d'assurance liées à différents programmes ou groupes d'assurance et aux actifs y afférents;

3° isuzuma ryerekeye ibipimo by'imisanzu ijyanye n'inyungu zitangwa n'ikigega cy'ubwishingizi;

3° assessment of adequacy of contribution rates related to the benefits provided under the insurance scheme;

3° l'évaluation de l'adéquation des taux de cotisation liés aux avantages accordés dans le cadre du régime d'assurance;

4° isesengura ry'ibyateza ingorane umwishingizi yaba yarahuye nabyo, inyungu ku ishoramari nibyakoreshejwe bijyanye n'imirimo ikorwa n'ubuyobozi;

4° experience analysis of all insurance risks, investment earnings and costs, and administrative expenses;

4° l'analyse par expérience de tous les risques d'assurance, des gains et des coûts d'investissement et des frais administratifs;

5° isuzuma rya politiki y'ishoramari, uburyo iberanye n'ibikorwa by'umwishingizi n'ishyirwa mu bikorwa ryayo, cyane cyane mu birebana n'ibisabwa n'amategeko ku mari shingiro;

5° evaluation of the investment policy and its suitability and implementation, particularly in relation to regulatory capital requirements;
harimo inyungu zitishyuwe, na konti yishingiwe neza.;

(3) Umwenda utari inguzanyo y'ingoboka ntuvugururwa inshuro zirenze ebyiri mu gihe cyose umwenda w'ibanze umara;

(4) umwenda uvuguruye ntushobora guhindurirwa icyiciro uzamurwa mu cyo hejuru mbere y'igihe kiri munsi y'amezi atatu akurikira iryo vugururwa.

Ingingo ya 21: Umwenda uvuguruye wo mu cyiciro cy'imyenda "Itujuje ibisabwa"

Umwenda uvuguruye mu cyiciro cy'imyenda "Itujuje ibisabwa" ukomeza kuba mu cyiciro cy'"**Itujuje ibisabwa"** keretse iyo wujuje ibisabwa bikurikira " :

(1) Umwenda wose ugeze igihe cyo kwishyurwa n'inyungu byishyuwe byose igihe cyo kongera kumvikana ku mwenda, icyo gihe ukaba ushobora kugaruka mu cyiciro cy' **«Imyenda Isanzwe»**; cyangwa

(2) inyungu zose zageze igihe cyo kwishyurwa zishyuwe zose igihe cyo kongera kumvikana, icyo gihe ukaba ushobora kugaruka mu cyiciro cy'«**Imyenda Ikurikiranwa»;** cyangwa

(3) iyo habaye kwiishyura gukomeza hashingiwe kuri gahunda yumvikana yo

account, including unpaid interest, a well-secured account;

(3) a credit facility other than overdraft shall not be restructured more than twice over the life of the original facility;

(4) a restructured credit facility shall not be reclassified upward before a period of 3 months minimum following the new arrangements.

Article 21: Restructured credit "Substandard category

A restructured credit in the "Substandard" category will continue to be classified "**Substandard"** unless the following conditions are satisfied:

(1) all past due principal and interest are repaid in full at the time of renegotiation, in which case it may revert to " **Normal"** classification; or

(2) all past due interest is repaid in full at the time of renegotiation, in which case it may revert to '**Watch**" classification; or

(3) a sustained record of performance under a realistic repayment program has been

compris des intérêts impayés, ainsi qu'un compte bien garanti;

(3) un crédit autre que le découvert ne peut être restructuré plus de deux fois au cours de la durée du crédit initial;

(4) un crédit restructuré ne peut être reclassé dans une classe supérieure avant une période minimum de 3 mois suivant les nouveaux arrangements.

Article 21: Crédit restructuré dans la catégorie « Qualité inférieure »

Un crédit restructuré qui est dans la catégorie « Qualité inférieure » reste classé dans la catégorie « **Qualité inférieure »**, à moins que les conditions suivantes soient remplies:

(1) le principal échu et les intérêts sont tous remboursés en totalité au moment de la renégociation, auquel cas il peut revenir à la classification dans la catégorie **«Normale»;**

(2) tous les intérêts échus sont remboursés en totalité au moment de la renégociation, auquel cas il peut revenir à la catégorie **«A signaler»**

(3) un enregistrement constant de performance sous un plan de remboursement réaliste a été

kwishyura. Ukwishyura gufatwa nk'ugukomeza igihe inguzanyo n'inyungu byishyurwa hakurikijwe gahunda yo kwishyura yavuguruwe.

maintained. A record of performance shall be considered as sustained where all principal and interest payments are made according to the modified repayment schedule.

maintenu. Un enregistrement de performance est considéré comme constant si le paiement du principal et intérêts est fait selon l'échéancier de remboursement modifié.

Umwenda uvuguruye mu cyiciro cy'**«Itujuje ibisabwa»** wujuje ibisabwa mu gace ka (3) kavuzwe haruguru, ushobora gushyirwa mu cyiciro cy' **«Imyenda ikurikiranwa»** iyo kwishyura gukomeza kwagumyeho nibura mu gihe cy'amezi atandatu uhereye itariki wavuguruweho. Umwenda uvuguruye mu cyiciro cy'imyenda « Itujuje ibisabwa » wujuje ibisabwa mu gace ka (3) kavuzwe haruguru ushobora gushyirwa mu cyiciro cy' **«Umwenda Usanzwe»** iyo kwishyura gukomeza kugumyeho nibura mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye itariki umwenda wavugururiweho.

A restructured credit in the "**Substandard"** category, which meets condition (3) above, may be classified as "**Watch**" if the sustained record is maintained for at least six months from the restructuring date. A restructured credit in the substandard category, which meets condition (3) above, may be classified as **"Normal"** if the sustained record is maintained for at least twelve (12) months from the restructuring date.

Un crédit restructuré classé dans la catégorie **«Qualité inférieure»,** qui remplit la condition (3) ci-dessus, peut être classé dans la catégorie **«A signaler»** si l'enregistrement constant de performance est maintenu pendant au moins six mois à compter de la date de restructuration. Un crédit restructuré qui est dans la catégorie de « Qualité inférieure qui remplit la condition (3) ci-dessus, peut être classé dans la catégorie **«Normal»** si l'enregistrement constant de performance est maintenu pendant au moins douze (12) mois à compter de la date de restructuration.

<u>Ingingo ya 22</u>: Umwenda uvuguruye uri mu cyiciro cy'«Imyenda itizewe»

Umwenda uvuguruye uri mu cyiciro cy'**«Imyenda itizewe»** ukomeza bisanzwe gushyirwa mu cyiciro cy' **Imyenda itizewe** keretse iyo wujuje ibisabwa bikurikira :

(1) Umwenda wose ugeze igihe cyo kwishyuwa n'inyungu byishyuwe byose igihe cyo kongera kumvikana ku mwenda, icyo gihe ukaba ushobora gusubira mu cyiciro cy'**«Imyenda ikurikiranwa»**; cyangwa

<u>Article 22</u>: Restructured credit in the "Doubtful" category

A restructured credit in the "**Doubtful"** category will continue to be classified "**Doubtful"** unless the following conditions are satisfied:

(1) all past due principal and interest are repaid in full at the time of renegotiation, in which case it may revert to "**Watch"** classification or

<u>Article 22</u>: Crédit restructuré classé dans la catégorie «Douteuse»

Un crédit restructuré qui est dans la catégorie dite **«Douteuse»** reste classé dans la catégorie « **Douteuse »** à moins que les conditions suivantes soient remplies :

(1) le principal échu et les intérêts sont tous remboursés en totalité au moment de la renégociation, auquel cas il peut revenir dans la catégorie **«A signaler»** ou

(2) inyungu zose zigeze igihe cyo kwishyurwa zishyuwe zose igihe cyo kongera kumvikana, icyo gihe ukaba ushobora gusubira mu cyiciro cy' **«Imyenda itujuje ibisabwa.»**

(3) iyo habayeho kwishyura gukomeje hakurikijwe gahunda yo kwishyura yumvikana. Ukwishyura gufatwa nk'ugukomeza igihe iyishyurwa ryose ry'umwenda watanzwe n'inyungu rikorwa hakurikijwe gahunda yo kwishyura yavuguruwe.

Umwenda wongeye kumvikanwaho mu cyiciro cy' **«Imyenda itizewe»** wujuje ibisabwa mu gace ka (3) kavuzwe haruguru, ushobora gushyirwa mu cyiciro cy' **«Imyenda itujuje ibisabwa»** iyo kwishyura gukomeza kwagumyeho nibura mu gihe cy'amezi atandatu uhereye ku itariki wavugururiweho. Ariko ushobora gushyirwa mu cyiciro cy' **«Imyenda ikurikiranwa»** iyo nibura gahunda yo kwishyura yubahurijwe mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye itariki yavugururiweho.

<u>Ingingo ya 23</u>: Umwenda uvuguruwe uri mu cyiciro cy'« Igihombo »

Umwenda uvuguruye uri mu cyiciro cy'«Imyenda iri mu gihombo» ukomeza gushyirwa mu cyiciro cy'«Igihombo» keretse:

(1) umwenda wose ugeze igihe cyo kwishyurwa n'inyungu byishyuwe byose

(2) all past due interest is repaid in full at the time of renegotiation in which case it may revert to"**Substandard"** classification.

(3) a sustained record of performance under a realistic repayment program has been maintained. A record of performance shall be considered as sustained where all principal and interest payments are according to the modified repayment schedule.

A renegotiated loan in the "**Doubtful'** category, which meets condition (3) above, can be classified as' **Substandard"** if the sustained record of performance is maintained for at least six months from the restructuring date. It may however qualify for "**Watch"** classification if the sustained record of performance is maintained for at least twelve months from the restructuring date.

<u>Article 23</u>: Restructured credit in the "Loss" category

A restructured credit in the "Loss" category will continue to be classified "Loss" unless:

(1) all past due principal and interest are repaid in full at the time of

(2) tous les intérêts échus sont remboursés en totalité au moment de la renégociation, auquel cas il peut revenir dans la catégorie **«Qualité inférieure».**

(3) un enregistrement constant de performance sous un programme de remboursement réaliste a été maintenu. Un enregistrement de performance est considéré comme constant si le remboursement du principal et des intérêts est fait selon l'échéancier de remboursement modifié.

Un prêt renégocié qui est classé dans la catégorie **«Douteuse»** qui remplit la condition (3) ci-dessus peut être classé dans la catégorie **«Qualité inférieure»** si l'enregistrement constant de performance est maintenu pendant au moins six mois à compter de la date de restructuration. Il peut cependant être classé dans la catégorie **«A signaler»**, si l'enregistrement constant de performance est maintenu pendant au moins douze mois à compter de la date de la restructuration.

<u>Article 23</u>: Crédit restructuré dans la catégorie dite «Perte»

Un crédit restructuré qui est classé dans la catégorie dite «Perte» est toujours classé dans la catégorie dite «Perte» à moins que:

(1) Le principal échu et les intérêts soient tous remboursés en totalité au moment de la

igihe cyo kongera kumvikana ku mwenda, icyo gihe ukaba ushobora gusubira mu cyiciro cy' «Umwenda utujuje ibisabwa» cyangwa

renegotiation, in which case it may revert to 'Substandard' classification or

renégociation, auquel cas il peut revenir dans la catégorie dite « Qualité inférieure »; ou

(2) inyungu zose zigeze igihe cyo kwishyurwa zishyuwe igihe cyo kongera kumvikana ku mwenda, icyo gihe ukaba ushobora gusubira mu cyiciro cy' «Umwenda utizewe»;

(2) all past due interest is repaid in full at the time of renegotiation in which case it may revert to 'Doubtful' classification.

(2) tous les intérêts échus soient remboursés en totalité au moment de la renégociation, auquel cas il peut revenir dans la catégorie «Douteuse »;

(3) Iyo habayeho kwishyura gukomeje gushingiye kuri gahunda yumvikana yo kwishyura. Ukwishyura gufatwa nk'ugukomeza iyo iyishyurwa ryose ry'umwenda watanzwe n'inyungu rikorwa hakurikijwe gahunda yo kwishyura yavuguruwe.

(3) a sustained record of performance under a realistic repayment program has been maintained .A sustained record of performance means that all principal and interest payments are according to the modified repayment schedule.

(3) un enregistrement constant de performance sous un programme de remboursement réaliste ait été maintenu. Un enregistrement de performance est considérécomme constant si le remboursement du principal et des intérêts est fait selon l'échéancier de remboursement modifié.

Umwenda wongeye kumvikanwaho uri mu cyiciro cy'«Igihombo», wujuje ibisabwa mu gace ka (3) kavuzwe haruguru, ushobora gushyirwa mu cyiciro cy' "Umwenda utizewe» iyo kwishyura gukomeje byagumyeho nibura mu mezi atandatu uhereye itariki wongeye kumvikanwaho. Ariko ushobora kuzuza ibisabwa mu cyiciro cy' «Umwenda utujuje ibisabwa» iyo kwishyura bukomeje bimaze nibura gihe cy'amezi cumi n'abiri (12).

A renegotiated loan in the "Loss" category, which meets condition (3) above, can be classified as" Doubtful" if the sustained record of performance is maintained for at least six (6) months from the renegotiated date. It may however qualify for "Substandard" classification if the sustained record of performance is maintained for at least twelve (12) months.

Un crédit renégocié qui est classé dans la catégorie «Perte», qui remplit la condition (3) ci-dessus, peut être classé dans la catégorie «Douteuse» si l'enregistrement constant de performance est maintenu pendant au moins six (6) mois à compter de la date de renégociation. Il peut cependant être classé dans la catégorie «Qualité inférieure», si l'enregistrement constant performance est maintenu pendant au moins douze (12) mois.

Ingingo ya 24: Ingwate

Banki isuzuma imiterere y' ingwate zishingiye umwenda uwo ari wo wose igihe umwenda cyangwa inyungu bigiye mu birarane cyangwa bitacyishyurirwa ku gihe ;

Banki ishobora gutangiza inzira zabamo no kugurisha ingwate igihe umwenda utangiye kutishyurwa neza ;

Ingwate zishobora kwemerwa mu rwego rwo kugena ingano y'amafaranga y'ingoboka ni izi zikurikira:

a) Iziherekejwe n'inyandiko zisabwa kandi zemewe n'amategeko;
b) Izasuzumwe kandi zanditswe mu buryo bukwiye;
c) Izishingiwe mu buryo bukwiye ;
d) Izahawe agaciro n'umugenagaciro wemewe;
e) Izigurisshwa ku buryo bworoshye ku isoko, igihe ari inyandiko z'agaciro;
f) Kuba nta bandi bantu bafite uburenganzira bwa mbere ku ngwate bushobora kugabanya agaciro kayo cyangwa bakabuza banki kubona inyandiko zemeza uburengazira bwayo kuri iyo ngwate.;

Article 24: Collaterals and guarantees

A bank shall evaluate the status of security or collateral on any credit facility once payment of principal or interest falls into arrears or becomes irregular;

A bank may initiate procedures which could include the realization of any security or collateral once a credit facility becomes non-performing;

Collateral that can be taken into account for the purpose of determining levels of provisioning shall be:

a) Supported by proper legal documentation;
b) Appropriately charged and registered;
c) Adequately insured;
d) Valued by an accredited valuer;
e) Actively traded in the market, in the case of securities;
f) Free of prior liens which could reduce its value or prevent the bank from obtaining clear title;

Article 24: Sûretés et garanties

La banque évalue l'état du titre ou de la garantie relative au crédit une fois que le remboursement du principal ou des intérêts tombe dans les arriérés ou devient irrégulier ;

La banque peut initier les procédures de remboursement y compris la réalisation de toute garantie une fois que le crédit devient non-performant;

Les garanties qui peuvent être prises en compte dans le but de déterminer les taux de provisions sont les suivantes:

a) Celles prouvées par des documents légaux appropriés;
b) Evaluées et enregistrées convenablement;
c) Assurées de manière adéquate ;
d) Evaluées par un évaluateur agréé ;
e) Commercialisées dans un marché actif, dans le cas des titres;
f) Absence de privilèges antérieurs qui pourraient réduire sa valeur ou empêcher la banque d'obtenir de titre sans charge;

g) Kuba nta bibazo bigaragara bishobora kubangamira ifatira cyangwa igurisha ry'ingwate ;

h) Itunganye mu buryo bwose nk'uko biteganywa muri politiki y'inguzanyo

Haseguriwe igenagaciro iryo ari ryo ryose ry'ingwate ryakoreshejwe na banki, Banki Nkuru ishobora gusaba ko irindi genagaciro rikorwa n'umugenagaciro yihitiyemo.

Ingingo ya 25: Ingwate mw'ibara ry'ingoboka

Amafaranga asigaye atishyuwe y'umwenda agomba kuvanwa ku gaciro k'ingwate yawo mbere yo kugena amafaranga y'ingoboka zihariye kugeza ku mafaranga ntarengwa avanwa ku mwenda nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Banki Nkuru. Icyakora, Banki Nkuru, ikoresheje amabwiriza ishobora gutegeka banki kutavana ingwate mu mafaranga atarishyurwa mbere yo kugena amafaranga y'ingoboka k'ubwoko bwihariye bw'inguzanyo zitishyurwa.

Ingingo ya 26: Ikoresha ry'Ibipimo Mpuzamahanga Ngenderwaho mu Itanga ry'amakuru ajyanye n'Imari (IFRS)

Banki ishobora kubara ingoboka ikurikije ibisabwa na IFRS.

g) Characterized by no foreseeable difficulties in actual foreclosure or disposing;

h) Perfect in all other ways as specified in the credit policy.

Notwithstanding any valuation of a security undertaken by a bank, the Central Bank may require another valuation to be undertaken by a valuer of its choice.

Article 25: Consideration of collaterals and guarantees for provisioning purposes

The outstanding balance of a credit facility must be deducted from its collateral and guarantee value before determining specific provisions up to the haircuts determined by the directive of the Central Bank. However, the Central Bank may, by Directive, require banks not to consider collaterals and guarantees when determining the provisions for a particular class of non-performing loans.

Article 26: Use of International Financial Reporting Standards (IFRS)

A bank may compute provisions in accordance with the requirements of IFRS.

g) Absence de difficultés prévisibles dans la saisie ou la disposition effective de la garantie ;

h) Parfait dans toutes les manières spécifiées dans la politique de crédit.

Nonobstant toute évaluation d'une garantie faite par une banque, la Banque Centrale peut exiger qu'une autre évaluation soit faite par un évaluateur de son choix.

Article 25: Considération de sûretés et garanties à des fins de provisions

Le solde impayé du crédit doit être déduit de sa valeur de sûreté et de garantie avant de déterminer les provisions spécifiques jusqu'aux décomptes déterminés par la directive de la Banque Centrale. Toutefois, la Banque Centrale peut, en vertu d'une directive, obliger les banques à ne pas prendre en considération les sûretés et garanties en déterminant les provisions pour les catégories particulières de prêts non performants.

Article 26: Utilisation des Normes Internationales d'Information Financière (IFRS)

La Banque peut constituer des provisions conformément aux exigences des Normes Internationales d'Information Financière (IFRS).

Iyo ingoboka zagenwe hakoreshejwe ibisabwa na IFRS ziri munsi y'ingoboka zibazwe hakoreshejwe aya mabwiriza, ikinyuranyo kiri hagati y'ingano y'izo ngoboka gifatwa nk'umutungo winjijwe uturutse ku nyungu itagabanyijwe abanyamigabane kigashyirwa mu ngoboka zidatangwa.

Where provisions determined using IFRS are lower than provisions determined using this regulation, the difference shall be treated as an appropriation from retained earnings and placed in a non-distributable reserve.

Lorsque les provisions constituées conformément aux IFRS sont inférieures à celles prévues par le présent règlement, la différence est considérée comme revenu résultant des bénéfices retenus et elle est placée dans la réserve non distribuable.

Aho ingoboka zagenwe hakurikijwe IFRS ziruta izagenwe hakoreshejwe aya mabwiriza, izabazwe hakurikijwe IFRS zifatwa ko zikwiye ku rwego rw'aya mabwiriza.

Where provisions determined under IFRS are higher than those determined using this regulation, they will be considered to be adequate for the purpose of this regulation.

Lorsque des provisions déterminées conformément aux IFRS sont supérieures à celles déterminées en vertu du présent règlement, elles sont considérées comme adéquates aux fins de l'application du présent règlement.

Ingingo ya 27: Igenzurwa rikorwa na Banki Nkuru

Article 27: Inspection by Central Bank

Article 27: Inspection par la Banque Centrale

Banki Nkuru ishobora gukora igenzura ry'amabanki mu rwego rwo kureba niba raporo zerekeye imyenda itishyurwa neza zikorwa ku buryo bunoze kandi ko n'imyiyongerere y'inyungu zayo yubahiriza aya Mabwiriza.

The Central Bank may undertake inspections of banks to determine whether reporting of non-performing credit facilities is accurate and interest accrual for the credit facilities are in compliance with this Regulation.

La Banque Centrale peut effectuer des inspections des banques en vue de s'assurer que les rapports sur les crédits non performants sont exacts et que les intérêts échus pour ces crédits sont conformes au présent règlement.

Iyo mu gihe cy'igenzura isanze Ubuyobozi bwa banki butarashyize umwenda utacyishyurwa neza mu cyiciro gikwiye, Banki Nkuru isaba ko ishyirwa mu byiciro nyancyo kandi n'igenwa ry'ingoboka zirebana n'iyo myenda rigakorwa.

Where, in the course of an inspection, it determines that the management of a bank has not properly classified a non-performing credit facility; the Central Bank shall call for the proper classification and corresponding provisioning.

Lorsqu'au cours de l'inspection, elle constate qu'un crédit non performant n'a pas été classé convenablement par la direction de la banque, la Banque Centrale exige une nouvelle classification ainsi que la constitution de provisions correspondantes.

Mu gihe raporo iyo ari yo yose iteganyijwe aya Mabwiriza igaragaye ko itanoze, Banki Nkuru isaba ko ikosorwa kugira ngo ihuzwe n'imiterere nyayo.

When any report on non-performing loans is determined to be inaccurate, the Central Bank shall call for correction to reflect an accurate position.

Lorsqu'un rapport sur les crédits non performants est jugé inexact, la Banque Centrale exige sa correction afin qu'il reflète le statut actuel.

Banki Nkuru ishobora kandi gusaba abagenzuzi b'igenga kureba niba banki ikora raporo mu buryo bunoze cyangwa ko yubahiriza aya mabwiriza.

The Central Bank may also call upon external auditors to determine whether a bank is reporting accurately or is in compliance with this regulation.

La Banque Centrale peut faire recours aux auditeurs externes pour s'assurer que la banque produit ses rapports convenablement ou est en conformité avec le présent règlement.

UMUTWE WA V: GUTANGA RAPORO, INGAMBA Z'IKOSORA, IBIHANO N'INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: REPORTS, REMEDIAL MEASURES, PENALTIES AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V : RAPPORTS, MESURES CORRECTIVES, SANCTIONS ET DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 28: Raporo ku mwenda utishyurwa neza

Hubahirijwe ibihe byo gutanga raporo biteganywa n'amabwiriza rusange agena raporo zisabwa amabanki, banki igomba gushyikiriza Banki Nkuru raporo ku ngano y'imyenda itishyurwa neza kandi ikagaragaza amazina y'abafite imyenda batishyura neza.

Bitabangamiye ibisabwa mu gutanga raporo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Banki Nkuru yihariye uburenganzira bwo kubona amakuru y'ikoranabuhanga mu bubiko bw'amakuru yerekeye banki.

Article 28: Reporting on non- performing credit facility

With respect of the reporting periods provided for in the regulation on reporting requirements from banks, a bank must submit electronically to the Central Bank the level of non-performing credit facilities and disclose the names of non-performing borrowers using formats provided in the electronic reporting system.

Without prejudice to the provisions of paragraph One of this article, the Central Bank reserves the right to access above information from the bank database.

Article 28: Rapport sur le crédit non performant

Conformément aux periodes de rapports telles que prévues par le règlement sur des rapports exigés aux banques, une banque doit soumettre electroniquement à la Banque Centrale le rapport sur les crédits non performants et les noms des débiteurs non performants en utulisant les formats contenus dans le system electronic d'information.

Sans préjudice des exigences de rapports spécifiées à l'alinéa premier du présent article, la Banque Centrale se réserve le droit d'accès en ligne aux informations ci-dessus dans la base de données bancaire.

Ingingo ya 29: Ibikorwa bikosora n'ibindi bihano

Igihe banki itubahirije ibisabwa n'aya mabwiriza, Banki Nkuru ishobora, ishingiye ku miterere y'ikosa, gufata ibihano biteganywa n'Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki n'amabwiriza ateganya ibihano mu mafaranga.

Article 29: Corrective actions and other penalties

Where a bank fails to meet any of the requirements of this regulation, the Central Bank, may, depending, on the violation, apply the sanctions provided in the law governing

Article 29: Mesures correctives et autres sanctions

En cas de violation d'une condition quelconque prévue dans le présent règlement par une banque, la Banque Centrale peut en fonction de la violation commise, lui imposer des sanctions prévues par la loi

	organization of banking and regulation on pecuniary sanctions.	portant organisation de l'activité bancaire et le règlement sur les sanctions pécuniaires.
Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 30: Repealing of inconsistent provision**	**Article 30: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose zibanziriza aya mabwiriza kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Regulation are hereby repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogées.
Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange	**Article 31: Drafting and consideration of this Regulation**	**Article 31: De l'initiation, examen et approbation**
Aya mabwiriza rusange yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'icyongereza.	This Regulation was prepared, considered and approved in English.	Le présent règlement a été initié, examiné et approuvé en Anglais.
Ingingo ya 32: Igihe Amabwiriza atangira gukurikizwa	**Article 32: Commencement**	**Article 32: Entrée en vigueur**
Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This regulation comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Bikorewe i Kigali, tariki ya 23/11/2017	**Done in Kigali, on 23/11/2017**	**Fait à Kigali, le 23/11/2017**
(se) **RWANGOMBWA John** **Goverineri**	**(se)** **RWANGOMBWA John** **Governor**	**(se)** **RWANGOMBWA John** **Gouverneur**

AMABWIRIZA RUSANGE N° 13/2017 YO KUWA 23/11/2017 YEREKEYE IBIKORWA HAGATI YA BANKI N'ABANTU BAFITANYE ISANO NA YO N'IMICUNGIRE Y'INGORANE ZATERWA N'UBUCUCIKE BW'INGUZANYO

REGULATION N°13/2017 OF 23/11/2017 ON TRANSACTIONS WITH BANK RELATED PARTIES AND MANAGEMENT OF CREDIT CONCENTRATION RISK

REGLEMENT N°13/2017 DU 23/11/2017 RELATIF AUX TRANSACTIONS AVEC LES PERSONNES APPARENTEES A UNE BANQUE ET GESTION DU RISQUE DE CONCENTRATION DE CREDIT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II : IBIKORWA BYA BANKI N'ABANTU BAFITANYE ISANO NA YO

Ingingo ya 3 : Imicungire inoze y'ibikorarwa bya banki n'abantu bafitanye isano yo

Ingingo ya 4 : Urugero ntarengwa rw'imyenda ihabwa abantu bafitanye isano na banki

Ingingo ya 5 : Ingwate

Ingingo ya 6 : Inguzanyo zihawe abakozi

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article one: Purpose

Article 2: Definitions

CHAPTER II: TRANSACTIONS WITH BANK RELATED PARTIES

Article 3: Prudential management of transactions of a bank with its related parties

Article 4: Limit of exposures to related parties

Article 5: Collaterals

Article 6: Loans to employees

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet

Article 2: Définitions

CHAPITRE II: TRANSACTIONS AVEC LES PERSONNES APPARENTEES A LA BANQUE

Article 3: Gestion prudentielle des transactions d'une banque avec les personnes apparentées

Article 4: Limite des engagements aux personnes apparentées à la banque

Article 5: Garanties

Article 6: Prêts aux employés

UMUTWE WA III : IMICUNGIRE Y'ATERWA N'INGORANE ZATERWA N'UBUCUCIKE BW'INGUZANYO	**CHAPTER III: MANAGEMENT OF CONCENTRATION RISK**	**CHAPITRE III: GESTION DU RISQUE DE CONCENTRATION DE CREDIT**
Ingingo ya 7 : Imicungire ikwiye y'ingorane zaterwa n'ubucucike bw'inguzanyo	**Article 7: Prudential management of concentration risk**	**Article 7: Gestion prudentielle du risque de concentration**
Ingingo ya 8 : Ibipimo ntarengwa ku myenda minini	**Article 8: Large exposure limits**	**Article 8: Limites sur des engagements importants**
Ingingo ya 9: Imirongo ngenderwaho mu kugena igipimo cy'imyenda	**Article 9: Guidelines for measuring the exposures**	**Article 9: Lignes directrices pour la mesure des engagements**
Ingingo ya 10 : Imyenda isonewe	**Article 10: Exempted exposures**	**Article 10: Engagements exonérés**
Ingingo ya 11 : Ingwate zemewe	**Article 11: Allowable Collaterals**	**Article 11: Garanties admissibles**
Ingingo ya 12 : Ibipimo ntarengwa ku myenda yose minini	**Article 12: Limits in aggregate large exposures**	**Article 12: Limites de l'ensemble des engagements importants**
Ingingo ya 13 : Ibisabwa mu byerekeye gutanga raporo	**Article 13: Reporting requirements**	**Article 13: Exigences en matière de rapports**
UMUTWE WA IV : IBIHANO N'INGINGO ZISOZA	**CHAPTER IV: SANCTIONS**	**CHAPITRE IV: SANCTIONS**
Ingingo ya 14 : Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 14: Administrative sanctions**	**Article 14: Sanctions administratives**
Ingingo ya 15: Ibihano by'amafaranga	**Article 15: Pecuniary sanctions**	**Article 15: Sanctions pécuniaires**

UMUTWE WA V : INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 16 : Ingingo z'inzibacyuho	**Article 16: Transitional provisions**	**Article 16: Dispositions transitoires**
Ingingo ya 17 : Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza	**Article 17: Repealing provisions**	**Article 17: Dispositions abrogatoires**
Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange	**Article 18: Drafting and consideration of this Regulation**	**Article 18: De l'initiation, examen et approbation**
Ingingo ya 19: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	**Article 19: Commencement**	**Article 19: Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA RUSANGE N° 13/2017 YO KUWA 22/11/2017 YEREKEYE IBIKORWA HAGATI YA BANKI N'ABANTU BAFITANYE ISANO NA YO N'IMICUNGIRE Y'INGORANE ZATERWA N'UBUCUCIKE BW'INGUZANYO	**REGULATION N°13/2017 OF 23/11/2017 ON TRANSACTIONS WITH BANK RELATED PARTIES AND MANAGEMENT OF CREDIT CONCENTRATION RISK**	**REGLEMENT N°13/2017 DU 23/11/2017 RELATIF AUX TRANSACTIONS AVEC LES PERSONNES APPARENTEES A UNE BANQUE ET GESTION DU RISQUE DE CONCENTRATION DE CREDIT**
Ishingiye ku Itegeko n°48/2017 ryo kuwa 23/09/ 2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15;	Pursuant to Law n°48/2017 of 23/09/ 2017 governing the Central Bank of Rwanda, especially in Articles 6, 8, 9, 10 and 15;	Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 8,9,10 et 15;
Ishingiye ku Itegeko n° 47/217 ryo kuwa 23/09/ 2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 31, iya 37 n'iya 117;	Pursuant to Law n° 47/2017 of 23/09/ 2017 governing the organization of banking, especially in Articles 31, 37 and 117;	Vu la Loi n° 007/2008 du 08/04/2008 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 37, 36 et 117 ;
Isubiye ku Mabwiriza Rusange N°04/2008 yerekeye inguzanyo zihabwa abafite ububasha bwo gufata ibyemezo muri banki;	Having reviewed the regulation n° 04/2008 on insider lending of banks;	Revu le Règlement N° 04/2008 sur les crédits aux initiés des banques ;
Isubiye ku Mabwiriza Rusange N°05/2008 yerekeye itangwa ry'inguzanyo nyinshi n'imyenda minini;	Having reviewed the regulation n° 05/2008 on credit concentration and large exposure;	Revu le Règlement N° 05/2008 relatif à la concentration de crédits et aux engagements importants;
Banki Nkuru y'u Rwanda, yitwa « Banki Nkuru » mu ngingo zikurikira, itegetse:	The Central Bank of Rwanda hereafter referred to as " The Central Bank", decrees :	La Banque Nationale du Rwanda ci-après dénommée « La Banque Centrale » édicte :

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza rusange agenga ibikorwa by'ubucuruzi amabanki akorana n'abantu bafitanye isano na yo, hagamijwe imikorere myiza no gushyiraho amabwiriza ngenderwaho yerekeye imicungire y'ingorane zaterwa n'ubucucike bw'inguzanyo.

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira asobanura:

1° « **Banki » :** ikigo cy'imari kigengwa kandi kikanagenzurwa hashingiwe ku itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki ;

2° « **Umuntu ufitanye isano na banki** » umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi bafite nibura kimwe bahuriraho na banki mu bintu bikurikira :

a. ari mu bagize Inama yUtegetsi, cyangwa uri mu bagize ubutegetsi bwa banki ;

b. afite ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imigabane igaragara muri banki ;

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article one: Purpose

This regulation governs transactions of banks with their related parties for sound practices and prudential rules relating to management of concentration risk.

Article 2: Definitions

In this regulation, the following terms and expressions shall mean:

1° "**Bank**": **"**: a financial institution regulated and supervised under the law governing the organization of banking;

2° "**Bank related party**" any natural person or legal entity is considered as a bank-related party in the following circumstances:

a. a person who is a member of the Board of Directors or member of the senior management of the bank;

b. a person who has a direct or indirect significant holding in the bank;

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet

Le présent règlement régit les transactions des banques avec les personnes qui leur sont apparentées en vue d'établir de bonnes pratiques et des règles prudentielles relatives à la gestion du risque de concentration de crédit.

Article 2: Définitions

Dans le présent règlement, les termes et expressions suivants signifient :

1° « **Banque** » : institution financière réglementée et supervisée en vertu de la loi portant organisation de l'activité bancaire ;

2° « **Personne apparentée à une banque** » une personne physique ou morale est considérée comme apparentée à une banque dans les circonstances suivantes:

a. membre du Conseil d'Administration ou membre de la direction d'une banque ;

b. détient directement ou indirectement une participation importante dans la banque ;

c. ari mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa mu bayobozi mu bigo bivugwa mu duce twa « g » cyangwa « h » ;

d. ari uwo bashakanye, ufitanye isano itaziguye cyangwa iziguye kugeza ku gisanira cya kabiri n'umwe mu bantu bavugwa mu duce twa « a », « b » cyangwa « c » ;

e. Ikigo gifite umwe mu bantu bavugwa mu duce «a», «b», «c» cyangwa «d» nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ubuyobozi;

f. Ikigo gifite umwe mu bantu bavugwa mu duce «a», «b», «c» cyangwa «d» wenyine cyangwa hamwe n'abandi, ufitemo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, nibura icumi ku ijana (10%) by'imigabane cyangwa uburenganzira bwo gutora cyangwa bashobora kuganza ;

g. ikigo banki yonyine, cyangwa ifatanyije n'izindi, igenzura cyangwa igiramo uruhare mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ;

h. ikigo kigenzurwa cyangwa kigirwamo uruhare mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n'ikigo kigenzura banki.

c. a person who is a member of the Board of Directors or the management of an entity covered by "g" or "h";

d. any spouse, family member on direct line or collateral line up to the second degree of any of the persons mentioned under "a", "b", or "c" ;

e. any entity in which any of the persons mentioned under "a", "b", "c", or "d" is a member of the Board of Directors or the management;

f. any entity in which any of the persons mentioned under "a", "b", "c", or "d" above holds directly or indirectly, alone or with others, at least ten (10%) percent of the shares or voting rights or on which these persons can exert influence;

g. any entity that the bank, alone or with others, controls or on which it exerts influence directly or indirectly;

h. an entity controlled or on which influence is exerted directly or indirectly by an entity that controls the bank.

c. membre du Conseil d'Administration ou de la direction d'une entité mentionnée au point « g » ou « h » ;

d. conjoint ou membre de famille en ligne directe ou collatérale jusqu'au deuxième degré de l'une des personnes mentionnées au point « a », « b » ou « c » ;

e. entité dans laquelle l'une des personnes mentionnées au point «a», «b», «c» ou «d» est membre du Conseil d'Administration ou de la direction;

f. entité dans laquelle l'une des personnes mentionnées au point «a», «b», «c» ou «d» ci-dessus détient, directement ou indirectement, seule ou avec d'autres, au moins dix pour cent (10%) des actions ou des droits de vote ou sur lesquelles ces personnes peuvent exercer une influence ;

g. entité que la banque, seule ou avec d'autres, contrôle ou sur laquelle elle exerce une influence directe ou indirecte;

h. entité contrôlée ou sur laquelle l'influence est exercée directement ou indirectement par une entité qui contrôle la banque.

3° **« Abantu bahujwe n'inyungu»:** abantu babiri cyangwa benshi cyangwa ibigo bifite ubuzimagatozi bafatwa nk'aho bafite inyungu bahuriyeho iyo:

a. umwe agenzura undi cyangwa abandi bose mu buryo butaziguye cyangwa buziguye;
b. bafitanye imikoranire ku buryo iyo umwe agize ibibazo mu rwego rw'imari, undi cyangwa abandi bose bagira ibibazo byo kwishyura;

4° « **Igenzura » :** ububasha abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bifite ubuzimagatozi bagira ku mikorere ya banki kubera ko:

a. bayifitemo hejuru ya mirongo itanu ku ijana (50%) by'imari shingiro cyangwa by'uburenganzira bwo gutora;

b. bashobora gushyiraho no gukuraho abarenze kimwe cya kabiri cy'abagize Inama y'Ubutegetsi ya banki kandi banayifitemo imigabane;

c. bashobora gutuma banki ifata ibyemezo bo bishakiye bitewe n'amasezerano bagiranye na yo cyangwa n'ingingo z'amategeko yihariye ayigenga

3° "**Interconnected parties**" **:** two (2) or more natural persons or legal entities are regarded as interconnected if:

a. one controls the other or the entire group, directly or indirectly;

b. they are so interrelated that, if one of them is experiencing financial problems, the other or all of the others encounter repayment difficulties;

4° **"Control":** power by which natural persons or legal entities exercise control over a bank on account of:

a. holding more than fifty percent (50%) in the equity capital or voting rights;

b. having the right to appoint or remove majority of the members of the Board of Directors of a bank who are at the same time shareholders of that bank;

c. having the power to exert influence over a bank on the basis of a contract entered into with that bank,

3° **« Personnes liées »:** deux (2) ou plusieurs personnes physiques ou morales sont considérées comme étant liées lorsque:

a. l'une contrôle l'autre ou tout le groupe, directement ou indirectement ;

b. elles sont tellement interdépendantes que, si l'une d'entre elles a des problèmes financiers, l'autre ou tous les autres éprouvent des difficultés de paiement;

4° «**Contrôle**»: pouvoir par lequel les personnes physiques ou morales contrôlent une banque du fait:

a. qu'elles en détiennent plus de cinquante pour cent (50%) des fonds propres ou des droits de vote;
b. qu'elles ont le droit de nommer ou de révoquer la majorité des membres du Conseil d'Administration de la banque dont elles sont actionnaires;
c. qu'elles ont le pouvoir d'exercer une influence dominante sur une banque en vertu d'un contrat conclu avec celle-ci ou en vertu

	or to a clause in the bylaws of said bank;	d'une clause des statuts de celle-ci;
5° « **Urundi ruhande » :** uwo banki yahaye cyangwa iri mu nzira zo guha umwenda ushobora gushyirwa cyangwa ntushyirwe mu ifoto y'umutungo.	5° **"Counterparty":** a party to whom a bank has an on- or off- balance sheet credit exposure or a potential credit exposure.	5° « Contrepartie »: une partie actuellemt ou eventuellement engagée à une banque suite au crédit de bilan ou de hors bilan.
6° « **Ingorane zaterwa no kutishyura k'urundi » :** ingorane zabaho iyo urundi ruhande mu masezerano rushobora kutayubahiriza mbere yo kwishyura icyiciro cya nyuma hakurikijwe uko amafaranga yinjira cyangwa asohoka, ubusanzwe byifashishwa mu gupima imyenda hashingiwe ku mpapuro mvunjwafaranga n'ibizikomokaho.	6° **"Counterparty credit risk**": the risk that the counterparty to a transaction could default before the final settlement of the transaction's cash flows, usually referred to in order to measure the exposure to securities and derivatives transactions**.**	6° **«Risque de crédit de la contrepartie»:** le risque que la contrepartie d'une transaction pourrait être défectueuse avant le règlement final des flux de trésorerie de la transaction, habituellement désigné pour mesurer l'exposition aux opérations sur des titres et des produits dérivés.
7° **« Inguzanyo »:** umutungo uwo ari wo wose cyangwa umutungo utagaragara mu ifoto y'umutungo ushobora kutishyurwa, nk'inguzanyo, inguzanyo y'ingoboka, avansi, ikodesha-gurisha, inyandiko z'agaciro zemerwa, inyandiko zifite agaciro mu mafaranga, ingwate n'indi mitungo cyangwa ibidateganyijwe bifitanye isano n'ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'imyenda;	7° **"Credit":** ": any asset or off-balance sheet item which contains credit risk, such as loans, overdrafts, advances, finance leases, acceptances, bills discounted, guarantees and other assets or contingencies connected with credit risk;	7° **«Crédit»**: tout avoir ou élément de hors bilan qui contient le risque de crédit, tels que les prêts, les découverts, les avances, le prêt bail, les acceptations, les effets escomptés, les sûretés et autres éléments d'actif ou imprévus en rapport avec le risque de crédit.
8° « **Ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'imyenda »**: ingorane zo guhomba amafaranga, nubwo haba haratanzwe ingwate, bitewe n'uko uwagurijwe atabashije kwishyura umwenda afitiye banki.	8° "**Credit risk**": the risk of financial loss, despite realization of the main or secondary collateral, because of a debtor's inability to satisfy his obligations to a bank.	8° **«Risque de crédit»:** le risque de perte financière, malgré la réalisation de garantie principale ou secondaire, en raison de l'incapacité du débiteur d'honorer ses obligations envers une banque.

9° « **Kugabanya ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'inguzanyo» :** gukoresha ingamba zikwiye hagamijwe kugabanya ingaruka mbi ziterwa n'igihombo ku nguzanyo, harimo guhabwa ingwate, umwishingizi n'ibibikomokaho.

10° **« Imyenda yose »:** igiteranyo cy'imyenda yose banki yahaye uwagurijwe harimo inguzanyo, inyandiko nyizezabwishyu, avansi, inyandiko mpeshamwenda n'ubundi bwoko bw'imyenda cyangwa ibiteye nk'imyenda banki yemereye umukiriya;

11° **« Imyenda minini »**: imyenda banki ifitiwe n'umukiriya cyangwa itsinda ry'abakiriya bahujwe n'inyungu, iyo myenda ikaba ingana nibura n'icumi ku ijana (10 %) by'imari shingiro bwite ya banki.

12° **« Abakozi bakuru» :** abakozi bo mu buyobozi bagizwe n'abakozi bo ku rwego rwo hejuru rwa banki. Abo ni :

a) Umuyobozi Mukuru (CEO/MD) ;

b) Abakozi Bakuru bashamikiye kandi batanga raporo yabo y'akazi, ku buryo butaziguye, ku Inama y'Ubutegetsi

9° "**Credit risk mitigation**": the use of appropriate strategies to reduce adverse effects of the credit risk exposure, including collateralization, guarantees and derivatives.

10° **"Credit exposure"** : the total amount of credit extended to a borrower by the bank, including credit lines, letters of credit, advances, debt securities and similar forms of credits or credit commitments granted by a bank to a client;

11° "**Large exposure"**: exposures to a counterparty or group of connected counterparties, which represent at least ten percent (10%) or more of the bank's core capital.

12° "**Senior managers**": the management personnel which are the high-level key executives of the bank. These are:

a) The Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD) ;
b) Senior Executives reporting to the Board or to Board Committees ; and

9° **«Atténuation du risque de crédit»:** l'utilisation de stratégies appropriées afin de réduire les effets négatifs de l'exposition au risque de crédit, y compris la garantie par nantissement, les garanties et les produits dérivés.

10° **«Engagement de crédit»** le montant total des crédits accordés, par la banque, à un emprunteur y compris les lignes de crédit, les crédits documentaires, les avances, les titres de créance et les formes similaires de crédits ou d'engagements de crédit accordés par une banque à un client;

11° **« Engagements importants » :** engagements d'un client ou d'un groupe de clients interdépendants envers une banque, qui représentent au moins dix pour cent (10 %) du capital de base de la banque.

12° **« Cadres dirigeants »** : le personnel de direction qui est composé de cadres supérieurs de haut niveau de la banque. Il ságit de :

a) Directeur Général ;

b) Hauts Responsables Executifs qui relèvent directement du Conseil d'Administration ; et

cyangwa Komite z'Inama y'Ubutegetsi ; na

c) Abakozi Bakuru bashamikiye kandi batanga raporo yabo y'akazi, ku buryo butaziguye, ku Umuyobozi Mukuru (CEO/MD).

c) Senior executives reporting to the Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD)

c) Hauts Responsables Executifs qui relèvent directement du Directeur Général.

UMUTWE WA II : IBIKORWA BYA BANKI N'ABANTU BAFITANYE ISANO NA YO

CHAPTER II: TRANSACTIONS WITH BANK RELATED PARTIES

CHAPITRE II: TRANSACTIONS AVEC LES PERSONNES APPARENTEES A LA BANQUE

Ingingo ya 3 : Imicungire inoze y'ibikorarwa bya banki n'abantu bafitanye isano yo

Banki igomba kugira no gukurikiza politiki n'uburyo bw'imikorere binoze mu rwego rwo kumenya, gusuzuma no gucunga ingorane zaterwa n'ibikorwa banki ikorana n'abantu bafitanye isano na yo. Politiki n'uburyo bw'imikorere byerekeye ibikorwa bya banki n'abantu bafitanye isano na yo bigomba :

(1) guteganya ko ibyo bikorwa bidakorwa horoshywa cyane ibisabwa kuruta uko byakorwa mu gihe ibyo bikorwa byaba bikoranwa n'umuntu udafitanye isano na banki;

(2) guteganya uburyo bwo kumenya ku buryo buhoraho imyenda banki ifitiwe na buri wese

Article 3: Prudential management of transactions of a bank with its related parties

A bank must have and implement effective policies and procedures to identify, evaluate and manage risks that would arise from transactions of a bank with its related parties. The policies and procedures on bank's transactions with its related party must:

(1) guarantee that the transactions are not undertaken on more favorable terms than it would be if the transaction was done with a person who is not a bank related party;

(2) provide for frequent identification of individual exposures to related parties, as well as the total amount of such exposures;

Article 3: Gestion prudentielle des transactions d'une banque avec les personnes apparentées

